

REPUBLIC OF RWANDA

SUPREME COURT P.o. Box. 2197 KIGALI www.judiciary.gov.rw



ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 4 - 2020 Ukwakira, 2020



RWANDA LAW REPORTS

Law Report V. 4 - 2020 October, 2020





ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 4 - 2020 Ukwakira, 2020



RWANDA LAW REPORTS

Law Report V. 4 - 2020 October, 2020

ISHAKIRO

ABAGIZE KOMITE Y'UBWANDITSI	iiiii
KOMITE YEMEZA IMANZA	v
IRIBURIRO	iix
IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO	xi
INYITO	xi
AMATEGEKO YASHINGIWEHO	xiii
IMANZA ZIFASHISHIJWE	XV
AMAGAMBO MPINE	xvii
Re. GLIHD	1
TUYISENGE N'UNDI v. RWANDA MOTOR S.A	27
NZITONDA v. COGEBANQUE LTD N'ABANDI	45
AKISANTI v. TUYISHIMIRE	63
NIWEMUGENI v. KCB RWANDA Ltd	95
STRONG CONSTRUCTIONS Ltd v. RADIANT INST	
UBUSHINJACYAHA v. GATABAZI	

ABAGIZE KOMITE Y'UBWANDITSI

I. ITSINDA RY'ABANYAMATEGEKO BATEGUYE IMANZA

KABERA Jean Claude

KAGABO U. Stephanie

KAVUTSE M. Claude

KUBWIMANA Jean Claude

MUJABI K. Naphtal

NINAHAZWA Roselyne

UMUHOZA Ange Mireille

UMURANGAMIRWA Anastase

UWINKINDI Angelique

II. KOMITE YEMEZA IMANZA

Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse: Perezida wa Komite,

Umucamanza mu Rukiko

rw'Ubujurire

Dr. MUHIRE G. Yves : Visi Perezida wa Komite,

Umwalimu muri

Kaminuza y'u Rwanda

NSENGIYUMVA Jean Claude : Umwanditsi wa Komite,

Umugenzuzi w'Inkiko

Dr. KARIMUNDA M. Aimé : Perezida w'Urukiko

rw'Ubujurire

RUKUNDAKUVUGA F. Regis : Umucamanza mu Rukiko

rw'Ikirenga

NDAHAYO Xavier : Perezida w'Urukiko Rukuru

RUTAZANA Angeline : Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko

KALIWABO Charles : Umucamanza w'

Urukiko rw'Ubujurire

Dr. KAYIHURA Didas : Umuyobozi wa ILPD

BURAYOBERA UMUZAYIRE

Bibiane : Visi Perezida wa Komisiyo

y`u Rwanda ishinzwe Ivugururwa ry`Amategeko BWIZA N. Blanche : Umugenzuzi w'Inkiko

KIBUKA Jean Luc : Umucamanza w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi

HABARUREMA Jean Pierre : Umushinjacyaha ku

Rwego rw'Igihugu

BUNYOYE Grace : Umushinjacyaha ku

Rwego rw'Igihugu

KABIBI Specioza : Intumwa ya Leta

MUREREREHE Saouda : Umucamanza mu Rukiko

Rukuru

Lt. col. MADUDU A. Charles : Umucamanza mu Rukiko

rwa Gisirikare

GIRANEZA Clémentine : Umucamanza mu Rukiko

Rwisumbuye

Dr. NSHIMIYIMANA Didace : Umucamanza mu Rukiko

Rwisumbuye

BAGABO Faustin : Avoka mu Rugaga

rw'Abavoka

GAPARAYI Idi : Umwarimu muri University

of Kigali

Dr. SHEMA Pierre : Umwarimu muri ULK

KARAKE Canisius: Umwarimu muri UNILAK

HABIMANA Pie : Avoka mu Rugaga rw'Abavoka

RWIGEMA Royck : Umucamanza mu Rukiko

rw'Ubucuruzi

YANKURIJE Dorothée : Umucamanza w'Urukiko

rw'Ibanze

IRIBURIRO

Basomyi bacu,

Tunejejwe no kubagezaho Icyegeranyo cy'Ibyemezo by'Inkiko, Volime 4 [2020]. Nk'uko mubizi, tubahitiramo imanza zikubiyemo bimwe mu bisubizo by'ibibazo muhura nabyo kenshi, haba mu mirimo yanyu ndetse no buzima bwa buri munsi.

Muri iyi nomero murasangamo imanza zirindwi (7) zirimo eshanu (5) zaburanishijwe mu mizi zikurikira: Urubanza rumwe (1) rurebana n'ikirego gisaba kwemeza ko itegeko rinyuranye n'Itegeko Nshinga, urubanza rumwe (1) rw'imbonezamubano, urubanza rumwe (1) rw'umurimo, urubanza rumwe (1) rw'ubucuruzi n'urubanza rumwe (1) rw'inshinjabyaha naho imanza ebyiri (2) zisigaye zerekeranye n'imiburanishirize y'imanza.

Nk'uko mumaze kubimenyera imanza ziri muri iki cyegeranyo ziboneka no ku rubuga rwa murandasi rw'Urukiko rw'Ikirenga: http://decisia.lexum.com/rlr/kn/nav.do.

Dr NTEZILYAYO Faustin Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza

IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO

Iki Cyegeranyo gikubiyemo imanza zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga n'Urukiko rw'Ubujurire zikoreshwa hakurikijwe inyito ivugwa hasi.

INYITO

Imanza ziri muri iyi volime zikoreshwa muri ubu buryo: [2020] 4 RLR

AMATEGEKO YASHINGIWEHO

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 15, 16 na344
Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, ingingo ya 65, 73
Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'imirimo n'iz'ubutegetsi; ingingo ya 9
ingingo ya 9 n'iya 10
Itegeko N° 41/2016 ryo ku wa 15/10/2016 rishyiraho laboratwari y'u Rwanda y'ibimenyetso bishingiye ku bumenyi n'ubuhanga bikoreshwa mu butabera (RFL), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo, ingingo ya 26, agace ka 6 n'aka 767
Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, ingingo ya 28266
Itegeko N° 45/2011 ryo kuwa 25/11/2011 rigenga amasezerano, ingingo ya 64 na 137128
Itegeko N°59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, ingingo ya 394
Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo;

ingingo ya 7667 ingingo ya 119157
Itegeko N^o 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 7898
Itegeko N° 30/2013 ryo ku wa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 165157
Itegeko N° 22/2012 ryo ku wa 14/07/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 19529
Itegeko N° 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 29 n'iya 3298
Itegeko N^o 16/2005 ryo ku wa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku musaruro (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo 4, 13
Itegeko N° 18/2004 ryo ku wa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi (ryakoreshwaga icyo gihe) ingingo ya 192
Iteka rya Perezida No 65/01 ryo ku wa 04/03/2014 rigena uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta bakoze amakosa mu kazi

IMANZA ZIFASHISHIJWE

Gatera	Johnson	na	Kabalisa	Teddy,
	ST/Pén.0003/10 1/2011			_
•	vanda v. Nkong rw'Ikirenga ku	,		
1 0	Hope, RS/I w'Ikirenga ku			
Industries,	go Isabelle v RCAA 0116/11/ 013	/CS rwaciwe	e n'Urukiko rw	'Ikirenga ku
00043/2010	Charles n 5/CS rwaciwe	e n'Urukik	to rw'Ikireng	a ku wa
SCC 576	asudeo Badwai rwaciwe n'Ur	ukiko rw'Ik	tirenga rwo n	ıu Buhinde

AMAGAMBO MPINE

1.	Amasezerano –	Amasezeran	o y'umurim	o – Iseswa			
	ry'amasezerano y	y'akazi y'ig	ihe kitazwi	Umukozi			
	usezerewe mu ka	azi nta nteg	guza, ahabwa	a mafaranga			
	angana n'amafaranga y'umushahara atahana mu ntoki (net)						
	hamaze kuvan	wamo in	nisoro ku	musaruro			
	n'ay'ubwiteganyir	ize.					
	NIWEMUGENI	v.	KCB	RWANDA			
	LTD	••••••	• • • • • • • • • • • • • • • • • • • •	95			
	Gusesa amasezerano y'umurimo – Impamvu yumvikana -						
	Imyitwarire y'umukozi - Amakosa umukozi yakora mu						
	rwego rw'akazi			•			
	yumvikana ishobo	.	•				
	NIWEMUGENI	_	•				

Gusesa amasezerano y'umurimo – Inshingano yo gutanga ibimenyetso – Igihe havutse impaka, umukoresha washeshe amasezerano niwe utanga ibimenyetso bigaragaza ko umukozi yakoze ikosa.

NIWEMUGENI v. KCB RWANDA LTD......95

Amasezerano y'umurimo – Amakosa yo mu rwego rw'akazi – Kuba umukozi yagizwe umwere cyangwa atakurikiranywe mu rwego rw'inshinjabyaha, ntibibuza ko afatirwa ibihano mu rwego rw'akazi, hashingiwe ku mpamvu z'uko ikirego cy'inshinjabyaha mu nkiko ntaho gihuriye n'ibihano byo mu rwego rw'akazi bikomoka ku ikosa.

				RWANDA 95
	solidaire) – Iyo uwatanze umw umwishingizi kw ubwishyu mu n utubahirije ins y'ubwishingizi umwishingizi ag STRONG CO INSURANCE C	uwafashe u enda afite vishyura um nutungo w' shingano bikaza gu omba kubit NSTRUCT COMPANY	burenganz wenda hatab uwishingiwe zikubiye tera igihom angira indish IONS LTI	v. RADIANT
2. Ai	bumenyi (scient Urukiko rwagon ku bumenyi (rushobore kugar	ific evidenc nbye kwifa science) ig agaza ukuri	e) – Mu nyo shisha ibime gihe bishob	etso gishingiye ku ungu z'ubutabera, nyetso bishingiye oka kugira ngo
	cy'ubwicanyi – cause the death nyakwigendera n'icyaha hashing inyungu mu rupariwe wishe	Mu manza z " bisobanu yapfiriye giwe ku gul ofu ariko nt - Uregwa	z'ubwicanyi, ye kurutera – Ntawug keka gusa ko a kimenyets tabwo ya	vaha – Icyaha gutera urupfu "to ku gihe n'ahantu gomba guhamwa o ariwe wari ufite o kimuhamya ko hamwa n'icyaha boka ko agikora,

ahubwo icyo gihe, uko gukekeranya kuramurengera

UBUSHINJACYAHA v. GATABAZI......155

akagirwa umwere.

3.Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza mbonezamubano – Irangizwa ry'urubanza ku kintu kitagihari – Irangizarubanza rikorerwa ku cyaburanywe cyangwa ku gisa nacyo, byaba bidashobotse hagatangwa ingurane y'agaciro kacyo kabariwe ku gaciro k'ifaranga kariho icyo gihe.

TUYISENGE N'UNDI v RWANDA MOTOR S.A...27

Amategeko agenga imiburanishirije y'imanza z'ubucuruzi – Ikirego cyerekeye gutesha agaciro cyamunara – Ikirego cyerekeye gutesha agaciro cyamunara kiburanishwa nk'ikirego cyihutirwa kidashamikiye ku kindi kuko aba ari ukurengera nyiri umutungo ndetse n'uwegukanye ingwate kugira ngo hatagira utezwa igihombo no gutinda kw'imanza mu nkiko. – Ikirego gisaba guhagarika cyangwa gutesha agaciro cyamunara gishobora kujuririrwa bwa kabiri iyo cyujuje ibisabwa kuko aba ari ikirego cyigenga kidashamikiye ku kindi kirego cy'iremezo ariko kikajuririrwa mu gihe kitarenze iminsi itatu – Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ingingo ya 260.

NZITONDA v COGEBANQUE LTD N'ABANDI...45

4.Amategeko agenga umuryango – Ikirego cy'umwana kigamije gushaka umubyeyi - Ibimenyetso bishingiye ku kizamini cya ADN – Ibisubizo bitanzwe n'ikizamini cya ADN bifite agaciro kanini kandi birizewe kuko ari ikimenyetso gishingiye ku bumenyi budashidikanywaho.

AKISANTI v. TUYISHIMIRE......63

5. Imikorere y'inkiko – Ihame ryo kubahiriza umurongo wafashwe (stare decisis) – Urukiko rw'Ikirenga nk'Urukiko rukuriye izindi kandi rufite imiterere yihariye

ituma rugira ububasha ku moko y'imanza zose inkiko zishyikirizwa kugira ngo rubashe kuzitangaho umurongo uyobora izindi nkiko mu micire y'imanza bituma ari rwo soko nkuru y'imirongo inkiko zindi zigenderaho.
Re. GLIHD1
Mu rwego rwo kubahiriza amahame ashingiye ku kubahiriza umurongo wafashwe (stare decisis), buri Rukiko rugomba kubahiriza umurongo rwafashe ku kibazo runaka, cyangwa umurongo wafashwe kuri icyo kibazo n'urukiko rurukuriye. Re. GLIHD
6.Itegeko Nshinga — Uburenganzira ku mutungo — Uburenganzira ku mutungo ku babana batarashyingiranywe — Ishingiro ry'ukugabana umutungo kw'abari basanzwe babana nk'umugore n'umugabo batarashingiranywe nuko nyine uwo mutungo baba bari bawusangiye cyangwa barawushakanye — Ababana nk'umugore n'umugabo n'ubwo baba batarashyirangiranywe, umutungo bungutse bakibana, waba utimukanwa cyangwa uwimukanwa, iyo batandukanye bawugabana.
Re CLIHD 1

IKIREGO GISABA KWEMEZA KO ITEGEKO RINYURANYE N'ITEGEKO

Re. GLIHD

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INCONST/SPEC 00002/2019/SC – (Rugege, P.J., Nyirinkwaya, Cyanzayire, Rukundakuvuga na Hitiyaremye, J.) 4 Ukuboza 2019]

Itegeko Nshinga – Uburenganzira k'umutungo – Uburenganzira ku mutungo ku babana batarashyingiranywe – Ishingiro ry'ukugabana umutungo kw'abari basanzwe nk'umugore n'umugabo batarashingiranywe nuko nyine uwo mutungo baba bari bawusangiye cyangwa barawushakanye n'umugabo nk'umugore haba Ahahana n'ubwo batarashyirangiranywe, umutungo bungutse bakibana, waba utimukanwa cvangwa uwimukanwa, iyo batandukanye bawugabana.

Imikorere y'inkiko — Ihame ry'ukubahiriza umurongo wafashwe (stare decisis), — Urukiko rw'Ikirenga nk'Urukiko rukuriye izindi kandi rufite imiterere yihariye ituma rugira ububasha ku moko y'imanza zose inkiko zishyikirizwa kugira ngo rubashe kuzitangaho umurongo uyobora izindi nkiko mu micire y'imanza bituma ari rwo soko nkuru y'imirongo inkiko zindi zigenderaho.

Imikorere y'inkiko — Ihame ry'ukubahiriza umurongo wafashwe (stare decisis) — Mu rwego rwo kubahiriza amahame ashingiye ku kubahiriza umurongo wafashwe (stare decisis), buri Rukiko rugomba kubahiriza umurongo rwafashe ku kibazo runaka cyangwa umurongo wafashwe kuri icyo kibazo n'urukiko rurukuriye

Incamake y'ikibazo: GLIHD yareze mu Rukiko rw'Ikirenga isaba kwemeza ko igika cya 2 cy'ingingo ya 39 y'Itegeko N°

59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina kinyuranye n'ingingo ya 15,16 na 34 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 nk'uko ryavuguruwe muri 2015.

Mu gusobanura ikirego cyayo, GLIHD ivuga ko igika cya 2 cy'ingingo ya 39 y'itegeko ryavuzwe haruguru, aho iteganya ko igabana ku babana nk'umugabo n'umugore riba gusa iyo umwe muri bo agiye gushakana n'undi batabanaga; bityo ababana batarashyingiranywe ntibahawe amahirwe angana cyangwa ngo abarengere kimwe kuko nta yindi mpamvu itari ishyingirwa yateganyijwe. Yasobanuye kandi ko mu gihe umwe muri bo ashatse uruhare rwe ku mutungo kugira ngo abe yawikenuza, adashobora kurubona atabanje kugaragaza ko icyatumye atandukana na mugenzi we, ari ugushaka undi mugore cyangwa undi mugabo; ibi bagatuma uyu ntacyo akora ku mitungo yahahanye n'uwo batandukanye.

Leta y'u Rwanda yari yahamagajwe muri uru rubanza, uyihagarariye avuga ko ibyo urega asaba nta shingiro bifite kuko igika cya 2 cy'ingingo ya 39 y'itegeko ryavuzwe haruguru kivuyemo nta burenganzira bwo kugabana ku babanaga batarashyingiranywe ahubwo baba babwambuwe burundu, kandi ko ingingo ubwayo nta gisobanuro (sens) yaba igifite kuko ibika 4 byose biyigize byuzuzanya. Yongeyeho ko ahubwo byaba byiza igika cva 2 cy'ingingo ya 39, cyakorerwa ubugororangingo, iryo gabana rikaba ryabaho mu gihe umwe muri abo babanaga nk'umugabo n'umugore agiye gushyingirwa, cyangwa mu gihe habayeho iyindi mpamvu ituma bareka kubana.

Kaminuza y'u Rwanda, Ishami ry'amategeko yaje mu rubanza nk'Inshuti y'Urukiko ivuga ko igika cya 2 cy'ingingo yavuzwe haruguru itanyuranye n'Itegeko Nshinga kuko nta cyiciro cy'abashakanye iri tegeko ryaheje, ndetse ko umurongo

watanzwe n'Urukiko rw'Ikirenga urengera ku buryo bumwe abatandukanye barabanaga nk'abashakanye hatitawe ku mpamvu ituma batandukana.

Ku birebana no kumenya niba imanza zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuri icyo kibazo zakemuye impaka ku birebana n'uburenganzira urega avuga ko buvutswa abatandukanye batagamije kongera gushaka, Urega avuga ko izo imanza zaciwe zitamaze impaka, kuko nta rubanza rwagisuzumye muri ubwo buryo, kandi ko kuba mu mategeko ariho ubu nta kigitegeka inkiko zo hasi gukurikiza umurongo watanzwe n'Urukiko rw'Ikirenga bitera impungenge ko inkiko zo hasi zishobora kurenganya abatandukanye ku mpamvu zitari izo gushaka undi mugore/umugabo igihe ikirego cyayo cyaba kidahawe agaciro.

Leta y'u Rwanda kimwe na Kaminuza y'u Rwanda nk' Inshuti y'Urukiko basanga izo manza zarakemuye icyo kibazo kuko zemeje ko ababanaga nk'umugore n'umugabo, igihe batandukanye, bafite uburenganzira ku mutungo bashakanye kandi zikaba ntaho zikumira abatandukanye ku zindi mpamvu zitari ugushaka.

Incamake y'icyemezo: 1. Ikibazo kirebana n'uburenganzira ku mutungo bw'abatandukanye barabanye nk'umugabo n'umugore batarashyingiranywe mu buryo bukurikije amategeko hatanitawe ku mpamvu zituma batandukana cyatanzweho umurongo n'Urukiko rw'Ikirenga mu manza zitandukanye rwaciye.

- 2. Ishingiro ry'ukugabana umutungo kw'abari basanzwe babana nk'umugore n'umugabo batarashingiranywe nuko nyine uwo mutungo baba bari bawusangiye cyangwa barawushakanye.
- 3. Ababana nk'umugore n'umugabo n'ubwo baba batarashyirangiranywe, umutungo bungutse bakibana, waba

utimukanwa cyangwa uwimukanwa, iyo batandukanye barawugabana.

- 4. Urukiko rw'Ikirenga, nk'Urukiko rukuriye izindi kandi rufite imiterere yihariye ituma rugira ububasha ku moko y'imanza zose inkiko zishyikirizwa kugira ngo rubashe kuzitangaho umurongo uyobora izindi nkiko mu micire y'imanza, bituma ari rwo soko nkuru y'imirongo inkiko zindi zigenderaho.
- 5. Mu rwego rwo kubahiriza amahame ashingiye ku kubahiriza umurongo wafashwe (stare decisis), buri Rukiko rugomba kubahiriza umurongo rwafashe ku kibazo runaka cyangwa umurongo wafashwe kuri icyo kibazo n'urukiko rurukuriye

Ikirego nta shingiro gifite. Igika cya kabiri cy'ingingo ya 39 y'Itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose ntaho kinyuranyije n'ibiteganywa mu ngingo ya 15, 16 n'iya 34 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y' U Rwanda.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 15, 16 na 34.

Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, ingingo ya 65, 73.

Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'imirimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 9.

Itegeko N°59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, ingingo ya 39.

Imanza zifashishijwe:

Uwiragiye Charles v Uwamahoro Jeanine, RCAA 00043/2016/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 15/09/2019.

Gatera Johnson v Kabalisa Teddy, RS/INCONST/Pén.0003/10/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 07/01/2011.

Mpangare Hope, RS/INCONST/Pén.0001/11/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 29/04/2011.

Urubanza

I. IMITERERE Y'IKIREGO

[1] GLIHD ishingiye ku ngingo ya 72 y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko¹, yaregeye Urukiko rw'Ikirenga isaba ko igika cya 2 cy'ingingo ya 39 y'Itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina gikurwaho kugira ngo uburenganzira bw'ababana nk'umugabo n'umugore batarashyingiwe burengerwe kimwe hashingiwe ku mahame ateganyijwe mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ndetse n'andi mategeko mpuzamahanga y'uburenganzira bwa muntu u Rwanda rwashyizeho umukono.

[2] GLIHD ivuga ko ayo mahame ari aya akurikira:

_

¹ Iyi ngingo iteganya ko: "Umuntu ku giti cye, ikigo cyangwa umuryango ufite ubuzimagatozi bashobora kuregera Urukiko rw'Ikirenga basaba kwemeza ko itegeko rinyuranyije n'Itegeko Nshinga iyo babifitemo inyungu..."

- a. Uburenganzira bwo kureshya imbere y'amategeko (equality before the law);
- b. Uburenganzira bwo kurengerwa kimwe n'amategeko (Equal protection of the law);
- c. Uburenganzira bwo kutavangurwa mu bandi (Non-discrimination);
- d. Uburenganzira k'umutungo (Right to property).
- [3] Ni muri urwo rwego yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga isaba ko igika cya kabiri cy'ingingo ya 39² y' Itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, gikurwaho.
- [4] Ikirego cyanditswe kuri N° RS/INCONST/SPEC 00002/2019/SC, Leta y'u Rwanda iruhamagazwamo, ndetse na Kaminuza y'u Rwanda isaba kuruzamo nk'Inshuti y'Urukiko. Iburanisha ryashyizwe ku wa 08/11/2019, uwo munsi ugeze, ababuranyi bose bitabye, GLIHD ihagarariwe na Umulisa Vestine (Umuyobozi wayo wungirije) yunganiwe na Me Sezirahiga Yves na Me Gumisiriza Hillary, Leta y'u Rwanda ihagarariwe na Gahongayire Miriam naho Kaminuza y'u Rwanda ihagarariwe n'abarimu b'amategeko, Shenge Laurent na Uwineza Odette.

ngingo ntirivutsa abana babyaranye uburenganzira bahabwa n'amategeko."

² Iyo ngingo iteganya ko: "Ababanaga nk'umugore n'umugabo batashyingiranywe mu buryo buteganywa n'amategeko, bashyingirwa hakurikije ihame ry'ubushyingiranywe bw'umugabo umwe n'umugore umwe. Mu gihe umwe mu barebwa n'ibivugwa mu gika kibanziriza iki, yabanaga n'abagore cyangwa n'abagabo benshi, abanza kugabana ku buryo bungana na buri wese mu bo babanaga, umutungo bari bafitanye cyangwa bahahanye mbere y'uko ashyingirwa. Igabana ry'umutungo rivugwa mu gika cya 2 cy'iyi

[5] Mu gusobanura ingingo z'ikibazo bashyikirije Urukiko, Umuyobozi wungirije wa GLIDH ari we Umulisa Vestine, Me Sezirahiga Yves na Me Gumisiriza Hillary bavuga ko uburyo igika cya 2 cy'ingingo ya 39 y'Itegeko rya GBV cyanditse bunyuranye n'ibiteganywa n'ingingo ya 15, 16 na 34 z'Itegeko Nshinga, bakabisobanura mu buryo bukurikira:

Re. GLIHD

- a. Ku byerekeye kunyuranya n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.
- [6] Iyi ngingo igira iti: "Abantu bose barareshya imbere y'amategeko. Itegeko ribarengera ku buryo bumwe". GLIHD ivuga ko iyo uyisomye ukayisesengurana n'ibiteganyijwe mu gika cya 2 cy'ingingo ya 39 y'Itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina yavuzwe haruguru, usanga mu guteganya ko igabana ku babana nk'umugabo n'umugore riba gusa iyo umwe muri bo afashe icyemezo cyo gushyingirwa n'undi utari uwo basanzwe babana; umushingamategeko akaba atarahaye amahirwe angana cyangwa ngo arengere kimwe ababana batarashyingiranywe batandukanye kubera indi mpamvu itari ishyingirwa ry'umwe muri bo, kuko kuri bo igabana ry'umutungo bari basangiye ridateganyijwe.
 - b. Ku byerekeye kunyuranya n'ingingo ya 16 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.
- [7] GLIHD ivuga ko ingingo ya 16 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda itenganya ko **abanyarwanda bose bavukana kandi bagakomeza kugira uburenganzira n'ubwisanzure bingana.** Iyo ngingo ikomeza igira iti « ... ivangura iryo ari ryo ryose cyangwa kurikwirakwiza byaba bishingiye ku bwoko, ku muryango cyangwa ku gisekuru, ku nzu,

ku ibara ry'umubiri, ku gitsina, ku karere, ku byiciro by'ubukungu, ku idini cyangwa ukwemera, ku bitekerezo, ku mutungo, ku itandukaniro ry'umuco, ku rurimi, ku bukungu, ku bumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe no ku rindi vangura iryo ari ryo ryose, birabujijwe kandi bihanwa n'amategeko ».

[8] GLIHD ivuga ko iyo ngingo, iyo isomewe hamwe n'ibiteganyijwe mu gika cya 2 cy'ingingo ya 39 y'Itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, usanga cyaravanguye bamwe mu babanaga nk'umugabo n'umugore kuko kibashyira mu ngeri 2 zitandukanye : bamwe bakagira uburenganzira ku kugabana umutungo bari bafitanye cyangwa bashakanye, abandi ntibagire ubwo burenganzira kandi bose bari muri « conditions » zimwe : kubana nk'umugabo n'umugore. Bityo rero, ikaba isanga ibyo binyuranije n'ihame riteganywa n'Itegeko Nshinga muri iyi ngingo, ry'uko abantu bose bareshya imbere y'amategeko kandi barengerwa nayo mu buryo bumwe ndetse bikananyuranya n'ihame ribuza ivangura iryo ari ryo ryose n'icyo ryaba rishingiyeho icyo ari cyo cyose mu gihe kidashingiye ku mpamvu zemewe n'amategeko.

c. Ibyerekeye kunyuranya n'ingingo ya 34 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

[9] Ingingo ya 34 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda igira iti "Buri muntu afite uburenganzira k'umutungo bwite, waba uwe ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi. Umutungo bwite, uw'umuntu ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi ntuvogerwa. Uburenganzira ku mutungo ntibuhungabanywa keretse ku mpamvu z'inyungu rusange kandi hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko."

[10] GLIHD ivuga ko iyo ngingo isomewe hamwe n'ibiteganyijwe mu gika cya 2 cy'ingingo ya 39 y'Itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, usanga iki gika gikumira ndetse kikambura uburenganzira ku mutungo bamwe mu bari basanzwe babana nk'umugabo n'umugore batashyingiranywe, mu gihe impamvu yo gutandukana atari ishyingirwa ry'umwe mu babanaga muri ubwo buryo kuko mu gihe umwe muri bo ashatse uruhare rwe ku mutungo kugira ngo abe yawikenuza, adashobora kurubona atabanje kugaragaza ko icyatumye atandukana na mugenzi we, ari ugushaka undi mugore cyangwa undi mugabo. Bityo, uyu akaba adafite uburenganzira bwo kugira icyo akora ku mitungo yahahanye n'uwo batandukanye.

[11] Uhagarariye Leta y'u Rwanda avuga ko asanga ibyo urega ashingiraho asaba Urukiko rw'Ikirenga ko rwakuraho igika cya 2 cy'ingingo ya 39 y'Itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina kuko kinyuranije n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda nta shingiro bifite, kuko icyo gika kivuyemo noneho n'abari bemerewe ubwo burenganzira bwo kugabana igihe hari ufashe umwanzuro wo gushyingirwa baba basa n'aho babwambuwe burundu, kandi ingingo ubwayo nta gisobanuro (sens) yaba igifite kuko ibika 4 byose biyigize byuzuzanya. Havuyemo igika kimwe ntacyo yaba ikimaze kuko nta n'uwo yaba ikirengera ahubwo yaba itaye agaciro.

[12] Leta y'u Rwanda ivuga kandi ko mu rubanza N° RS/INCONST/Pén 0003/10/CS³, Urukiko rw'Ikirenga rwasanze

³ Muri uru rubanza Gatera Johnson na Kabarisa Teddy basabaga Urukiko rw'Ikirenga kuvanaho ingingo ya 39 y'itegeko No 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku

iyo ngingo ya 39 itanyuranije n'Itegeko Nshinga ahubwo ari uburyo umushingamategeko yahisemo bwo kugira ngo hatabaho akarengane ku byerekeye umutungo ku bantu bifuza kureka kubana nk'umugabo n'umugore batarashyingiranywe, umwe muri bo agahitamo gushyingirwa hakurikijwe icyo amategeko ateganya.

[13] Leta y'u Rwanda isanga ahubwo byaba byiza igika cya 2 cy'ingingo ya 39, urega asaba ko cyavaho, gikorewe ubugororangingo, iryo gabana rikaba ryabaho mu gihe umwe muri abo babanaga nk'umugabo n'umugore agiye gushyingirwa, cyangwa mu gihe habayeho iyindi mpamvu ituma bareka kubana. Isanga rero byasobanuka neza kurushaho hongewemo igika gikurikira icya 2 kigira kiti « iryo gabana ribaho kandi iyo habayeho impamvu iyo ari yo yose ituma ababanaga nk'umugore n'umugabo bareka kubana ».

Kaminuza y'u Rwanda, Ishami ry'amategeko, nk'Inshuti y'Urukiko muri uru rubanza yavuze ko itemeranya na GLIHD mu kuvuga ko igika cya 2 cy'ingingo ya 39 yavuzwe haruguru inyuranye n'Itegeko Nshinga, kuko nk'uko byagaragaye mu n'Urukiko rw'Ikirenga, cviciro zaciwe nta manza cy'abashakanye iri tegeko ryaheje, kuko umurongo watanzwe buryo bumwe abatandukanye ku barabanaga nk'abashakanye hatitawe ku mpamvu ituma batandukana.

-

gitsina, kuko inyuranyije n'ingingo ya 26 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda iteganya ko Ubushyingiranywe bw'umugabo umwe n'umugore umwe bukorewe mu butegetsi bwa Leta ari bwo bwonyine bwemewe (...). Bavuga ko ubundi bushyingiranywe cyangwa kubana nk'umugabo n'umugore bitazwi n'Itegeko Nshinga bidashobora gutanga cyangwa gukomorwaho inshingano n'uburenganzira bingana n'iby'abashyingiranywe mu buryo bukurikije amategeko.

- [15] Kaminuza y'u Rwanda itanga urugero ku manza zikurikira:
 - a. urubanza N° RCAA 00043/2016/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 15/09/2019 haburana Uwiragiye Charles na Uwamahoro Jeanine;
 - b. urubanza N° RS/INCONST/Pén.0003/10/CS rwa Gatera Johnson na Kabalisa Teddy rwaciwe kuwa 07 Mutarama 2011;
 - c. urubanza N° RS/INCONST/Pén.0001/11/CS rwa Mpangare Hope rwaciwe kuwa 29 Mata 2011.
- [16] Kaminuza y'u Rwanda isobanura ko muri izo manza zose, ababuranyi bari barashakanye kandi batandukana batagamije kongera gushaka. Nyamara, Urukiko rw'Ikirenga, rutitaye ku mpamvu ituma batandukana, kandi rushingiye ku ngingo ya 39 y'Itegeko ryavuzwe haruguru, rwemeje kubagabanya umutungo bashakanye ku buryo bungana.
- [17] Nyuma yo kumva ibisobanuro by' Inshuti y'Urukiko, Leta y'u Rwanda nayo yunzemo ivuga ko isanga koko impungenge za GLIHD zaracyemutse naho GLIHD yo ntiyava ku izima, ahubwo ikomeza kwemeza ko iriya ngingo ya 39 y'itegeko ryavuzwe, mu gika cyayo cya kabiri inyuranye n'Itegeko Nshinga, kandi ko imanza zavuzwe zitakemuye icyo kibazo kuko zitagisuzumye ku buryo bwihariye.
- [18] Urukiko rw'Ikirenga rusanga rero ibibazo bikwiye gusumwa ari ibi bikurikira:
 - Kumenya niba igika cya kabiri cy'ingingo ya 39 y'Itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008

- kibuza uburenganzira ku mutungo ababanaga nk'umugore n'umugabo igihe batandukanye batagamije gushaka undi utari uwo babanaga;
- Kumenya niba imanza zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku kibazo cy'abatandukanye babanaga nk'umugore n'umugabo zitaramaze impaka ku birebana n'uburenganzira GLIHD ivuga ko buvutswa abatandukanye batagamije kongera gushaka.

II. ISESENGURA RY' IBIBAZO ZO BIGIZE URUBANZA

- a. Kumenya niba igika cya kabiri cy'ingingo ya 39 y'Itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 kibuza uburenganzira ku mutungo ababanaga nk'umugore n'umugabo igihe batandukanye batagamije gushaka undi utari uwo babanaga;
- [19] GLIHD ivuga ko ingingo ya 39 y'Itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina itarengera kimwe ababana nk'umugabo n'umugore batarashyingiwe kuko igika cya kabiri cy'iyo ngingo gisobanura uburenganzira bagira ku mutungo bari barahahanye iyo biyemeje gutandukana ngo bashyingiranywe n'uwo badasanganywe, ariko iyo ngingo ntigire icyo ivuga ku babana batagamije gushaka undi. Ibyo GLIHD, nk'uko byasobanuwe mu bika bya 6-10, isanga ari ivangura rikorerwa abari muri icyo cyiciro cya nyuma kuko ribakumira ku mutungo bari barashatse nk'umugabo n'umugore, kandi ibyo bikaba bibangamiye uburenganzira buteganyirizwa buri muntu n'Itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ndetse n'andi

mategeko mpuzamahanga y'uburenganzira bwa muntu u Rwanda rwashyizeho umukono.

[20] Mbere yo gushyigikira ibisobanuro byatanzwe n' Inshuti y'Urukiko bigaragaza ko imanza zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga zakemuye icyo kibazo, Leta y'u Rwanda n'ubwo itemeranyaga na GLIHD ko iyi ngingo ya 39, igika cya kabiri inyuranyije n'Itegeko Nshinga, nayo yari yasabye ko yakosorwa ikandikwa mu buryo budatera urujijo, ikongerwamo igika gikurikira icya 2 kivuga ngo « iryo gabana ribaho kandi iyo habayeho impamvu iyo ari yo yose ituma ababanaga nk'umugore n'umugabo bareka kubana ».

UKO URUKIKO RUBIBONA.

- Mu magambo yayo yose, ingingo ya 39 y'Itegeko N° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose igira iti: "Ababanaga nk'umugore n'umugabo batashyingiranywe mu buryo buteganywa n'amategeko, hakurikije bashyingirwa ihame ry'ubushyingiranywe bw'umugabo umwe n'umugore umwe. Mu gihe umwe mu barebwa n'ibivugwa mu gika kibanziriza iki, yabanaga n'abagore cyangwa n'abagabo benshi, abanza kugabana ku buryo bungana na buri wese mu bo babanaga, umutungo bafitanye cyangwa bahahanye ashyingirwa. Igabana ry'umutungo rivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ntirivutsa abana babyaranye uburenganzira bahabwa n'amategeko."
- [22] Iyo usesenguye ibyo iyo ngingo ivuga, usanga icyari kigenderewe ari ibintu bitatu:

- Kwereka inzira ababana batarashakanye mu buryo bwemewe n'amategeko bakurikiza igihe bifuje gushakana mu buryo bukurikije amategeko ariko ikanabibutsa ko igihe cyose babikoze bagomba kuzirikana ko ihame ry'uko "gushyingirwa mu buryo bwemewe n'amategeko bikorwa hagati y'umugabo umwe n'umugore umwe". Ibi nibyo biri mu gika cya cy'iyi ngingo bikaba bigaragara mbere umushingamategeko yashatse kwereka umuryango muri ubwo buryo, ko umugabo/umugore yaba afite abagore/abagabo benshi kandi akaba abakunze kimwe, atemerewe gusezerana na bo bose mu buryo bukurikije amategeko.
- uburenganzira bw'ababanaga b. Kugaragaza nk'umugore n'umugabo (batagize amahirwe yo gutoranywa nk'umugore/umugabo) ku mutungo bari basangiye, igihe umwe muri bo yifuje gushaka mu buryo bukurikije amategeko. Ibi nibyo bisobanuye mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo. Nk'uko bigaragara, mu kubahiriza ibivugwa mu gika cya mbere cyayo gusa, hashoboraga kuvuka birebana ibibazo ku n'uburenganzira (ku mutungo) bw'abagore/abagabo basigave igihe umugabo/umugore gusezerana n'umwe muri bo, cyangwa uburenganzira bw'umugabo/abagabo basigaye, igihe umugabo/umugore ahisemo, itegeko nk'uko ribiteganya, gushakana n'umwe gusa muri bo cyangwa undi utari muri abo babanaga.
- c. Kugaragaza uburenganzira bw'abana igihe hagize ushaka undi mu buryo buvugwa muri iyi ngingo (ibi biri mu gika cya gatatu).

- [23] Muri rusange nk'uko bisobanuye mu gika kibanziriza iki, iyi ngingo yagiriyeho gukemura ikibazo kihariye kijyanye n'ababanaga nk'umugore n'umugabo bifuje gusezerana n'umwe mu bo babanaga, igihe yabanaga na benshi. Iyi ngingo ntigamije guheza ku mutungo abatandukanye ku zindi mpamvu, ntawe igamije guha uburenganzira bwihariye cyangwa kugira uwo irenganya nkana ku buryo byakwitiranywa no kubangamira ingingo z'Itegeko Nshinga zavuzwe (ingingo ya 15, 16 na 34), ahubwo ikigaragara ni uko igamije kuyobora ababanaga nk'umugore n'umugabo bifuje gushaka mu buryo bukurikije amategeko. Abo itagize icyo ivugaho, ni ukuvuga ababanaga nk'umugore n'umugabo batandukanye batagamije gushaka, ni uko batari mu murongo w'ibyo yari igamije. Bityo aho gufatwa nk'aho yabakumiriye, bigomba kumvikana ko ahubwo bo ntacyo yabavuzeho.
- [24] Urukiko rw'Ikirenga rusanga rero iyo hari ikibazo kiriho kandi itegeko ritarateganyije uko gikwiye gukemuka, ibyo ubwabyo bidasobonuye ko abo kireba bavukijwe uburenganzira runaka bahabwa n'Itegeko Nshinga, cyangwa ko hari Itegeko ribubabuza, rikaba rigomba kuvaho. Ahubwo ikibazo nk'icyo gikemuka binyuze mu busesenguzi busanzwe bukorwa n'inkiko nk'uko biteganywa n'ingingo ya 9 y'Itegeko Nº 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'imirimo n'iz'ubutegetsi. Iyo ngingo ivuga ko: ".... Iyo nta tegeko rijyanye n'ikiburanwa ririho, umucamanza ashingira ku mategeko asanga yashyiraho mu gihe yaba ashinzwe kuyashyiraho, yifashishije ibyemezo byagiye bifatwa n'inkiko, umuco, amahame rusange agenga amategeko n'inyandiko z'abahanga mu mategeko".

- [25] Urukiko rw'Ikirenga rusanga ibivugwa mu gika kibanziriza iki ari byo byakozwe mu manza zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku manza rwaciye ku bibazo bireba uburenganzira bw'ababanaga batandukanye kandi batagamije gushaka, bityo ikirego cyatanzwe na GLIHD kivuga ko bambuwe uburenganzira bemerewe n'Itegeko Nshinga bakanaheraho basaba ko igika cya kabiri cy'ingingo ya 39 y'Itegeko ryavuzwe kivanwaho, kikaba nta shingiro gifite.
 - b. Kumenya niba imanza zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku kibazo cy'abatandukanye babanaga nk'umugore n'umugabo zitaramaze impaka ku birebana n'uburenganzira GLIHD ivuga ko buvutswa abatandukanye batagamije kongera gushaka
- GLIHD ivuga ko imanza zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga [26] ku kibazo cy'ababanaga nk'umugore n'umugabo batandukanye batagamije gushaka zitamaze impaka ku kibazo cyo kuba igika cya kabiri cy'ingingo ya 39 y'Itegeko ryavuzwe kibavutsa uburenganzira mu buryo bunyuranye n'Itegeko Nshinga kuko nta rubanza rwagisuzumye muri ubwo buryo. GLIHD yongeraho kandi ko kuba mu mategeko ariho ubu, nta kigitegeka inkiko zo hasi gukurikiza umurongo watanzwe n'Urukiko rw'Ikirenga, nabyo bitera impungenge ko inkiko zo hasi zishobora kurenganya abatandukanye mpamvu zitari ku izo gushaka mugore/umugabo igihe ikirego cyayo cyaba kidahawe agaciro.
- Leta y'u Rwanda kimwe na Kaminuza y'u Rwanda nk' Inshuti y'Urukiko basanga nta mpungenge GLIHD yari ikwiye kugira kuko uburenganzira bushingiye ku ngingo ya 15, iya 16 Nshinga n'iya 34 z'Itegeko iharanira ku babanaga batarashakanye bagatandukana batagamije gushaka butabangamiwe, kuko nk'uko byasobanuwe mu

zatanzweho ingero mu gika cya 15, Urukiko rwagaragaje ko ubwo burenganzira babufite kuko izo manza zemeje ko ababanaga nk'umugore n'umugabo, igihe batandukanye, bafite uburenganzira ku mutungo bashakanye kandi zikaba ntaho zikumira abatandukanye ku zindi mpamvu zitari ugushaka.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[28] Urukiko rurasanga nk'uko bigaragara mu manza zitandukanye zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga, uru Rukiko rwaratanze umurongo wagombye kuba waramaze impungenge GLIDH ku bijyanye n'abo ivuga ko bavukijwe uburenganzira ku mutungo nk'uko bigaragara mu bika bikurikira.

[29] Mu rubanza RS/INCONST/Pén 0003/10/CS rwaciwe ku wa 07/01/2011 rwa Gatera na Kabalisa, Urukiko rwasuzumye ikibazo cyo "kumenya niba ingingo ya 39 y'Itegeko rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, yerekeye igabana ry'umutungo ku babanaga nk'umugabo n'umugore batarashyingiranywe inyuranye n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda" kuko ibyo byaba ari uguha ababanaga batarashyingiranywe uburenganzira bungana n'ubw'ababanaga barashyingiranywe mu buryo bukurikije amategeko. Urukiko, kugaragaza rumaze ko ababana batarashyingiranywe bafite uburenganzira ku mutungo bashakanye no kugaragaza ko ubwo burenganzira bunyuranye barashyingiranywe mu buryo bukurikije n'ubw'ababana amategeko, rwemeje ko ".... ababanaga nk'umugabo n'umugore batarashyingiranywe bahagaritse kubana, kugira ngo bagabane umutungo (ari) uko bagomba kuba bawufitanye cyangwa barawushakanye⁴." Rwasobanuye kandi neza ko kugira uburenganzira ku mutungo bidashingiye gusa ku kuba barabanye nk'umugabo n'umugore batarashyingiranywe, ko ahubwo bigomba kuba bigaragara ko bawufitanye cyangwa ko bawushakanye⁵.

[30] Nk'uko bigaragara muri uru rubanza, n'ubwo koko Urukiko rutasubije ku buryo bw'umwihariko ku kibazo cy'uburenganzira bw'abatandukanye batagamije gushaka kuko atari nacyo kibazo rwari rwaregewe, ariko rwasobanuye ko ishingiro ry'ukugabana umutungo kw'abari basanzwe babana ari uko nyine bafite umutungo bari basangiye cyangwa bashakanye. Ibyo bikaba byari bikwiye kwereka GLIHD ko n'ababanaga batandukanye batagamije gushaka, bashobora guhera kuri iki gisobanuro bakumva ko nabo uru rubanza rwabahaye uburenganzira; bapfa gusa kuba bagaragaza ko hari umutungo basangiye cyangwa bashakanye.

[31] Byongeye kandi ubu burenganzira ku mutungo bw'abatandukanye batarashyingiranywe mu buryo bukurikije amategeko hatanitawe ku mpamvu zituma batandukana, bwaje gushimangirwa mu buryo bweruye mu rubanza RCAA 00043/2016/SC rwa Uwiragiye Charles na Uwamahoro Jeanine. Muri uru rubanza, ababuranyi baburanaga "Kugabana umutungo bashakanye babana nk'umugore n'umugabo ugizwe n'inzu ifite 367 n'ikibanza gifite 0139, hamwe n'imodoka ebyiri", Urukiko rw'ikirenga rwemeje ko "... ababana nk'umugore n'umugabo n'ubwo baba batarashyirangiranywe, umutungo bungutse bakibana, waba utimukanwa cyangwa uwimukanwa, iyo

⁴ Reba igika cya 14 cy'urwo rubanza

⁵ idem

batandukanye bawugabana⁶". Aha hakwibutswa ko muri uru rubanza impamvu yari yaratumye Uwiragiye na Uwamahoro batandukana itari ugushaka nk'uko bigaragara mu manza RCA 00239/2016/HC/KIG na RC 0281/15/TGI/GSBO, nyamara ntibyabujije Urukiko rw'Ikirenga kubagabanya umutungo bari basangiye mbere yo gutandukana.

Naho ibyo GLIHD ivuga ko nta kigitegeka izindi nkiko gukurikiza umurongo watanzwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuva aho ingingo ya 47 y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 ryagenaga imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga⁷ riviriyeho, nabyo nta shingiro bifite, kuko ahubwo ihame ryo kubahiriza umurongo wafashwe ku bibazo bisa (use of precendents) mu micire y'imanza ryongerewe ingufu mu itegeko rishya rigenga ububasha bw'inkiko⁸. Nk'uko bigaragara, iryo Tegeko ryahaye Urukiko rw'Ikirenga ububasha bwihariye, bushingiye cyane cyane ku guca imanza zitanga icyerekezo n'umurongo ngenderwaho ku zindi nkiko. Ibyo bigaragarira cyane cyane mu isobanurampamvu y'Itegeko Ngenga rishyiraho Urukiko rw'Ubujurire mu gika cya kabiri, aho risobanura ko imiterere yihariye y'Urukiko rw'Ikirenga ari ukugira ngo rube Urukiko rwitaruye, rureberera izindi, rukazikosora aho zateshutse, rugahuza imicire y'imanza ku bibazo runaka, rukanatanga umurongo ngenderwaho izindi nkiko zo hasi zikwiye gukurikiza⁹ Iki gitekerezo cyaje gushimangirwa mu ngingo ya 65 y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018

⁶ Reba igika cya 16 cy'urwo rubanza.

⁷ Igika cya 6 cy'iyo ngingo giteganya ko:" Imanza n'ibyemezo by'Urukiko rw'Ikirenga bigomba kubahirizwa n'izindi nkiko zose zo mu gihugu."

 $^{^8}$ Itegeko n°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko.

⁹ Reba raporo ya Sena (Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere Myiza) yo kuwa 21 Werurwe 2017.

rigena ububasha bw'inkiko aho bigaragara ko kubahiriza umurongo usanzweho mu gukemura ikibazo runaka ari ihame ndakuka kuko, kugira ngo uwo murongo uhinduke bisaba kuwuregera Urukiko rw'Ikirenga mu kirego kihariye; narwo kandi, nk'uko bigaragara mu ngingo ya 73 y'iryo Tegeko mu gika cyaryo cya nyuma, rukawuhindura rubanje kugaragaza ikibazo kigaragara mu murongo wari usanzweho, mbere yo gutanga umurongo mushya ngenderwaho.

Mu mikorere y'inkiko zubahiriza amahame ashingiye ku kubahiriza umurongo wafashwe (stare decisis), buri Rukiko rugomba kubahiriza umurongo rwafashe ku kibazo runaka cyangwa umurongo wafashwe n'urukiko rurukuriye kuri icyo kibazo (The basis of the system of precedent is the principle of stare decisis and this requires a later court to use the same reasoning as an earlier court where the two cases raise the same legal issues)¹⁰, bityo uko inkiko zisumbana (the higher up a court is in the hierarchy, the more authoritative its decisions: decisions of the higher courts will bind lower courts to apply the same decided principle)¹¹. By'umwihariko rero, Urukiko rw'Ikirenga nk'Urukiko rukuriye izindi, birumvikana ko ari narwo soko nkuru y'imirongo inkiko zindi zigenderaho, akaba nayo mpamvu y'imiterere yarwo yihariye nk'uko ari byasobanuwe mu gika kibanziriza iki, imiterere ituma rugira ububasha ku moko y'imanza zose inkiko zishyikirizwa kugira

-

¹⁰ The open University, OpenLearn, Judges and the law, available at https://www.open.edu/openlearn/society-politics-law/judges-and-the-law/content-section-3.4

¹¹ Idem. There are two exceptions to this principle: Overruling (the procedure whereby a court higher up in the hierarchy sets aside a legal ruling established in a previous case) and distinguishing (the possibility that a court may regard the facts of the case before it as significantly different from the facts of a cited precedent, so it will not find itself bound to follow that precedent).

ngo rubashe kuzitangaho umurongo uyobora izindi nkiko mu micire y'imanza.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [34] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na GLIHD cyakiriwe rugisuzumye rusanga nta shingiro gifite;
- [35] Rwemeje ko igika cya kabiri cy'ingingo ya 39 y'Itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose ntaho kinyuranyije n'ibiteganywa mu ngingo ya 15, 16 n'iya 34 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y' U Rwanda.

IMANZA ZEREKERANYE N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA

IMANZA ZEREKERANYE N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO, IZ'UBUCURUZI, IZ'UMURIMO N'IZ'UBUTEGETSI

TUYISENGE N'UNDI v. RWANDA MOTOR S.A

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/REV/INJUST/RC 00041/2017/SC (Rugege, P.J., Mutashya na Kayitesi E., J.) 22 Gashyantare 2020]

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza mbonezamubano – Irangizwa ry'urubanza ku kintu kitagihari – Irangizarubanza rikorerwa ku cyaburanywe cyangwa ku gisa nacyo, byaba bidashobotse hagatangwa ingurane y'agaciro kacyo kabariwe ku gaciro k'ifaranga kariho icyo gihe.

Incamake y'ikibazo: Urubanza rwatangiriye mu Rukiko rwa mbere rw'Iremezo rwa Kigali muri 1995, aho Tuyisenge na Uzamukunda baregaga Rwanda Motor kuba itarabahaye imodoka baguze muri 1993 cyangwa ngo ibahe agaciro kayo. Urukiko rwafashe icyemezo ko ikirego cyabo gifite ishingiro kandi ko Rwanda Motor igomba kubaha ubwoko bw'imodoka baguze.

Rwanda Motor yajuririye Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali, narwo rwemeza ibyo Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali rwemeje. Rwanda Motor yongeye kutishimira imikirize y'urubanza, bituma isaba ko urubanza ruseswa; ariko nyuma y'ivugururwa y'Urwego rw'Ubucamanza, urubanza rwoherejwe mu Rukiko Rukuru rurarusiba kubera ko Rwanda Motor itigeze ikurikirana ikirego cyayo.

Nyuma y'aho, Tuyisenge na Uzamukunda batanze ibirego bitandukanye mu Rukiko Rukuru ku nshuro ya kabiri, bwa mbere basaba ko rwasobanura urubanza rwaciwe n'Urukiko

rw'Ubujurire, ubundi barega basaba ko Urukiko rwakemura ikibazo gituruka kw'irangizwa ryarwo; maze Urukiko Rukuru rwemeza ko ntacyo gusobanura gihari, kandi ko urubanza rurangizwa uko rwaciwe.

Irangizwa ry'uru rubanza ntiryashobotse, kuko uruganda rutari rugikora ubwoko bw'izo modoka, kandi Rwanda Motor S.A ikaba yaranze gutanga isa nayo. Ibi byatumye Tuyisenge na Uzamukunda basaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, maze Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeza ko rwongera kuburanishwa. Mu miburanire yabo basabye ko bahabwa agaciro k'imodoka mu mafaranga kabariwe aho ifaranga rigeze uyu munsi.

Rwanda Motor yavuze ko ikirego cyabo nta shingiro gifite kuko icyatumye urubanza rutarangizwa ari uko ubwoko bw'iyo modoka iburanwa butagikorwa.

Incamake y'Icyemezo: Irangizarubanza rikorerwa ku cyaburanywe cyangwa ku gisa nacyo, byaba bidashobotse, hagatangwa ingurane y'agaciro kacyo, kabariwe ku gaciro k'ifaranga kariho icyo gihe.

Ikirego gifite ishingiro; Urubanza RCA 0081/09/HC/KIG ruvanyweho; Uregwa agomba gutanga ingurane mu mafaranga ku modoka yaguzwe ntiboneke; Amagarama aherereye ku isanduku ya Leta.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano,

iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 9 na 10.

Itegeko N° 22/2012 ryo ku wa 14/07/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, (ryakoreshwaga icyo gihe) ingingo ya 192

Itegeko N° 18/2004 ryo ku wa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

Imanza zifashishijwe:

Nyirabugungo Isabelle v Etablissement Mironko Plastic Industries, RCAA 0116/11/CS rendered on 08/02/2013 by the Supreme Court

Inyandiko z'abahanga:

Ephrem GASASIRA, Procédure civile et commerciale, 1993, page 260.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Uru rubanza rukomoka ku masezerano yo ku wa 15/02/1994 y'ubugure bw'imodoka ya MAZDA E 2000 ifite imyanya 15 cyangwa 18, yabaye hagati ya Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée, na Rwanda Motor S.A, nyuma bagiye kuyifata, Rwanda Motor ibabwira ko imodoka yabo yasahuwe kimwe n'ibindi yari ifite.

- [2] Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée baregeye Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali, basaba guhabwa imodoka cyangwa agaciro kayo, ibirego byabo bihurizwa hamwe, urubanza ruhabwa N° RC 23.394/95/S1-RC 23.742/95/S1.
- [3] Ku wa 30/06/1997, urwo Rukiko rwaciye urubanza rwemeza ko ikirego cya Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée gifite ishingiro, rutegeka Rwanda Motor S.A kubaha imodoka baguze ari yo MAZDA E.2000 y'imyanya 15 cyangwa 18, ikanatanga amagarama y'urubanza ahwanye na 3500 Frw.
- [4] Rwanda Motor S.A ntiyishimiye imikirize y'urubanza, ijuririra Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali, urubanza rwandikwa kuri N° RCA 12206/KIG-RC 3742/92, ivuga ko Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée bishyuye imodoka mu byiciro bitatu, icyiciro cya nyuma bagitanga ku wa 15/02/1994, Rwanda Motor S.A ibereka imodoka yabo SG 28 ifite n° ya chassis SRYOEZ 622110, N° ya moteur 930156 y'ibara ry'umweru, bakaba batarayitwaye kubera impamvu zabo bwite bigera igihe isahuwe hamwe n'izindi mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda muri 1994.
- [5] Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali rwasobanuye ko Rwanda Motor S.A idakwiye kuburanisha ''Force majeure'' kuko yemera ko na Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée barishye igiciro cy'imodoka bari batumije ku wa 15/02/1994, intambara iba ku wa 07/04/1994, ikaba itabasha gusobanura ukuntu muri ayo mezi abiri itashyikirije iyo modoka ba nyirayo kandi barayishyuye. Rwasobanuye ko Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée batigeze berekwa imodoka kuko itari yakabonye ibiyiranga (identification), ndetse batanasinye kuri fagitire yayo bemeza ko bayihawe.

- [6] Rwasobanuye ko nta masezerano y'ububitsi (contrat de dépôt) yabayeho hagati ya Rwanda Motor S.A na Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée kuko batari kubitsa imodoka batahawe, ko indishyi z'amafaranga iyi modoka iba yarakoreye mu gihe cy'imyaka 5 zidakwiye kuko itigeze igaragara ngo ikore ngo abe ari ho ahera bagena umusaruro wayo, rutegeka Rwanda Motor S.A guha Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée imodoka Minibus MAZDA E 2000 y'imyanya 15 cyangwa 18, kuko bayitangiye ikiguzi kandi Rwanda Motor S.A ikaba igicuruza amamodoka.
- [7] Rwanda Motor S.A ntiyishimiye imikirize y'urubanza isaba ko urubanza ruseswa, ikirego cyayo cyandikwa kuri RCP 1000 nyuma y'ivugurura ry'inzego z'Ubucamanza muri 2004, urubanza rwoherezwa mu Rukiko Rukuru rwandikwa kuri N° RCAA 0597/06/HC/KIG ku wa 02/11/2007. Urukiko rwategetse ko ikirego gisibwa kuko Rwanda Motor S.A itagikurikiranye ngo kiburanishwe.
- [8] Nyuma Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée batanze ikirego mu Rukiko Rukuru basaba gusobanura urubanza RCA 12.206/KIG-RC 3742/92, urubanza rwandikwa kuri N° RC 0030/09/HC/KIG, ku wa 12/05/2009, Urukiko rwemeza ko ntacyo gusobanura gihari kubera ko urubanza ubwarwo rusobanutse.
- [9] Tuyisenge Zabuloni yongeye gutanga ikirego asaba gukemura ikibazo gituruka ku irangiza ry'urubanza RCA 12.206/KIG-RC 3742/92 ashingiye ku kuba baragiye kurangirisha urubanza Rwanda Motor S.A ikababwira ko imodoka zo muri ubwo bwoko zitagikorwa, asaba ko yahabwa agaciro kayo cyangwa agahabwa indi modoka ifite agaciro nk'akayo, ikirego cyandikwa kuri N° RCA 0081/09/HC/KIG. Ku

wa 14/02/2011, Urukiko rwemeza ko ibyo Tuyisenge Zabuloni asaba, bigamije guhindura icyemezo cy'Urukiko kandi rwarabaye itegeko, rutegeka ko urubanza RCA 12.206/KIG-RC 3742/92 rurangizwa uko rwakabaye.

- [10] Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée bashyizeho umuhesha w'Inkiko ngo arangize urubanza nawe abasubiza ko kurangiza urubanza ku ngufu bidashoboka kubera ko ntacyo yabona afatira bitewe n'uko imodoka ya MAZDA E 2000 Urukiko rwategetse, ntazo Rwanda Motor S.A ifite kandi ko hatafatirwa indi mu gihe Umucamanza ntabyo yategetse, ndetse akaba yaranasabye Rwanda Motor S.A kwishyura indi isa nayo, ikabyanga.
- [11] Nyuma y'izo manza zose, Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée bandikiye urwego rw'Umuvunyi basaba kurenganurwa. Uru rwego nyuma yo gusesengura urubanza RCA 12206/KIG-RC 3742/92, rwasanze n'ubwo imikirize yarwo yumvikana, ariko icyo Urukiko rwategetse kidashobora gushyirwa mu bikorwa bitewe n'uko imodoka MAZDA E 2000 y'imyanya 15 cyangwa 18 rwategetse ko Rwanda Motor S.A iha Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée, itakibaho.
- [12] Urwego rw'Umuvunyi rwandikiye Urukiko rw'Ikirenga ku wa 23/05/2016 rusaba ko urubanza RCA 0081/09/HC/KIG rwasubirwamo. Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga nyuma yo kubona raporo y' Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko yakozwe kuri urwo rubanza, yafashe icyemezo ku wa 01/811/2017 ategeka ko urubanza RCA 12.206/KIG-3742/92 haburana Rwanda Motor S.A na Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali ku wa 04/06/2001 rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

- [13] Iburanisha mu ruhame ryabaye ku wa 21/01/2019, hitabye Rwanda Motor S.A ihagarariwe na Me Rutembesa Phocas, Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée bahagarariwe na Me Kazeneza Théophile.
- [14] Mbere y'uko iburanisha mu mizi ritangira, Me Rutembesa Phocas uburanira Rwanda Motor S.A yasabye ko iburanisha ryahagarara bakajya kumvikana kugira ngo barebe niba ikibazo bagikemura mu bwumvikane, naho Me Kazeneza Théophile uburanira Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée avuga ko asanga ubwo bwumvikane budakwiye guhagarika urubanza, ko ahubwo iburanisha ryakomeza, noneho babasha kumvikana bakazamenyesha Urukiko, urubanza rwaba rutarasomwa, rugahagarara.
- [15] Urukiko rwafatiye icyemezo mu ntebe rutegeka ko iburanisha rikomeza, ababuranyi bazabasha kumvikana bakazabimenyesha Urukiko mbere y'uko urubanza rusomwa.
- [16] Me Rutembesa Phocas uburanira Rwanda Motor S.A yatanze inzitizi avuga ko ashingiye ku ngingo ya 86, igika cya 2, agace ka 1° n'aka 2°, y'Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga¹, asanga ikirego cyatanzwe na Tuyisenge Zabuloni

¹ Imanza zaciwe ku rwego rwa nyuma mbere y'uko iri Tegeko Ngenga ritangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda zishobora gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 81 y'iri Tegeko Ngenga. Izo manza ni izi zikurikira:

^{1°}Imanza zivugwamo akarengane zaciwe burundu nyuma y'ishyirwaho ry'Urwego rw'Umuvunyi mu mwaka wa 2003 zaba izarangijwe cyangwa izitararangizwa, zizashyikiriwa Urwego rw'Umuvunyi mu gihe kitarenze umwaka umwe (1) kuva iri Tegeko Ngenga ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

na Uzabumwana Dorothée mu rwego rw'Umuvunyi kidakwiye kwakirwa kubera ko cyatanzwe gikererewe. Ibyo akaba abihera ko urubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, rwaciwe ku wa 04/06/2001, rukaba rutabarirwa mu manza za nyuma ya 2003, bityo rukaba rwaragombaga gushyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) kuva Itegeko Ngenga rimaze kuvugwa, ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Ko kuba Rwanda Motor S.A yarahamagawe n'Urwego rw'Umuvunyi muri 2015, Me Rutembesa Phocas avuga ko n'ubwo atazi neza itariki urubanza rwashyikirijweho Urwego rw'Umuvunyi, uwo mwaka awufata ko ari wo ikirego cya Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana cvashvikirijwe Dorothée urwo rwego, bitvo rutaragombaga kucyakira kuko igihe giteganyijwe n'Itegeko cy'amezi atandatu (6) cyari cyararenze.

[17] Me Kazeneza Théophile uburanira Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée, avuga ko atumva icyo iyi nzitizi igamije, kuko niba ari inenge igaragara mu cyemezo cy'Urwego rw'Umuvunyi, atagombye kuyiregera muri uru Rukiko, ko kandi kugira ngo uru rubanza rwongere kuburanishwa, byemejwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga; ko rero atumva niba arimo gushaka kujuririra icyo cyemezo bityo ko kubera iyo mpamvu asanga inzitizi itanzwe na Rwanda Motor S.A nta shingiro ifite.

²º Imanza zaciwe n'inkiko zisanzwe, inkiko z'ubucuruzi n'iza Gisirikare ku rwego rwa nyuma zivugwamo

akarengane zashyikirijwe inzego zinyuranye, zizashyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi mu gihe kitarenze

amezi atandatu (6) kuva iri Tegeko Ngenga ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

- [18] Urukiko rw'Ikirenga nyuma yo kwiherera rwafashe icyemezo cy'uko inzitizi yatanzwe na Me Rutembesa Phocas mu izina rya Rwanda Motor S.A nta shingiro ifite, kubera ko urubanza rwasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane ari RCA 0081/09/HC/KIG rwaciwe ku wa 14/02/2011, akaba atari urubanza RC 23.394/95/S1- RC 23.742/95/S1 rwaciwe ku wa 04/06/2001 nk'uko Me Rutembesa abivuga, ko ibyo avuga by'uko rwashyikirijwe Urwego rw'Umuvunyi impitagihe, atabitangira ibimenyetso. Rutegeka ko urubanza rukomeza mu mizi
- [19] Muri uru rubanza ikibazo ababuranyi batumvikanaho, ni ukumenya niba igihe ikigomba kurangirizwaho urubanza kitagihari, uwatsinze ashobora guhabwa agaciro kacyo mu mafaranga.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

Kumenya niba igihe ikigomba kurangirizwaho urubanza kitagihari, uwatsinze ashobora guhabwa agaciro kacyo mu mafaranga.

- [20] Me Kazeneza Théophile uburanira Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée avuga ko kuva bagura imodoka na Rwanda Motor S.A muri 1994, bakayishyura, nanubu batarayibona, impamvu Rwanda Motor S.A itanga, ikaba ari uko ngo iyo modoka iri muzasahuwe igihe cya Jenoside, ubu ikaba idashobora kuboneka kuko n'inganda zazikoraga zitakizikora.
- [21] Avuga ko nubwo izo modoka zitagikorwa, Rwanda Motor S.A yari ifite ubundi buryo bwo kwishyura ariko

ntiyabikora, nko gutanga indi modoka imeze nkayo, cyangwa agaciro kayo mu mafaranga, ariko muri ibyo byose nta na kimwe yakoze, ahubwo ikomeza kugundira amafaranga yabo iyacuruza, kandi bo batarabonye imodoka baguze.

- [22] Avuga ariko ko nubwo bari bifuje ko bahabwa imodoka ifite agaciro nk'ak'iyo bari baguze, ubu icyo gitekerezo batakigihagazeho, kuko imodoka nk'iyo ubu mu Rwanda ntacyo yakora, kandi abo aburanira bakaba bari bayiguze kugira ngo bayikoreshe ubucuruzi (Gutwara abantu), ahubwo icyifuzo kikaba ari uko bahabwa agaciro kayo mu mafaranga kabariwe aho ifaranga rigeze uyu munsi, asaba gusubizwa ikiguzi kingana n'agaciro k'imodoka uyu munsi kangana na miliyoni mirongo ine n'imwe n'ibihumbi magana atanu (41.500.000Frw), bagendeye ko muri 1993 idorali rimwe ryari 80 Frw, ubu rikaba ringana na 850 Frw, kandi ko icyo gihe batanze 3.900.000Frw.
- [23] Me Rutembesa Phocas uburanira Rwanda Motor S.A avuga ko ibyo basaba ko byashyirwa mu bikorwa atari byo Urukiko rwategetse, kuko rwategetse ko bahabwa imodoka bari baguze muri Rwanda Motor S.A. Avuga ko asanga kuba urubanza rwongeye kugaruka imbere y'urukiko, Rwanda Motor S.A ikwiye kurenganurwa kuko yagaragaje impamvu bitakunze ko ishyikiriza abaguze iyo modoka ariko ntibyahabwa agaciro, aho yerekanye ko iyo modoka yaguzwe nkuko byari byemeranijwe ndetse Rwanda Motor S.A ikayigeza mu bubiko bwayo ariko abari barayiguze ntibihutire kuza kuyitwara kubera impamvu zabo bwite, ko rero kuba itarageze mu maboko yabo nabo babifitemo uruhare
- [24] Avuga ko ikibazo cyatumye urubanza rutarangizwa, ari uko ubwoko bw'izo modoka butagikorwa, Rwanda Motor S.A ikaba itabasha kubona indi isa nayo, ko muri icyo gihe, bari

kwemera bagahabwa amafaranga yabo batanze angana na 3.900.000Frw, ariko bakomeje gushyiraho amaniza bavuga ko bashaka agaciro k'iki gihe mu gihe Rwanda Motor S.A nta ruhare yagize kugira ngo iyo modoka idatangwa.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[25] Ihame ry'amategeko agenga imiburanishirize rivuga ko amategeko y'imiburanishirize akurikizwa ako kanya itegeko rigisohoka (les règles de procédure sont d'application immédiate).

[26] Itegeko N° 20/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi rikurikizwa ubungubu, ntaho ryateganyije uko bigenda mu gihe icyaburanwaga ari nacyo kigomba kurangirizwaho urubanza, kitagihari. Urukiko rusanga ariko kuba ibyo bitarateganyijwe, atari ku mpamvu z'uko Umushingamategeko yashatse ko bene ibyo bibazo bidakemurwa ku buryo uwatsinze urubanza yabura ingurane mu gihe icyo yatsindiye kitagihari, ahubwo byumvikana ko byibagiranye, ibi kandi bikaba bitagomba kubuza Urukiko guca urubanza hagendewe ku kuba Itegeko rikoreshwa ubu, ntacyo ryateganyije kuri bene ibyo bibazo, ko ahubwo Urukiko rugomba guca urubanza rushingiye ku ngingo ya 9 igika cya mbere n'icya kabiri y'iryo Tegeko rivuzwe muri iki gika², iteganya ko umucamanza

² Umucamanza aca urubanza ashingiye ku ngingo z'amategeko zirebana n'ikirego yaregewe. Iyo nta tegeko rijyanye n'ikiburanwa ashingira ku mategeko asanga yashyiraho mu gihe yaba ashinzwe kuyashyiraho, yifashishije ibyemezo byagiye bifatwa n'inkiko, umuco, amahame rusange agenga amategeko n'inyandiko z'abahanga mu mategeko. Umucamanza ntashobora kandi kwanga guca urubanza yitwaje impamvu iyo ari yo yose,

adashobora kwanga guca urubanza yitwaje impamvu iyo ari yo yose, n'iyo ntacyo itegeko ryaba riteganya, ridasobanutse mu buryo bwumvikana cyangwa ridahagije.

Impamvu Urukiko rusanga harabayeho kwibagirana mu [27] itegeko bijyanye gukemurira mu ibibazo no kubura kw'icyagombaga kurangirizwaho urubanza, ari uko mu Itegeko Nº 22/2012 ryo ku wa 14/07/2012 ryerekeye imiburanishirize z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo y'imanza n'iz'ubutegetsi ryakoreshwaga ubwo Urwego rw'Umuvunyi rwagezaga ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga, mu ngingo yaryo ya 195, ryateganyaga ko irangiza ry'imanza rigamije guha uwatsinze icyo yatsindiye, atabibona agahabwa ingurane yabyo³, ibivugwa muri iyo ngingo, bikaba ari nabyo byari biteganyijwe mu ngingo ya 192 y'Itegeko Nº 18/2004 ryo ku wa 20/06/2004 imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, ryerekeye iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ryakoreshwaga ubwo urubanza kuri iki kibazo rwaburanishwaga (mu mwaka wa $2011)^4$.

[28] Iki gitekerezo kandi gishimangirwa n'umuhanga mu mategeko Gasasira Ephrem mu gitabo cye « Procédure civile et commerciale, 1993, page 260», aho avuga ko irangizarubanza rikorerwa ku cyaburanywe cyangwa ku gisa nacyo, byaba

n'iyo ntacyo itegeko ryaba riteganya, ridasobanutse mu buryo bwumvikana cyangwa ridahagije.

³ Irangiza ry'imanza n'iry'inyandiko rigamije guha uwatsinze ibintu afitiye uburenganzira bwo guhabwa, akabibona ubwabyo cyangwa akabona ingurane.

⁴ Irangiza ry'imanza n'iry'inyandiko rigamije guha uwatsinze ibintu afitiye uburenganzira bwo guhabwa, akabibona ubwabyo cyangwa akabona ingurane.

bidashobotse, hagatangwa agaciro kacyo kabariwe mu mafaranga.⁵

[29] Uwatsindiye ibintu ariko, siwe uhitamo igihe ashakiye niba mu kurangiza urubanza ahabwa ibyo bintu cyangwa niba ahabwa ingurane yabyo, ahabwa ingurane ari uko irangiza ry'urubanza kucyo yatsindiye ryananiranye, kandi iyo ngurane akayihabwa hagendewe ku gaciro kariho ubu ngubu⁶.

[30] Ku bijyanye n'uru rubanza, Urukiko rurasanga ababuranyi bose bemeranya ko imodoka Minibus Mazda E 2000 y'imyanya 15 cyangwa 18 ari yo yaguzwe na Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée muri Rwanda Motor S.A muri 1994, ikaba ari nayo Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali rwategetse Rwanda Motor S.A guha Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée mu rubanza RC 23.394/95/S1-RC 23.742/95/S1 rwaciwe ku wa 04/06/2001.

Urukiko rurasanga kandi ababuranyi bose bemeranywa inganda zakoraga bene ubwo bwoko bw'imodoka, irangizarubanza riverekeveho bivuze ko zitakizikora, ridashoboka kubera ko icyagombaga kurangirizwaho urubanza kidahari; bityo, hashingiwe ku byavuzwe haruguru mu bika bibanziriza iki, Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée bakaba bagomba guhabwa na Rwanda Motor S.A ingurane

⁵ L'exécution est directe ou en nature, lorsque c'est la prestation même qui constitue l'objet de l'obligation qui est fournie au créancier. L'exécution par equivalent a lieu lorsque l'exécution directe est impossible, soitque l'objet du litige ne s'y prête pas, sit qu'il y ait mauvaise volonté du débiteur.

⁶ Urubanza Nº RCAA 0116/11/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 08/02/2013 haburana Nyirabugingo Isabelle v Etablissement Mironko Plastic Indistries mu izina ry'uyihagarariye.

y'agaciro k'iyo modoka mu mafaranga kabariwe aho ifaranga rigeze ubu.

- [32] Urukiko rurasanga ku wa 15/02/1994 ubwo Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée batangaga igice cya nyuma cy'ubwishyu bw'imodoka, idorali rimwe ryavunjaga amafaranga y'u Rwanda 145,0248Frw⁷ nkuko bigaragara ku rubuga rwa Banki Nkuru y'u Rwanda, bityo bakaba baratanze amadolari angana na USD 26.896 kuko amafaranga y'amanyarwanda yose batanze bagura imodoka angana na 3.900.000 Frw (3.900.000 Frw: 145,0248= USD 26.896) .
- [33] Urukiko rurasanga ubu idolari ku munsi wa none rigeze ku mafaranga y'u Rwanda 875 Frw⁸ nk'uko nanone bigaragara ku rubuga rwa Banki Nkuru y'u Rwanda, bivuze ko, rushingiye kuri iryo vunja, Tuyisenge na Uzabumwana bagomba guhabwa na Rwanda Motor S.A ingurane ingana na 875 Frw x 26.896=23.534.000 Frw.

Kumenya niba amafaranga Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée batanze bagura imodoka ntibayihabwe, agomba gutangirwa inyungu yagombye kuba yarungutse.

[34] Me Kazeneza Théophile uburanira Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée avuga ko abo aburanira bataba barenganuwe baramutse bahawe gusa icyo baguze cyangwa agaciro kacyo gusa, badahawe inyungu yari kukivanamo mu gihe kirekire nk'iki. Ikaba ariyo mpamvu basaba guhabwa inyungu

 $^{^7}$ https://www.bnr.rw/index.php?id=89 urubuga rwa Banki Nkuru y'u Rwanda rwasuwe ku wa 14/02/2019 saa yine n'iminota 55

^{8 &}lt;a href="https://www.bnr.rw/index.php?id=89">https://www.bnr.rw/index.php?id=89 urubuga rwa Banki Nkuru y'u Rwanda rwasuwe ku wa 14/02/2019 saa yine n'iminota 55

bavukijwe zibariwe kuri 18% ku mwaka z'agaciro k'imodoka yagombye kuba ifite uyu munsi, mu gihe cy'imyaka 10.

[35] Me Rutembesa Phocas uburanira Rwanda Motor S.A avuga ko izi ndishyi asanga nta shingiro zifite, kuko kugira ngo indishyi zatakajwe zisuzumwe, ari uko icyo zishingiyeho cyagombye kuba nibura cyarabayeho.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[36] Ingingo ya 10 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko Urukiko ruca urubanza ku cyasabwe cyonyine kandi kuri icyo gusa.

[37] Urukiko rurasanga ikiburanwa muri uru rubanza, atari inyungu zikomoka ku mafaranga y'inguzanyo cyangwa amafaranga yishyurwa buri mwaka cyangwa mu kindi gihe kitageze ku mwaka nkuko ingingo ya 657 yo mu gitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano, amasezerano n'imirimo nshinganwa ibiteganya⁹, ko ahubwo icyaregewe ari ukurangiza ibyemezo byafashwe burundu n'inkiko hasabwa ingurane.

buzimye.

⁹ Iyo ngingo iteganya ko amafaranga yishyurwa uko igihe gitashye, amafaranga y'ubukode bw'inzu cyangwa icyatamurima, inyungu z'amafaranga yagurijwe, muri rusange n'andi mafaranga yose yishyurwa buri mwaka cyangwa mu kindi gihe kitageze ku mwaka, ko ayo mafaranga yose iyo hashize imyaka itanu (5) ntawe uyakurikiranye, ubwo burenganzira buba

- [38] Urukiko rurasanga hashingiwe kuri ibyo bisobanuro bitanzwe, ibyo Me Kazeneza Théophile asaba mu izina rya Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée by'uko yahabwa inyungu bavukijwe zibariwe kuri 18% ku mwaka z'agaciro k'imodoka yagombye kuba ifite uyu munsi, mu gihe cy'imyaka 10, nta shingiro bifite, ko ahubwo icyo bavukijwe ari amahirwe (perte d'une chance) yo kubyaza umusaruro iyo modoka.
- [39] Urukiko rurasanga nkuko byagiye bifatwaho icyemezo mu manza zinyuranye haba muri uru Rukiko cyangwa mu nkiko zo mu mahanga¹⁰, kuvutswa amahirwe bitakwitwa igihombo nkuko Me Kazeneza Théophile ubaburanira abivuga, ahubwo ari impamvu ituma uwayavukijwe abihererwa indishyi z'uko atashoboye kubyaza umusaruro icyo yari afiteho uburenganzira, izo ndishyi zikaba zigenwe mu bushishozi bw'Urukiko.
- [40] Rushingiye kuri ibyo bisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rurasanga inyungu Me Kazeneza Théophile asaba mu izina ry'abo aburanira, nta shingiro zifite.

Ibijyanye n'indishyi zisabwa.

[41] Me Kazeneza Théophile mu izina rya Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée asaba guhabwa indishyi z'akababaro kubera gusiragizwa mu manza ku maherere, kutarangirizwa urubanza, angana na 5.000.000Frw, bakanahabwa amafaranga

¹⁰ -Comme en responsabilité délictuelle, le juge du fond apprécie souverainement le préjudice dès l'instant qu'il a caractérisé la perte de chance. Cf. Civ. 1ère, 10 juillet 2002, Bull.civ. I, n° 19.7

⁻Urubanza RCOMAA 0008/12/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 06/06/2008, Banki ya Kigali iburana na Kampire na Sibomana

y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka nayo angana na 5.000.000Frw yose hamwe akaba 10.000.000Frw.

[42] Me Rutembesa Phocas uburanira Rwanda Motor S.A avuga ko indishyi basaba nta shingiro kuko aribo ubwabo bishoye mu manza bitari ngombwa.

UKO URUKIKO RUBIBONA

- [43] Urukiko rurasanga, ku byerekeye indishyi Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée bagomba kugenerwa zivugwa mu gika cya 38 na 39 by'uru rubanza zo kuba baravukijwe amahirwe yo kubyaza umusaruro imodoka baguze, bakaba baramaze igihe kirekire bayitegereje ariko ntibayibone kandi barayishyuye, rubageneye 2.000.000 Frw mu bushishozi bwarwo.
- [44] Urukiko rurasanga ku byerekeye indishyi z'akababaro Me Kazeneza Théophile asaba mu izina rya Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée kubera gusiragizwa mu manza ku maherere, nta shingiro zifite, kuko nibo baregaga ntabwo ari Rwanda MOTOR S.A, ntabwo rero ariyo yabasiragije mu manza nkuko babivuga.
- [45] Ku byerekeye indishyi basaba z'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka, Urukiko rurasanga Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée bazikwiye kuko baburanye bahagarariwe, kandi hari n'ibyo batakaje kubera gukurikirana uru rubanza, bakaba bagomba ariko kuzigenerwa mu bushishozi bw'Urukiko kuko izo basaba ari nyinshi, Urukiko rukaba rubageneye 300.000Frw y'ikurikiranarubanza, na 500.000 Frw y'igihembo cya Avoka, yose hamwe akaba 800.000Frw.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [46] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée gisaba gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza RCA 0081/09/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru rwa Kigali ku wa 14/02/2011, gifite ishingiro;
- [47] Rwemeje ko urubanza RCA 0081/09/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru rwa Kigali ku wa 14/02/2011 ruvuyeho;
- [48] Rutegetse Rwanda Motor S.A guha Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée ingurane ingana na 23.534.000Frw ku modoka MAZDA E 2000 bari baguze yo ntibayihabwa;
- [49] Rutegetse Rwanda Motor S.A guha Tuyisenge Zabuloni na Uzabumwana Dorothée indishyi zingana na 2.000.000Frw, amafaranga y'ikurikiranarubanza angana na 300.000Frw, ay'igihembo cya Avoka angana na 500.000Frw, yose hamwe akaba 2.800.000Frw;
- [50] Rutegetse ko amagarama y'ibyakozwe mu rubanza aherera ku Isanduku ya Leta.

NZITONDA v. COGEBANQUE Ltd N'ABANDI

[Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RCOMAA 00012/2019/CA (Karimunda, P.J.) 09 Ukuboza 2019]

Amategeko agenga imiburanishirije y'imanza z'ubucuruzi – Ikirego cyerekeye gutesha agaciro cyamunara — Ikirego cyerekeye gutesha agaciro cyamunara kiburanishwa nk'ikirego cyihutirwa kidashamikiye ku kindi kuko aba ari ukurengera nyiri umutungo ndetse n'uwegukanye ingwate kugira ngo hatagira utezwa igihombo no gutinda kw'imanza mu nkiko — Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 260.

Amategeko agenga imiburanishirije y'imanza z'ubucuruzi – Ikirego cyerekeye gutesha agaciro cyamunara – Ikirego gisaba guhagarika cyangwa gutesha agaciro cyamunara gishobora kujuririrwa bwa kabiri iyo cyujuje ibisabwa kuko aba ari ikirego cyigenga kidashamikiye ku kindi kirego cy'iremezo ariko kikajuririrwa mu gihe kitarenze iminsi itatu – Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ingingo ya 260.

Incamake y'ikibazo: Entreprise de Construction & Techniques d'Architecture (E.C.T.A) imaze gutsidira isoko ryo kubaka isoko rya kijyambere ku Mulindi yagiranye amasezerano y'inguzanyo na Cogebank Ltd, maze Nzitonda umuyobozi wayo ayibera

umwishingizi, ayitangira n'ingwate. E.C.T.A ntiyubahirije ayo masezerano bituma iyo ngwate itezwa cyamunara.

Nzitonda yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi asaba ko iyo cyamunara yateshwa agaciro kuko yakozwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko. Urwo Rukiko rwaciye urubanza rwemeza ko igurishwa ry'ingwate muri cya munara ritubahirije amategeko rushingiye ku kuba Nzitonda atamenyeshejwe inyandiko ikubiyemo amabwiriza yo kugurisha ingwate muri cyamunara, ntiyashyikirijwe igenagaciro ry;umutungo we, ndetse ko Umwanditsi Mukuru ntiyubahirije iminsi irindwi itegenywa n'Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru agenga ibyerekeye cyamunara, bityo rutegeka Cogebank Ltd gusubiza Higiro waguze ingwate amafaranga yayiguze,, ko kandi Cogebank na Gashema bagomba guha Nzitonda indishyi zinyuranye.

Higiro na Gashema ntibishimiye imikirize y'urwo rubanza maze bajuririra mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, aho Higiro yavuga ko Urukiko rw'Ubucuruzi rwemeje ko Nzitonda atamenyeshejwe amabwiraza ya cyamunara kandi byarakozwe, ibijyanye no kumumenyesha igenagaciro ntaho biteganyijwe mu mategeko, naho kuba umwanditsi mukuru ataremeje cyamunara mu minsi 7 ikaba atari impamvu yo gusesa cyamunara asaba ko mu gihe hakwemezwa ko cyamunara iteshejwe agaciro, yasubizwa amafaranga yakoresheje avugurura inzu yaguze. Gashema we urukiko ko rwasuzuma niba koko **Nzitonda** ataramenyeshejwe amabwiriza, niba kubimumenyesha byari inshingano ze, asaba n' indishyi.

Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwasanze ubujurire bwa Higiro na Gashema bufite ishingiro bityo rwemeza ko cyamunara yakozwe mu buryo bukurikije amategeko.

Nzitonda yajuririye Urukiko rw'Ubujurire avuga ko urukiko rwirengagije ko atamenyeshejwe igenegaciro ryakozwe ku umutungo we, n'imihango yo kuwugurisha muri cyamunara ndetse n'umwanditsi mukuru ntiyubahirije ibitegannywa n'amategeko.

Higiro yatanze inzitizi yo kutakira ubujurire kuko ubujurire bwa Nzitonda ari ubwa kabiri ku kirego kihutirwa kandi ikirego cyihutirwa kikaba kidashobora kujuririrwa kabiri kandi ko ubwo bujurire bwatanzwe impitagihe. Iyi nzitizi kandi akaba ayemeranyaho na Gashema.

Ku birebana n'inzitizi yatanzwe, Nzitonda (Uwajuriye) yiregura avuga ko ubujurire bwe budakomoka ku kirego kihutirwa kuko kuva urubanza rwatangira ruburanishwa mu buryo busanzwe akaba asanga rero ntampamvu yatuma ubujurire bwa kabiri butakwakirwa. Kubijyanye nuko ubujurire bwatanzwe impitagihe, avuga ko yakurikije ibihe bisanzwe by'ijurira, kandi asanga kuba ikirego yatanze ubwacyo atari ikirego cyihutirwa nta mpanvu y'uko ibihe by'ijurira bibarirwa ku bihe biteganyijwe ku manza zihutirwa

Incamake y'icyemezo: 1. Ikirego cyerekeye gutesha agaciro cyamunara kiburanishwa nk'ikirego cyihutirwa kidashamikiye ku kindi kuko aba ari ukurengera nyiri umutungo ndetse n'uwegukanye ingwate kugira ngo hatagira utezwa igihombo no gutinda kw'imanza mu nkiko.

2. Ikirego gisaba guhagarika cyangwa gutesha agaciro cyamunara gishobora kujuririrwa bwa kabiri iyo cyujuje ibisabwa kuko aba ari ikirego cyigenga kidashamikiye ku kindi kirego cy'iremezo ariko kikajuririrwa mu gihe kitarenze iminsi itatu

Ubujurire ntibwakiriwe kuko bwatanzwe igihe cy'ubujurire cyararenze; Amagarama y'urubanza aherereye k'uwajuriye.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ingingo ya 21, 185, 188 na 260.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'IKIBAZO

[1] Entreprise de Construction & Techniques d'Architecture (E.C.T.A), Nzitonda Kiyengo abereye Umuyobozi, imaze gutsindira isoko ryo kubaka isoko rya kijyambere ku Mulindi, yagiranye amasezerano y'inguzanyo na COGEBANQUE Ltd, Nzitonda Kiyengo aba umwishingizi wa E.C.T.A, anatanga ingwate y'umutungo we uherereye mu mudugudu wa Bwiza, Akagari ka Kibaza, Umurenge wa Kacyiru, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, ubaruye kuri no UPI 1/02/07/03/1458. Byageze aho E.C.T.A ntiyubahiriza ibyo yari yumvikanyeho na COGEBANQUE Ltd, ingwate yatanzwe na Nzitonda Kiyengo itezwa cyamura. Nzitonda Kiyengo yavuze ko cyamunara yakozwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, atanga ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge asaba ko cyamunara iteshwa agaciro.

- Mu rubanza nº RC0M 01138/2017/TC/NYGE rwaciwe ku wa 13/03/2018, Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge igurisha ry'ingwate hari amategeko mu atararubahirijwe, nko kuba Nzitonda Kiyengo ataramenyeshejwe inyandiko ikubiyemo amabwiriza yo kugurisha ingwate ye muri cyamunara, kuba atarashyikirijwe igenagaciro (expertise) ry'umutungo we kandi ari uburenganzira ahabwa n'amategeko, no kuba mu kwemeza cyamunara, Umwanditsi Mukuru atarubahirije iminsi irindwi iteganywa mu mabwiriza agenga ibyerekeye gukodesha, kugurisha muri cyamunara ndetse no kwegukana ingwate, rwanzura ko cyamunara yo ku wa 24/02/2017 yakozwe hagurishwa umutungo wa Nzitonda Kivengo, uri mu kibanza gifite Nº UPI 1/02/07/03/1458 iteshejwe agaciro, rutegeka COGEBANQUE Ltd na GASHEMA Félicien gufatanya kwishyura Nzitonda Kiyengo indishyi zingana na 1.850.000 Frw, COGEBANQUE Ltd ikishyura Higiro Martin 86.417.378 Frw akubiyemo amafaranga yaguze inzu muri cyamunara, inyungu, indishyi n'igarama, COGEBANQUE Ltd na Gashema Félicien bagafatanya guha Higiro Martin indishyi zingana na 1.000.000 Frw.
- [3] Higiro Martin na Gashema Félicien ntibishimiye imikirize y'urwo rubanza, bajuririra mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, Higiro Martin avuga ko Urukiko rw'Ubucuruzi rwemeje ko Nzitonda Kiyengo atamenyeshejwe amabwiriza ya cyamunara kandi byarakozwe, ko kumumenyesha igenagaciro ntaho biteganywa n'amategeko, naho kuba Umwanditsi Mukuru ataremeje cyamunara mu minsi irindwi akaba atariyo yaba impamvu yatuma cyamunara iseswa, asaba ko mu gihe mu bujurire hakwemezwa ko cyamunara iteshejwe agaciro, yasubizwa amafaranga yakoresheje avugurura inzu yaguze. Gashema Félicien we asaba Urukiko gusuzuma niba Nzitonda

Kiyengo ataramenyeshejwe amabwiriza ya cyamunara koko, niba kubimumenyesha byari mu nshingano ze, asoza asaba indishyi.

- Ubujurire bwa Higiro Martin bwanditswe kuri RCOMA [4] 00269/2018/CHC/HCC, ubwa Gashema Félicien bwandikwa kuri No RCOMA 00274/2018/CHC/HCC, mu kuburanisha, imanza zombi zahurijwe hamwe, urubanza rucibwa ku wa 18/09/2018, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rusanga inyandiko Nzitonda Kiyengo yitangiye igaragaza aho umugore we yasinyiye ko ashyikirijwe "Approval of Selling Terms and Conditions" iri kumwe n'amabwiriza y'igurisha, akaba ataravuze ko hari ibyo atabonye kandi ko nta tegeko riteganya ko Nzitonda Kiyengo vagombaga kumenyeshwa igenagaciro, yaramenyeshejwe inyandiko y'amabwiriza ya cyamunara igaragaramo n'agaciro k'umutungo bikaba bihagije, cyane cyane ko yari asanganywe igenagaciro yakoresheje atanga ingwate, ko kuba harashyizweho igihe cy'iminsi irindwi ngo Umwanditsi Mukuru yemeze cyamunara, hari hagamijwe ko uwaguze adahera mu gihirahiro kandi yaramaze gutanga amafaranga ye yishyura umutungo waguzwe, rwanzura ko ubujurire bwa Gashema Félicien na Higiro Martin bufite ishingiro, ko cyamunara yakozwe ku mutungo wa Nzitonda Kiyengo yakurikije amategeko, ko icyemezo cyafashwe mu rubanza rwajuririwe gihindutse, ko indishyi zari zategetswe ku rwego rwa mbere zikuweho, rutegeka Nzitonda Kiyengo guha Gashema Félicien, Higiro Martin na COGEBANQUE Ltd buri wese indishyi zingana na 1.200.000 Frw, indishyi zose hamwe zikaba 3.600.000 Frw.
- [5] Nzitonda Kiyengo ntiyishimiye imikirize y'urubanza, arujuririra mu Rukiko rw'Ubujurire avuga ko mu rubanza

rujuririrwa hirengagijwe ko atamenyeshejwe igenagaciro ryahawe umutungo we n'imihango yo kuwugurisha muri cyamunara, Umwanditsi Mukuru akaba kandi atarubahirije ibiteganywa n'ingingo ya 16 y'Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru no. 03/2010/ORG yo ku wa 16/11/2010 by'uko Umwanditsi Mukuru yagombaga gukora raporo yemeza ibyakozwe n'ushinzwe kugurisha ingwate muri cyamunara n'ibiyikubiyemo mu gihe kitarenze iminsi irindwi.

[6] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 03/12/2019, Nzitonda Kiyengo yunganiwe na Me Fonyo Munyamashara Patient afatanyije na Me Nkaka Kagobora Séraphin, COGEBANQUE Ltd ihagarariwe na Me Kayitare Serge, Gashema Félicien ahagarariwe na Me Bikotwa Bruce, Higiro Martin ahagarariwe na Me Ndahimana Jean Bosco, Umwanditsi Mukuru ahagarariwe na Me Nkusi Fred, habanza gusuzumwa inzitizi yo kutakira ubujurire yatanzwe na Higiro Martin, wasabye ko ubujurire bwa Nzitonda Kiyengo butakwakirwa kuko ari ubujurire bwa kabiri ku kirego cyihutirwa kandi kidashobora kujuririrwa kabiri ndetse akaba yarabutanze igihe cy'ubujurire cyararenze.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO

- II.1. Kumenya niba ikirego gifite kamere y'ikirego cyihutirwa gishobora kujuririrwa ubwa kabiri.
- [7] Higiro Martin na Me Ndahimana Jean Bosco, umwunganira, bavuga ko ikirego nzitonda Kiyengo yatanze ari ikirego gisaba gutesha agaciro cyamunara kikaba kiburanishwa kandi kikajuririrwa nk'ikirego cyihutirwa nk'uko biteganywa

n'ingingo ya 260 y'Itegeko no 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ari nayo mpamvu mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi batigeze bakora inama ntegurarubanza. Basobanura ko ubujurire bwa kabiri butemewe ku birego byihutirwa, ari naho bahera basaba uru Rukiko kwemeza ko ubujurire butari mu bubasha bwarwo.

- [8] Me Bikotwa Bruce, uburanira Gashema Félicien, avuga ko asanga ikirego cyihutirwa kidashobora kujuririrwa bwa kabiri kuko byaba binyuranyije n'ibiteganywa n'ingingo ya 21 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.
- [9] Me NKUSI Fred, uburanira Umwanditsi Mukuru na Me Kayitare Serge, uburanira COGEBANQUE Ltd, bavuga ko ntacyo bavuga kuri iyo nzitizi kuko ataribo bayitanze.
- [10] Me Fonyo Munyamashara Patient, uburanira NZITONDA Kiyengo, avuga ko iki kirego kitari kuba cyihutirwa ngo kiburanishwe mu buryo busanzwe. Asobanura ko kuba batarakoreshejwe inama ntegurarubanza bitatewe n'uko ikirego cyihutirwaga ahubwo ari uko ntabyari bitegenyijwe n'itegeko, ko mu Rukiko rw'Ubucuruzi hakorwaga iburanisha ry'ibanze (audience préliminaire) naho Urukiko Rukuru rugahita ruburanisha, ariyo mpamvu asanga nta mpamvu yatuma ubujurire bwa kabiri budatangwa ngo bwakirwe.

UKO URUKIKO RUBIBONA

- [11] Ingingo ya 21, igika cya mbere, agace ka 6, y'Itegeko no 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko « Umwanditsi w'Urukiko ntashobora kwandika ikirego mu gihe urega :.. 6° atanze ubujurire bwa kabiri ku birego byihutirwa ... »
- [12] Ingingo ya 185 y'Itegeko no 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi igira iti : "Iyo hari ikirego cy'iremezo, ariko hagomba kugira icyemezwa by'agateganyo mu buryo bwihuta ku rubanza rwaregewe urukiko rutaraburanishwa, ikirego cyihutirwa gishyikirizwa umucamanza ushinzwe kurangiza impaka zihutirwa w'aho zigomba gukemurirwa hakurikijwe uburyo busanzwe bw'ihamagara. Ikirego cyihutirwa gitangwa mu buryo bumwe n'ubw'ikirego gisanzwe".
- [13] Ingingo ya 260, igika cya 5, y'Itegeko no 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko «Guhagarika no gutesha agaciro cyamunara ku mitungo igurishwa hashingiwe ku cyemezo cyo kugurisha ingwate cyatanzwe n'Umwanditsi Mukuru, bisabwa Umwanditsi Mukuru. Umwanditsi Mukuru atanga igisubizo mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi. Iyo hari utishimiye igisubizo cy'Umwanditsi Mukuru cyangwa udahawe igisubizo mu gihe giteganywa muri iki gika, abitangira ikirego mu rukiko rw'ubucuruzi hakurikijwe ibivugwa muri iyi ngingo mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye igihe yamenyeye icyo

gisubizo. » Naho igika cya kane cy'iyo ngingo kikavuga ko «Ibirego bivugwa muri iyi ngingo bitangwa kandi bikaburanishwa mu bihe by'ibirego byihutirwa. »

- [14] Dosiye y'urubanza igaragaza ko ikirego cyatanzwe mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge ku wa 15/06/2017 kwari «Gutesha agaciro cyamunara yo ku wa 24/02/2017», Nzitonda Kiyengo akaba yaravugaga ko COGEBANQUE Ltd yirengagije ukuri isaba ko inzu ye yo guturamo yari yatije E.C.T.A. nk'ingwate igurishwa muri cyamunara yabaye ku wa 24/02/2017, iyo cyamunara ikorwa hatubahirijwe amategeko n'imigenzo biyigenga, asaba ko iteshwa agaciro.
- [15] Urukiko rusanga nubwo mu bisanzwe ikirego cyihutirwa kiba gishamikiye ku kindi kirego cy'iremezo, ikirego cyerekeye guhagarika cyangwa gutesha agaciro cyamunara nta kindi kirego cy'iremezo kiba gishamikiyeho, kuba umushingamategeko yaravuze mu ngingo ya 260, igika cya kane, y'Itegeko no 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 yibukijwe haruguru, ko icyo kirego gitangwa kandi kikaburanishwa mu bihe by'ibirego byihutirwa si uko yashakaga kucyambura cyangwa kugihindurira kamere yacyo yo kuba ubwacyo cyihagije, ahubwo icyari kigenderewe kwari ukurengera nyir'umutungo wagurishijwe utishimiye uburyo igurisha ryagenze ndetse n'uwawegukanye muri cyamunara kugirango hatagira utezwa igihombo no gutinda kw'imanza mu nkiko.
- [16] Urukiko rurasanga mu gihe ikirego gisaba guhagarika cyangwa gutesha agaciro cyamunara muri kamere yacyo atari ikirego cyihutirwa ahubwo kiregerwa kandi kikaburanishwa mu bihe byashyiriweho ibirego byihutirwa nta kibuza ko gikorerwa ubujurire bwa kabiri, bityo nibyo Me Bikotwa Bruce avuga ko kujurira bwa kabiri ku birego bisaba guhagarika cyangwa gutesha

agaciro cyamunara bibujijwe n'ingingo ya 21, igika cya mbere, agace ka 6, y'Itegeko no 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 yibukijwe haruguru, bikaba nta shingiro bifite kuko ikibujijwe n'iyo ngingo ndetse cyongeye no kugarukwaho mu ngingo ya 188, igika cya 3, y'iryo tegeko¹ ari uko, iyo izo ngingo zisomewe hamwe n'ingingo ya 185 y'iryo tegeko,² zumvikanisha ko ikibujijwe kujuririrwa bwa kabiri ari ikirego cyihutirwa gishamikiye ku kindi kirego cy'iremezo.

II.2. Kumenya niba ubujurire bwaratanzwe impitagihe

[17] Higiro Martin na Me Ndahimana Jean Bosco, umwunganira, bavuga ko urubanza rujuririrwa rwaciwe ku wa 18/09/2018, Nzitonda Kiyengo arujuririra ku wa 15/10/2018, bivuze ko yarujuririye akurikije ibihe bibarwa ku kwezi nyamara hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 188 n'iya 260, igika cya 4, y'Itegeko no 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ataragombaga kurenza iminsi itatu y'akazi itangira kubarwa uhereye umunsi urubanza rwasomeweho, ariyo mpamvu basaba uru Rukiko kwemeza ko ubujurire butakiriwe kuko bwatanzwe impitagihe.

[18] Me Bikotwa Bruce, uburanira Gashema Félicien, na Me Nkusi Fred, uburanira Umwanditsi Mukuru, bavuga ko ibyo

¹ Ubujurire bw'ibyemezo byafashwe ku birego byihutirwa bushyikirizwa urukiko rwisumbuyeho kandi bijuririrwa inshuro imwe gusa."

² Iyo hari ikirego cy'iremezo, ariko hagomba kugira icyemezwa by'agateganyo mu buryo bwihuta ku rubanza rwaregewe urukiko rutaraburanishwa, ikirego cyihutirwa gishyikirizwa umucamanza ushinzwe kurangiza impaka zihutirwa w'aho zigomba w'aho zigomba gukemurirwa hakurikijwe uburyo busanzwe bw'ihamagara."

Higiro Martin n'umwunganira bavuga bifite ishingiro, basaba uru Rukiko kwemeza ko ubujurire butakiriwe.

- [19] Me Kayitare Serge, uburanira COGEBANQUE Ltd, avuga ko nubwo ikirego gisaba guhagarika cyangwa gutesha agaciro cyamunara ari ikirego cyihariye kigomba kuregerwa no kujurirwa mu bihe biteganyijwe ku birego byihutirwa, nawe akaba asanga Nzitonda Kiyengo atarubahirije ibihe by'ijurira.
- [20] Me Fonyo Munyamashara Patient na Me Nkaka Kagobora Séraphin, bunganira Nzitonda Kiyengo, bavuga ko mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi bajuriye hakurijwe ibihe bisanzwe by'ijurira, bakaba basanga mu gihe ikirego batanze ubwacyo atari ikirego cyihutirwa nta mpamvu y'uko ibihe by'ijurira bibarirwa ku bihe biteganyijwe ku manza zihutirwa.

UKO RUKIKO RUBIBONA

- [21] Ingingo ya 188, igika cya 2, y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko «Igihe cyo kujuririra icyemezo ni iminsi itarenze itatu (3) y'akazi uhereye ku munsi icyemezo cyasomeweho cyangwa ababuranyi bakimenyeyeho. Urubanza narwo rucibwa mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi. »
- [22] Dosiye y'urubanza igaragaza ko urubanza rujuririrwa rwaciwe ku wa 18/09/2018, nyuma y'uko Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru risohotse, bivuze ko iryo tegeko ariryo ryagombaga gukurikizwa ku rubanza rujuririrwa, kuko rwajuririwe ku wa 15/10/2018.

[23] Urukiko rurasanga hagati yo ku wa 18/09/2018, urwo rubanza rucibwa no ku wa 15/10/2018, rujuririrwa, hari hashize hafi iminsi 27, nyamara ingingo ya 188, igika cya 2, y'Itegeko no 22/2018 ryo ku wa 29/04/2019 yibukijwe haruguru ivuga ko «Igihe cyo kujuririra icyemezo [ari] iminsi itarenze itatu (3) y'akazi uhereye ku munsi icyemezo cyasomeweho...», byumvikanisha ko Nzitonda Kiyengo yakabije gutinda kujurira kandi imbere y'uru Rukiko akaba atagaragaza impamvu itigobotorwa yaba yaramubujije kujurira mu bihe biteganywa n'itegeko, bityo ubujurire bwe bukaba budakwiye kwakirwa kuko bwatanzwe impitagihe.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [24] Rwemeje ko ubujurire bwa Nzitonda Kiyengo, butakiriwe kuko bwatanzwe igihe cy'ubujurire cyararenze;
- [25] Rutegetse ko amagarama y'urubanza angana na 50.000 Frw aherera kuri Nzitonda Kiyengo.

IMANZA ZACIWE MU MIZI

URUBANZA RW'IMBONEZAMUBANO

AKISANTI v. TUYISHIMIRE

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INJUST/RC 00021/2018/SC (Rugege, P.J., Cyanzayire na Rukundakuvuga, J) 22 Ugushyingo 2019]

Amategeko agenga ibimenyetso — Ikimenyetso gishingiye ku bumenyi (scientific evidence) — Mu nyungu z'ubutabera, Urukiko rwagombye kwifashisha ibimenyetso bishingiye ku bumenyi (science) igihe bishoboka kugira ngo rushobore kugaragaza ukuri.

Amategeko agenga umuryango – Ikirego cy'umwana kigamije gushaka umubyeyi – Ikizamini cya ADN – Ibisubizo bitanzwe n'ikizamini cya ADN bifite agaciro kanini kandi birizewe kuko ari ikimenyetso gishingiye ku bumenyi budashidikanywaho.

Incamake y'ikibazo: Tuyishimire yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ibanze rwa Nyamirambo asaba ko yakwemezwa nk'umwana wa Gusenga Innocent witabye Imana muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bityo akaba yagira uruhare ku mutungo yasize. Urukiko rwemeje ko yabyawe na Gusenga hashingiwe ku bimemyetso rwagaragarijwe, harimo ifishi ya batisimu, icyemezo cya FARG n'ibindi.

Nyuma y'urwo rubanza uwitwa Akisante Ayubu uvuga ko ari umuvandimwe wa Ugusenga yatambamiye urubanza avuga ko atemera ibyemejwe n'Urukiko ko Tuyishimire yabyawe na Gusenga kandi ko atemera ibyashingiweho. Nyuma yo gusuzuma impamvu ashingiraho atambamira urubanza, Urukiko rwasanze zidafite ishingiro, bityo rutegeka ko imikirize y'urubanza yabanje igumanye agaciro kayo. Akisanti ntiyanyuzwe n'imikirize

y'urubanza ajuririra Urukiko rwisumbuye rwa Nyamirambo, narwo rwanzura ko ikirego cye kidafite ishingiro, rugumizaho imikirize y'urubanza rwajuririwe.

Akisante yakomeje kutemeranya n'imyanzuro yagiye ifatwa n'inkiko zitandukanye, yisunga Urwego rw'Umuvunyi asaba ko urubanza rwasubirishwamo ku mpamvu z'akarengane. Urwego rw'Umuvunyi narwo, nyuma yo gusuzuma ikibazo, rwandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga rusaba ko urwo rubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, kuko Urukiko rwanze gukoresha ikizamini cya *ADN* dore kuri Nyirabarera na Akisanti ubwe bombi bahuje ababyeyi na nyakwigendera. Nyuma yo kubisuzuma, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko urwo rubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane.

Mu gihe cy'iburanisha ry'urubanza rw'akarengane, hashingiwe ku mpaka zabaye hagati y'ababuranyi bose, Urukiko rw'Ikirenga rwaciye urubanza rubanziriza urundi, rwemeza ko mbere y'uko urubanza rucibwa mu mizi habanza gupimwa ibizamini bya *AND*, hagereranywa: Tuyishimire n'umubiri wa Gusenga (ushyinguye m'Urwibutso rwa Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka wa 1994 ruherereye I Gisozi); abavugwa ko ari abavandimwe ba nyakwigendera bari mu Rwanda, aribo Akisanti, Nyirabarera n'umubiri wa Gusenga; Abavandimwe ba Gusenga Innocent bamaze kuvugwa na Tuyishimire Yves.

Nyuma yo gusuzuma umubiri wa nyakwigendera n'abavugwa ko bafitanye isano nawe, raporo yashyikirijwe urukiko rw'Ikirenga yagaragaje ko:

Hagati ya Gusenga na Tuyishimire, isano hagati y'umwana na se iri ku kigero cya 99.9999999999983 %, bikaba bigaragaza nta gushidikanya ko Gusenga Innocent ari se wa Tuyishimire;

Hagati ya Gusenga Innocent na Akisanti Ayubu, kuba umwe yaba ari umuvandimwe (brother) w'undi biri ku kigero cya 2.3125452031 %, naho kuba nta sano iri hagati yabo bikaba ku kigero cya 97.6874547968%;

Hagati ya Gusenga Innocent na Nyirabarera Jacqueline, kuba uyu yaba ari mushiki wa Gusenga Innocent, bivuga ko basangiye ababyeyi, biri ku kigero cya 99.999999927 %, naho kuba nta sano bafitanye bikaba ku kigero cya 0.0000000072 %;

Hagati ya Akisanti na Tuyishimire, kuba uyu yaba ari umwana wabo (fraternal nephew) wa Akisanti Ayubu, bivuga ko se wa Tuyishimire Yves yaba ari umuvandimwe wa Akisanti Ayubu, biri ku kigero cya 2.3125452031 %, naho kuba nta sano bafitanye, biri ku kigero cya 97.6874547968 %;

Mbere yo gusubukura iburanisha ngo ababuranye bajye impaka kuri iyo raporo, Akisanti yasabye ko urubanza rwaburanishwa mu muhezo ku mpamvu z'uko asanga hashobora kuvugirwamo ibintu birebana n'ubuzima bwite bwe, uwo baburana asanga kuva batangira kuburana ntabwo yigeze asaba ko rwaburanishwa mu muhezo akaba abona icyo cyifuzo nta shingiro cyahabwa, nyuma yo kwiherera, rwemeza ko icyifuzo cye nta shingiro gifite.

Urubanza rwakomeje mu ruhame, Akisanti agaragaza kutemeranywa nayo avuga ko byatanzwe n'urwego ariko hatariho umukono w'umuyobozi warwo, ko byanditse mu mvugo adashobora gusobanukirwa igenda yivuguruza, bigatuma

hakemangwa ibiyivugwamo, ko abayikoze banditse ibyo babwiwe na Tuyishimire, n'ibindi.

Tuyishimire we avuga ko kuba Akisanti avuga ko batemera ibyavuye mu isuzuma ryakozwe, ari ukurushya ubutabera no gushaka gutinza imanza kuko aribo ubwabo babyisabiye.

Tuyishimire yasabye ko yahabwa indishyi zitandukanye, mukwiregura kuri izo ndishyi Urega avuga ko ibitaravuzwe mbere bidakwiye gusuzumwa, kuko byaba ari bishya nawe yasabye indishyi zitandukanye.

Incamake y'icyemezo:1. Mu nyungu z'ubutabera, Urukiko rwagombye kwifashisha ibimenyetso bishingiye ku bumenyi (science) igihe bishoboka kugira ngo rushobore kugaragaza ukuri.

2. Igisubizo cy'ikizamini cya "ADN" kigomba guhabwa agaciro nk'ikimenyetso cya kamarampaka ku bijyanye no kumenya umubyeyi w'umwana kuko ari ikimenyetso gishingiye ku bumenyi (scientific evidence) budashidikanywaho.

Ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, nta shingiro gifite; Tuyishimire yabyawe na Gusenga Innocent.

Amategeko yishingiweho:

Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 6, 75

Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, ingingo ya 282

Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 76 Itegeko N° 41/2016 ryo ku wa 15/10/2016 rishyiraho laboratwari y'u Rwanda y'ibimenyetso bishingiye ku bumenyi n'ubuhanga bikoreshwa mu butabera (RFL), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo, ingingo ya 26, agace ka 6 n'aka 7

Imanza zifashishijwe:

Nandlal Wasudeo Badwaik v. Lata Nandlal Badwaik, (2014) 2 SCC 576

Inyandiko zabahanga zifashishijwe

Dr. HIMANSHU Pandey & Ms. ANHITA Tiwari, Evidential value of DNA, Bharati Law Review (on line), Jan. – March, 2017, p. 1[seen the 18th Nov. 2019], published in articles section of www.manupatra.com

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Gusenga Innocent yishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Mu mwaka wa 2014, Tuyishimire Yves yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ibanze rwa Nyamirambo arusaba kwemeza ko ari mwene Gusenga Innocent no kugira uruhare ku mutungo we. Ikirego cyanditswe kuri N^O RC 0669/14/TB/NYB, urubanza rucibwa ku wa 08/10/2014. Urwo Rukiko rwemeje ko Tuyishimire Yves ari mwene Gusenga Innocent, kandi ko agomba kumwandikwaho. Rwashingiye ku mvugo z'abatangabuhamya, kw' ifishi ya batisimu, no ku cyemezo cya

FARG, byerekana ko se wa Tuyishimire Yves ari Gusenga Innocent.

- [2] Nyuma y'uko Tuyishimire Yves yemejwe nka mwene Gusenga Innocent, Akisanti Ayubu yatambamiye urubanza avuga ko amakuru yashingiweho atariyo. Yatanze ikirego ku wa rwandikwa N_0 17/03/2016, kuri Urubanza 0162/16/TB/NYB, rucibwa ku wa 29/11/2016. Urukiko rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Akisanti Ayubu nta shingiro gifite, ko urubanza rutambamirwa rugumanye agaciro karwo. Urukiko rwashingiye ku kuba abatangabuhamya Akisanti Ayubu yatanze aribo Misago Pascal na Gakire Steven badafite amakuru ajyanye n'ikiburanwa, kuko bavuze ko bazi Gusenga Innocent mu rwego rw'akazi bakaba batarinjiraga mu buzima bwe busanzwe ngo babe bamenya ibye byose.
- [3] Akisanti Ayubu yajuririye urwo rubanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, rwandikwa kuri N^O RCA 00010/2017/TGI/Nyge, rucibwa ku wa 06/07/2017. Urukiko rwemeje ko ubujurire bwe budafite ishingiro, rwemeza ko hubahirizwa imikirize y' urubanza N^O RC 00162/16/TB/NYB rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyamirambo ku wa 29/11/2016.
- Nyuma y'izo manza zose, Akisanti Ayubu yandikiye [4] N^{O} Urwego rw'Umuvunyi asaba ko urubanza **RCA** 00010/2017/TGI/NYGE rwasubirwamo kubera ko rurimo akarengane. Urwego rw'Umuvunyi, nyuma yo gusuzuma ikibazo rwandikiye Perezida Ayubu, w'Urukiko cva Akisanti N^{O} rw'Ikirenga ko urubanza **RCA** rusaba 00010/2017/TGI/NYGE rusubirwamo ku z'akarengane. Urwego rw'Umuvunyi rwasobanuye ko Urukiko Rwisumbuye rwanze gukora ikizamini cya ADN kuri

Nyirabarera Jacqueline na Akisanti Ayubu ubwe, bombi bahuje ababyeyi na Gusenga Innocent, hitwajwe ko nta kizamini kigeze gikorwa hagati yabo na Gusenga Innocent ngo harebwe niba hari isano y'amaraso bafitanye. Urwego rw'Umuvunyi rwagaragaje ko ibyemejwe n'Urukiko Rwisumbuye ataribyo kuko binyuranyije n'ibyemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza N^O RS/REV/INJUST/CIV 0005/15/CS rwaciwe ku wa 19/06/2015.

- [5] Urwego rw'umuvunyi rwagaragaje ko imiburanire ya Tuyishimire Yves isa n'iya Umugire Alphonse mu rubanza N O RS/REV/INJUST/RC 0005/15/CS, kuko bose bavugaga ko bidashoboka ko ikizamini cya ADN cyakorwa hagati y'abavandimwe b'umuntu wapfuye n'umwana uvuga ko yabyawe n'uwo wapfuye, ko rero kunyuranya n'ibyemejwe muri urwo rubanza ari ukwica amategeko kubera ko ibyemezo by'Urukiko rw'Ikirenga bigomba kubahirizwa n'izindi nkiko zose zo mu gihugu nk'uko ingingo ya 47 igika cya 6 y'Itegekongenga NO 03/2012 OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga ryakoreshwaga igihe urubanza rwacibwaga ryabiteganyaga¹¹.
- [6] Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, ashingiye ku isesengura ryakozwe n'Urwego rw'Umuvunyi no kuri raporo yakozwe n'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko, yemeje ko urubanza rwandikwa mu bitabo byabugenewe kugira ngo ruzongere ruburanishwe, ruhabwa N^O RS/INJUT/RC 00021/2018/SC, iburanisha ryarwo rishyirwa ku wa 14/05/2019.

manza n'ibyemezo by'Urukiko rw'Ikirenga bigomba

 $^{^{\}rm l}$ Imanza n'ibyemezo by' Urukiko rw' Ikirenga bigomba kubahirizwa n'izindi n
kiko zose zo mu gihugu

- [7] Ku wa 14/05/2019, iburanisha ryabereye mu ruhame Akisanti Ayubu yitabye yunganiwe na Me Mhayimana Isaie afatanyije na Me Abijuru Emmanuel, Tuyishimire Yves nawe yitabye yunganiwe na Me Murindabigwi Mariam afatanyije na Me Muhiganwa Damas. Ababuranyi bagiye impaka ku bimenyetso byashingiweho n'inkiko zibanza, bagaruka no ku kibazo cyo kumenya niba ari ngombwa ko hakoreshwa ikizamini cya ADN kugira ngo hamenyekane niba koko Tuyishimire Yves yarabyawe na Gusenga Innocent.
- [8] Nyuma yo kumva ibisobanuro bya buri ruhande, Urukiko rw'Ikirenga rwafashe icyemezo cy'uko mbere y'uko urubanza rucibwa mu mizi ari ngombwa ko habanza gupimwa ibizamini bya ADN hagereranywa:
 - Tuyishimire Yves n'umubiri wa Gusenga Innocent;
 - Abavugwa ko ari abavandimwe ba Gusenga Innocent bari mu Rwanda aribo Akisanti Ayubu, Nyirabarera Jacqueline n'umubiri wa Gusenga Innocent;
 - Abavandimwe ba Gusenga Innocent bamaze kuvugwa na Tuyishimire Yves.
- [9] Ku wa 03/06/2019, Umwanditsi Mukuru w'Urukiko "Rwanda Forensic Laboratory" ayisaba gukora ikizamini cya ADN mu rwego rwo gushyira mu bikorwa icyemezo cyafashwe n'Urukiko. Igikorwa cyo gufata ADN cyakozwe ku wa 15/10/2019, gikorerwa ku Rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi ku Gisozi. Ibisubizo byashyikirijwe Urukiko rw'Ikirenga impande 06/11/2019, ku wa zombi

zirabimenyeshwa, urubanza rwongera gusubukurwa ku wa 07/11/2019, ababuranyi bose bahari.

- [10] Mbere y'uko iburanisha ritangira, Me Abijuru Emmanuel uburanira Akisanti Ayubu, ashingiye ku ngingo ya 70, igika cya 2 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi², yasabye ko urubanza rwaburanishirizwa mu muhezo ku mpamvu z'uko asanga hashobora kuvugirwamo ibintu birebana n'ubuzima bwite bwa Akisanti Ayubu, bikaba byabangamira imico mbonezabupfura.
- [11] Tuyishimire Yves n'abamwunganira bavuze ko kuva urubanza rwatangira rwabereye mu ruhame ntibyagira uwo bibangamira, kandi kugirango umuhezo wemerwe ababuranyi bose bagomba kuba babyemeranywaho, bo bakaba babona icyo cyifuzo nta shingiro cyahabwa.
- [12] Nyuma yo kwiherera ngo rusuzume icyifuzo cyatanzwe na Me Abijuru Emmanuel, Urukiko rwasanze kuva urubanza rwatangira mu Rukiko rw'Ibanze no mu Rukiko Rwisumbuye rwaraburanishirijwe mu ruhame, Akisanti Ayubu akaba atagaragaza ko hari icyo byamutwaye, kandi urubanza rubereye mu ruhame nta mpagarara byateza, bikaba bitabangamira umuco w'imbonezabupfura, rwemeza ko icyifuzo cye nta shingiro gifite. Urubanza rwarakomeje ruburanishirizwa mu ruhame, ababuranyi bagira icyo bavuga kuri raporo yatanzwe na "Rwanda Forensic

т 1

² Icyakora, iyo urukiko rubyibwirije cyangwa rubisabwe n'ababuranyi bombi cyangwa umwe muri bo, rusanga kuburanisha mu ruhame byatera impagarara cyangwa byabangamira umuco w'imbonezabupfura n'uburenganzira bw'abantu mu mibereho yabo, rufata icyemezo ko iburanisha ribera mu muhezo kandi rugasobanura n'impamvu yabyo".

Laboratory". Umwe mu bahanga bakoze ikizamini cya ADN nawe yari yitabye Urukiko kugirango atange ibisobanuro kuri raporo yakozwe.

[13] Iburanisha ry'urubanza ryarapfundikiwe, ababuranyi bamenyeshwa ko ruzasomwa ku wa 22/11/2019. Ikibazo cy'ingenzi cyagiweho impaka mu rubanza, kikaba ari nacyo cyasuzumwe, ni ukumenya niba hari ibimenyetso bidashidikanywaho byemeza ko Tuyishimire Yves yabyawe na Gusenga Innocent.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

- A. Kumenya niba hari ibimenyetso bihamya ko Tuyishimire Yves yabyawe na Gusenga Innocent
- [14] Me Mhayimana Isaie na Me Abijuru Emmanuel bunganira Akisanti Ayubu bavuga ko akarengane k'uwo bunganira gashingiye ku mpamvu zikurikira:
 - ingingo ya 282 y'Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango niyo itanga umurongo mu bijyanye no kwemeza ko umwana ari mwene runaka, igashyigikirwa n'ibindi bimenyetso.
 - Ibiteganywa n'iyo ngingo nta na kimwe cyubahirijwe mu kwemeza ko Tuyishimire Yves ari mwene Gusenga Innocent, harimo ikizamini cya ADN;
 - uwo bunganira yasabye ko hakorwa ikizamini cya ADN kigaragaza ku buryo budashidikanywaho

isano y'umwana n'umubyeyi, kandi ibi bikaba bishoboka mu gihe hari abavandimwe ba Gusenga Innocent bakiriho, Urukiko rurabyanga. Nyamara nk'uko byemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza RS/REV/INJUST/CIV 0005/15/CS rwaciwe ku wa 19/6/2015, bene icyo kizamini gishoboka kandi kigakemura impaka ku buryo budasubirwaho;

- Urukiko Rwisumbuye ntirwasuzumye inenge mu mvugo z'abatangabuhamya babajijwe mu Rukiko rw'Ibanze, kuko batashoboye kwemeza ko bazi neza ko Tuyishimire Yves yabyawe na Gusenga Innocent:
- Uwitwa Migambi Déogratias yivugiye ko nta gihamya afite ko ababyeyi ba Tuyishimire Yves ari Gusenga Innocent na Nzitonda Médiatrice; ibi bikaba bitandukanye n'ibigaragara muri kopi y'urubanza ku rupapuro rwa mbere, aho Urukiko rwemeza ko yavuze ko Tuyishimire yabyawe na Gusenga Innocent;
- Umutangabuhamya witwa Nyiribambe Joselyne wavuze ko yiganye na Nzitonda Médiatrice (nyina wa Tuyishimire Yves), imvugo ze ntizari gushingirwaho kuko avuga ko uwahaga Nzitonda Médiatrice amafaranga yo kwita ku mwana ari mushiki wa Gusenga Innocent wabaga muri gare, nyamara nyirubwite yari akiriho;
- Niba Tuyishimire Yves yaravutse mu 1992 cyangwa 1993 kuko ahindura kenshi itariki n'umwaka yavukiyeho, imvugo ya Nyiribambe Joselyne irakemangwa mu gihe avuga ko Nzitonda Médiatrice atigeze ahagarika amasomo, nyamara bikaba bidashoboka kubera ikibazo

cyo gutwita no kubyara, ndetse no gufata igihe cyo konsa umwana; kandi muri icyo gihe iyo bamenyaga ko umukobwa yatwaye inda atagira umugabo, yahitaga ava mu ishuri;

- ifishi ya batisimu yashingiweho nk'ikimenyetso igaragaraho inenge zikomeye zikurikira:
- kuba yarahindaguwe (falsification) ku mwanya w'amazina ya nyina w'umwana, ahari handitse Béatrice bagahinduramo Médiatrice;
- kuba amazina y'ababyeyi yanditswemo (Gusenga na Nzitonda) atariyo agaragara muri "Registre" y'abana babatirijwe muri "Eglise Episcopale au Rwanda" guhera talikiya 11/03/1992 kugeza ku wa 10/04/1993;
- iyo ifishi ya batisimu itaza kuba ari impimbano, amazina y'ababyeyi b'umwana Tuyishimire wabatijwe ku wa 24/12/1992, yari kuba ari Rwabutogo Emmanuel na Nzitonda Béatrice nk'uko bimeze ku bandi bana babatijwe kuri iyo taliki ya 24/12/1992;
- uwitwa Rwabutogo Emmanuel, ugaragara ku ifishi nk'umwishingizi w'umwana, ahubwo agaragara muri "registre" nka se w'umwana. Ibi bikaba ahubwo aribyo byafatwaho ukuri, kuko n'umutangabuhamya wavuzwe witwa Migambi Déogratias yabikomojeho, aho yavuze ko nta gihamya afite ko se wa Tuyishimire Yves ari Gusenga Innocent;
- ikindi kitumvikana ni uburyo Gusenga Innocent wari umugatorika yari kujya kubatirisha umwana muri Angilikani;

- ikarita y'ishuli ya "Ecole Techinique Nyarurema" y'umwaka wa 2012, Urukiko rubanza rwise ko ari icyemezo cya FARG rukagiheraho ruca urubanza, ivugwamo ko umwana wahawe iyo karita yitwa Tuyishime Yves, atari Tuyishimire Yves waregeye Urukiko. Akisanti Ayubu avuga kandi ko iyo karita yanditseho ko Tuyishime Yves yavutse ku wa 25/05/1992 (uwo mwaka ukaba unasibasibye), nyamara ku ifishi y'ibatizwa nayo yashingiweho mu guca urubanza, hakaba handitseho ko Tuyishimire yavutse ku wa 14/05/1992;
- uburyo Tuyishimire Yves ahindura amazina ye, umwaka n'itariki yavukiyeho nk'uko NIDA yabyerekanye, ni ikimenyetso cyerekana ko akora akanakoresha inyandiko uko ashatse bitewe n'icyo agamije. Bavuga kandi ko se wanditse mu bitabo by'irangamimerere uzwi wanamureze kuva akiri muto yitwa Kanyamibwa, akaba ataramwihakana.
- [15] Tuyishimire Yves, Me Murindabigwi Mariam na Me muhiganwa Damas bamwunganira basubiza kuri izo mpamvu Akisanti Ayubu ashingiraho akarengane ke muri aya magambo:
 - Urukiko Rwisumbuye rwafashe icyemezo mu bushishozi bwarwo, kuko rwasobanuye ko Akisanti Ayubu asaba ko hakorwa ikizamini cya ADN hagati ye na Tuyishimire Yves cyangwa hagati ya Tuyishimire Yves na Nyirabarera Jacqueline mushiki we na gusenga Innocent, ariko ntagaragaze ko hari ikizamini cya ADN cyakozwe hagati ye na Gusenga cyangwa hagati ya Gusenga na nyirabarera, cyaba cyaragaragaje ko Gusenga afitanye n'umwe muri bo isano y'amaraso;

- Igihe ikirego cyatangwaga, ikizamini cya ADN nticyateganywaga n'Itegeko ryo kuwa 27 Ukwakira 1988 ryerekeye interuro y'ibanze n'igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano, umucamanza akaba yarashingiye ku bimenyetso binyuranye, birimo ifishi yo kubatizwa igaragaza ko Gusenga yamwiyandikishijeho, n'icyemezo cya FARG cyerekana ko ari mwene Gusenga Innocent;
- uwo baburana yasabaga ko hakorwa ikizamini cya ADN hagati ya Tuyishimire Yves, Akisanti Ayubu na Nyirabarera Jacqueline, kandi nta cyemeza ko bava indimwe na Gusenga Innocent. Tuyishimire Yves n'abamwunganira basaba ko ikizamini cyakorwa hagati ye n'umubiri wa Gusenga Innocent uri ku Rwibutso rwa Jenocide rwa Gisozi, kuko hari abazi aho ashyinguye hakaba hari na "video" yafashwe ashyingurwa;
- Ku bijyanye n'imvugo z'abatangabuhamya, Akisanti Ayubu yirengagiza ko zishimangira ibimenyetso byanditse yatanze mu rukiko, birimo ikarita ya batisimu n'icyemezo cy'umwana wishyurirwa na FARG. Ku bijyanye n'abatangabuhamya batanzwe na Akisanti Ayubu, bavuze ko bazi Gusenga Innocent mu kazi, bakaba batazi uburyo Tuyishimire Yves yavutse;
- Ku bijyanye n'ifishi ya batisimu:
 - kuba harabayeho kwandika nabi amazina si igitangaza, bikaba byarakosowe na "Anglican Church";
 - Ahanditse Rwabutogo bireba undi mwana wabatirijwe rimwe na Tuyishimire Yves;

- Kuba yarabatirijwe muri "Anglican Church" kandi Gusenga Innocent yari umugatorika byatewe n'uko ariryo dini nyina yabarizwagamo;
- Nyuma y'impaka zabaye ku ifishi ya batisimu na "registre" y'ababatijwe yatanzwe mu Rukiko n'uwo baburana, Tuyishimire Yves yahawe icyemezo cy'umukristu, cyemeza ko yabatijwe ari mwene Gusenga Innocent na Nzitonda;
- Ku bijyanye n'icyemezo cya FARG, hari icyemezo cy'umunyeshuri wishyurirwa na FARG cyashyikirijwe Urukiko, n'ikarita y'ishuri itangwa ukwayo. Kuba ikarita y'ishuri yanditse nabi si ikibazo kuko afite "diplôme" iriho amazina ye. Akisanti Ayubu yatanze ikirego muri Polisi aregera inyandiko mpimbano, ikirego gishyikirizwa Ubushinjacyaha, busanga nta shingiro gifite bushyingura dosiye;
- Ku bijyanye n'amazina, ntabwo Tuyishimire Yves ayahindagura nk'uko bivugwa, ahubwo nyina yagiye gushaka ajya kubana na nyirakuru, ayo mazina yombi bayamwandikaho; nyuma amaze gukura ajya guhinduza kugira ngo yitwe izina ababyeyi be bamwise.
- [16] Nyuma y'uko Urukiko rwemeje ko "Rwanda Forensic Laboratory" ikora ikizamini cya ADN, kigakorwa, na raporo ikamenyeshwa ababuranyi, ababuranira Akisanti Ayubu bavuze ko bayibonyemo ibibazo bituma basaba Urukiko kutayishingiraho:
 - ikibazo cya mbere kirebana n'abayikoze ubwabo, kuko uburyo yakozwemo utashobora kumenya uwayikoze;

- Raporo yoherejwe mu Rukiko igaragaraho amazina y'abantu 3 ariko nta kigaragaza ko ibyo bakoze byemejwe Mukuru n'Umuvobozi wa "Rwanda Laboratory". Ntihagaragara inyandiko Umuyobozi Mukuru yandikiye Urukiko rw'Ikirenga arushyikiriza raporo yasabwe nk'uko biteganywa n'ingingo ya 26 y'Itegeko rishyiraho "Rwanda Forensic Laboratory" cyane cyane mu gace ka 6 n'aka 7³, ahateganywa ko Umuyobozi Mukuru ariwe muvugizi w 'Urwego, bivuga ko mu gihe raporo yakozwe n'undi utari we cyangwa ngo abe ariwe wayisinyeho, nta gaciro yagira;
- iyo raporo itatanzwe n'urwego rwayisabwe bivuze ko iba yakozwe n 'utabifitiye ububasha, bityo n'ibiyivugwamo bikaba bitashingirwaho. Ku bijyanye n'abaje gusobanurira Urukiko ibivugwa muri raporo, ntacyo babavugaho kuko ntacyemeza ko ari abakozi ba "Rwanda Forensic Laboratory", kandi n'iyo Umuyobozi Mukuru atakwiyizira mu Rukiko cyangwa ngo abe ariwe usinya kuri raporo, byari gukorwa n'uwo yatumye bikagaragara mu nyandiko yohereza raporo mu Rukiko;
- raporo yagombye kuba iherekejwe n'izindi nyandiko zishobora gutuma uyisoma ayisobanukirwa bitamugoye kuko irimo amagambo ahinnye menshi, ikaba ikoresha imvugo ya gihanga, n'imibare iyigaragaramo ikaba idafitiwe igisobanuro ku buryo byakorohera utari

 $6^{\rm o}$ guhagararira RFL imbere y'amategeko no kumenyekanisha ibikorwa byayo $7^{\rm o}$ kuba umuvugizi wa RFL »

_

³ Umuyobozi Mukuru wa RFL ashinzwe ibi Bikurikira:

umuhanga kuyumva. Bavuga ko abahanga bayikoze basabwa kuyuzuza;

- abakoze raporo ntiberekana aho bagiye bakura imibare n'ibyifashishijwe (software), bikaba ari impamvu ituma raporo batanze itafatwa nk'itanga umucyo ku bibazo Urukiko rwari rwibajije;
- raporo igenda yivuguruza, bigatuma hakemangwa ibiyivugwamo, hakanakemangwa ukuri kuyivugwamo. Ibi bikaba bishimangirwa no kuba ku wa 06/11/2019, "Rwanda Forensic Laboratory" yaravugaga ko itari yapima isano iri hagati ya Gusenga Innocent n'abavandimwe be kimwe na tuyishimire Yves n'abavandimwe ba Gusenga Innocent, bitewe n'uko uburyo bwifashishwa (software) butari bwakabonetse, bikaba rero bitumvikana ukuntu iyo "software" yahita iboneka mu gitondo hakurikijwe uburyo imihango ijyanye n'amasoko ya Leta ikorwamo;
- indi mpamvu ituma raporo ishidikanywaho, ni uko imibare yatanzwe igenda itandukana, aho usanga isano iri hagati ya Gusenga Innocent na Tuyishimire Yves itandukanye n'imibare y'ijanisha y'isano iri hagati ya Gusenga Innocent na Nyirabarera Jacqueline. Bavuga kandi ko imibare idahura neza, bakaba batumva uburyo ijanisha rigera kuri 99,999%, ugasanga Gusenga Innocent afite 15/16, Tuyishimire Yves afite 13/16, ahandi Gusenga Innocent afite 7/8, Tuyishimire Yves afite 6/11, naho ku murongo wa 14 Tuyishimire Yves akaba afite 8/11 Gusenga Innocent afite 13/14;

- abahanga berekanye ko Nyirabarera Jacqueline afitanye isano na Tuyishimire Yves ku kigero cya 99.999999927 %, noneho hagati ya gusenga Innocent na Tuyishimire Yves ikaba ku kigero cya 99.9999999999483 %, bigasa n'ibyerekana ko Tuyishimire Yves afitanye isano na Nyirabarera kurusha uko ayifitanye na gusenga Innocent. Bavuga ko niba bitarabaye impurirane cyangwa kwibeshya, ari ukubeshya, ariyo mpamvu basaba ko raporo itahabwa agaciro, hakaba ahubwo hakorwa indi iyivuguruza idakorewe mu Rwanda (*Contre expertise*);
- kuba raporo yakozwe isa n'ishimangira ibyavugwaga na Tuyishimire Yves kuva urubanza rugitangira, ko mu bavandimwe ba Gusenga Innocent hari abo batava indimwe, bivuga ko abayikoze banditse ibyo babwiwe na Tuyishimire Yves, ku buryo hashobora kuba harabayemo kubogama cyangwa ruswa n'ubwo batabyemeza cyangwa ngo babihakane.
- [17] Tuyishimiye Yves n'abamwunganira basubije ku byo urega yanenze raporo mu buryo bukurikira:
 - kuba Akisanti Ayubu n'umwunganira bavuga ko batemera ibyavuye mu isuzuma ryakozwe, ni ukurushya ubutabera no gushaka gutinza imanza kuko aribo ubwabo babyisabiye;
 - ntibyumvikana uburyo abanyamategeko bashobora gushaka kuvuguruza ibyakozwe n'abahanga mu gihe nta bumenyi babifitemo, bityo ibyo abunganira Akisanti Ayubu bavuga bikaba bidakwiye guhabwa agaciro; kandi

kuba hari ibyo batumva, akaba ariyo mpamvu umuhanga yatumijwe ngo abisobanure;

- bashingiye ku ngingo ya 93 y'Itegeko rigenga ibimenyetso n'itangwa ryabyo, basanga raporo yarakozwe mu buryo bwubahirije amategeko kubera ko nta hantu itegeko riteganya ko raporo igomba gusinywaho n'Umuyobozi w'Ikigo cyayikoze;
- Ku bijyanye n'uburyo raporo yakozwemo, nta kibazo babonamo kuko kuri buri kibazo Urukiko rwagiye rwibaza, abahanga bagiye bagikoraho bakanatanga umwanzuro;
- Kuvuga ko abahanga bakoze ibyo Tuyishimire Yves ashaka, ko kandi babogamye, nta bimenyetso babifitiye kandi bikaba bidakwiye ko umunyamategeko apfa kuvuga ibyo yishakiye mu Rukiko, bakaba bakwiye gukuraho iryo jambo bakoresheje;
- Gusaba ko hakorwa ikindi kizamini, gikorewe hanze y'Igihugu, bisa no kutizera inzego n'ubutabera bw'u Rwanda;
- Basoza bavuga ko bitangaje kubona Akisanti Ayubu ariwe wasabye ko hakorwa ikizamini cya ADN, ariko akaba ariwe uhindukira agasaba ko iteshwa agaciro.
- [18] Umwe mu bahanga bakoze ikizamini cya ADN waje kuyisobanura mu Rukiko, akaba ahagarariye agashami ka ADN muri "Rwanda Forensic Laboratory ", yerekanye uburyo ikizamini cyakozwemo, asobanura n'ibyo abunganira Akisanti

Ayubu batumvaga. Yagaragaje ko ikigero cy'isano hagati ya Gusenga Innocent na Tuyishimire Yves (99.9999999999483 %) aricyo kiri hejuru ugereranyije n'ikigero cy'isano hagati ya Nyirabarera Jacqueline na Tuyishimire Yves (99.999999997 %), ibyo bikaba bireberwa ku mibare ya "9" irimo. Yasobanuye ko ubusanzwe umwana agira 50% by'uturemangingo nyina yamuhaye, na 50% by'uturemangingo yahawe na se. Yavuze kandi ko nta soko ryo gushaka "software "ryagombaga gutangwa, ahubwo ari ukongera "licence".

UKO URUKIKO RUBIBONA

- [19] Inenge ikomeye yagaragajwe nk'impamvu yatumye urubanza N° RCA 00010/2017/TGI/NGYE rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu y'akarengane, ni ukuba Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwaremeje ko Gusenga Innocent ari se wa Tuyishimire Yves nta kizamini cya ADN gikozwe nk'uko byari byasabwe na Akisanti Ayubu.
- [20] Ingingo ya 76 y'Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo iteganya ko ubuhamya bw'abahanga ari ubugamije guha urukiko ibisobanuro bishingiye ku bumenyi kimwe n'umwanzuro urenze ubumenyi busanzwe bw'umucamanza mu kazi ke bitewe n'uko ibiburanwa bishingiye ku buhanga bwihariye. Naho ingingo ya 282 y'Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango igateganya ibipimo bya ADN cyangwa ibindi bimenyetso bibonetse hakoreshejwe ikoranabuhanga (DNA test

or other scientific evidence) nk'imwe mu mpamvu zituma ikirego cy'umwana ushaka se cyemerwa⁴.

Izi ngingo zumvikanisha ko umucamanza ashobora kwiyambaza abahanga bafite ubumenyi bwihariye bwamufasha gufata umwanzuro ku kibazo yashyikirijwe, by'umwihariko akaba yakwifashisha ikizamini cya ADN mu gukemura ikibazo cy'umwana ushaka se. Nk' uko kandi byemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwo mu Buhinde mu rubanza Nandlal Wasudeo Badwaik v. Lata Nandlal Badwaik, (2014)2 SCC 576, Urukiko rwagombye kwifashisha ibimenyetso bishingiye bumenyi(science) igihe bishoboka kugirango rushobore kugaragaza ukuri, mu nyungu z'ubutabera. Rwabyemeje muri aya magambo: "The interest of justice is best served by ascertaining the truth and the court should be furnished with the best available science and may not be left bank upon presumptions, unless science has no answer to the facts in issue".

[22] Muri uru rubanza, Urukiko rwasabye "Rwanda Forensic Laboratory" gukora ikizamini cya ADN nk'urwego rwa Leta rubifitemo ubuhanga n'ubumenyi, kugirango hamenyekane niba Gusenga Innocent ari se wa Tuyishimire Yves. Muri raporo yashyikirijwe Urukiko, abahanga ba "Rwanda Forensic Laboratory" basobanura ko, nyuma yo gukora ikizamini bahereye ku macandwe (saliva samples) y'abagombaga gupimwa, ndetse n'igufa ryavanywe ku mubiri wa Gusenga Innocent, hagaragaye ibi bikurikira:

_

⁴ N'ubwo iri tegeko ryatangajwe uru rubanza rwaramaze kuregerwa, ryashingirwaho hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo yaryo ya 330, igika cya mbere, igira iti: « Imanza zose zari mu nkiko mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa ziburanishwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko ariko nta gihinduwe ku mihango y'iburanisha yakozwe ».

- Hagati ya Gusenga Innocent na Tuyishimire Yves, isano y'umwana kigero hagati na se iri ku cya 99.999999999483 %. bikaba bigaragaza nta gushidikanya ko Gusenga Innocent ari se wa Tuyishimire Yves (The calculated probability of paternity is 99.99999999483 %. From a forensic point of view there is no doubt about the fatherhood of late Gusenga Innocent and the child Tuyishimire Yves);
- Hagati ya Gusenga Innocent na Akisanti Ayubu, kuba umwe yaba ari umuvandimwe(brother) w'undi biri ku kigero cya 2.3125452031 %, naho kuba nta sano iri hagati yabo bikaba ku kigero cya 97.6874547968%;
- Hagati ya Gusenga Innocent na Nyirabarera Jacqueline, kuba uyu yaba ari mushiki wa Gusenga Innocent, bivuga ko basangiye ababyeyi, biri ku kigero cya 99.9999999927 %, naho kuba nta sano bafitanye bikaba ku kigero cya 0.0000000072 %;
- Hagati ya Akisanti Ayubu na Tuyishimire Yves, kuba uyu yaba ari umwana wabo (fraternal nephew) wa Akisanti Ayubu, bivuga ko se wa Tuyishimire Yves yaba ari umuvandimwe wa Akisanti Ayubu, biri ku kigero cya 2.3125452031 %, naho kuba nta sano bafitanye, biri ku kigero cya 97.6874547968 %;
- Hagati ya Nyirabarera Jacqueline na Tuyishimire Yves, kuba uyu yaba ari umwisengeneza (fraternal nephew) wa Nyirabarera Jacqueline, bivuga ko se wa Tuyishimire Yves ari musaza wa Nyirabarera Jacqueline, biri ku kigero cya 99.999999997 %, naho kuba nta sano bafitanye biri ku kigero cya 0.0000000072 %.

[23] Urukiko rushingiye ku byagaragajwe n'abahanga, bivugwa mu gika kibanza, rurasanga nta gushidikanya ko Tuyishimire Yves ari umwana wa Nyakwigendera Gusenga Innocent, akaba ari umwisengeneza wa Nyirabarera Jacqueline, ariko hakaba nta sano iri hagati ye na Akisanti Ayubu. Ibisubizo bitanzwe n'ikizamini cya ADN bifite agaciro kanini kandi birizewe kuko ari ikimenyetso gishingiye ku bumenyi (scientific evidence) budashidikanywaho. Abahanga bavuga ko ADN y'umuntu igizwe n'uturemangiko tuva ku babyeyi bombi, ibi bikaba aribyo bishimangira ko ikizamini cya ADN kizewe mu kugaragaza isano hagati y'ababyeyi n'ababakomokaho⁵. Bihura kandi n'ibyo abahanga ba "Rwanda Forensic Laboratory" basobanuye mu iburanisha.

[24] Urukiko rurasanga atari ngombwa gusuzuma ibimenyetso byari byashingiweho n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge mu rubanza rusabirwa gusubirwamo, bikanengwa na Akisanti Ayubu, bigizwe ahanini n'imvugo z'abatangabuhamya, ikarita ya batisimu yatanzwe n'Itorero Anglikani mu Rwanda, hamwe n'ikarita y'umunyeshuri wishyurirwa na FARG, kuko ibisubizo byatanzwe n'ikizamini cya ADN bihagije kugaragaza ukuri. Urukiko rurasanga kandi kuba Tuyishimire Yves yaranditswe ku witwa Kanyamibwa (umugabo wa nyina) mu bitabo by'irangamimerere, ntacyo byahindura ku kuri kwagaragajwe n'ikizamini cya ADN.

-

⁵ DNA is made up of one half of our biological mother's DNA and one half of our biological father's DNA. 50 % of our DNA is passed down to our biological children. It is this that ensures DNA is unique, and allows for accurate testing of parentage and direct descendants through a DNA paternity test"; DR. HIMANSHU Pandey & Ms. ANHITA Tiwari, Evidential value of DNA, Bharati Law Review (on line), Jan. – March, 2017, p. 1[seen the 18th Nov. 2019], published in articles section of www.manupatra.com

- [25] Ibyo abunganira Akisanti Ayubu bavuga ko raporo yakozwe n'abahanga ari imfabusa, ngo kuko nta kigaragaza ko ibyo bakoze byemejwe n'ubuyobozi bwa "Rwanda Forensic Laboratory", ngo abe ari nabwo bubishyikiriza Urukiko, Urukiko rurasanga nta shingiro byahabwa kuko ikizamini cyakozwe n'abahanga bagenwe n'icyo Kigo hashingiwe ku bumenyi n'ubuhanga bafite, bamaze kubirahirira nk'uko bisabwa n'ingingo ya 93 y'Itegeko Nº 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, bakora raporo yashyikirijwe Ubwanditsi bw'Urukiko nk'uko bisabwa n'ingingo ya 95 y'Itegeko rimaze kuvugwa.
- [26] Urukiko rusanga ingingo ya 26, agace ka 6 n'aka 7 y'Itegeko N° 41/2016 ryo ku wa 15/10/2016 rishyiraho laboratwari y'u rwanda y'ibimenyetso bishingiye ku bumenyi n'ubuhanga bikoreshwa mu butabera (RFL), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo, Abunganira Akisanti Ayubu baburanisha, ntaho iteganya ko Umuyobozi w'Ikigo agomba kwandikira Urukiko yohereza raporo yakozwe n'abahanga, amaze kuyemeza. Icyo iyo ngingo iteganya, mu gace kayo ka 6 n'aka 7, ni uko Umuyobozi afite ishingano zo guhagararira RFL imbere y'amategeko, kumenyekanisha ibikorwa byayo (to serve as legal representative of RFL and give publicity to its activities), no kuyibera umuvugizi.
- [27] Abunganira Akisanti Ayubu banenga nanone raporo y'abahanga bavuga ko irimo amagambo ahinnye menshi n'imibare idafite ibisobanuro. Ibi nabyo nta shingiro byahabwa kuko, uretse no kuba abahanga barakoze incamake ya raporo yumvikana ku muntu wese udafite ubumenyi mu byerekeye ibizamini bya ADN, bafashe umwanya uhagije wo kuyisobanura mu Rukiko, ndetse basubiza ibibazo byose ku byo ababuranyi

bari bakeneye gusobanukirwa. Ku bijyanye n'impungenge zagaragajwe n'abunganira urega, bavuga ko hari raporo yaje ivuga ko hari "software" itaraboneka, bugacya hatangwa indi raporo irimo ibyagombaga gukorwa n'iyo "software" kandi amasoko ya leta ubusanzwe atwara igihe, abahanga basobanuye ko icyari gikenewe ari ukwongera igihe (renewal) cya "Licence, atari ugutanga isoko kandi ibyo bikaba bishobora gukorwa mu gihe gito. Urukiko rusanga rero iyo nenge kuri raporo nayo nta shingiro ifite.

- [28] Urukiko rurasanga muri rusange inenge zigaragazwa n'abunganira urega, basaba ko raporo itahabwa agaciro, ari inenge zidafite aho zihuriye n'ireme(consistence/substance) ry'ibyagaragajwe n'abahanga. Urukiko rusanga kandi ibyo bavuga, uretse kuba nta shingiro bifite, bitanashobora kwambura raporo y'abahanga agaciro kayo, ndetse n'ibyo basaba ko hakorwa ikindi kizamini kidakorewe mu Rwanda bikaba nta shingiro byahabwa.
- [29] Urukiko rurasanga rero, hashingiwe ku bisobanuro byose byatanzwe, hari ibimenyetso bihamya ko Tuyishimire Yves yabyawe na Gusenga Innocent.

B. Kumenya niba hari indishyi zatangwa muri uru rubanza

i. indishyi zisabwa na Tuyishimire Yves

[30] Tuyishimire Yves avuga ko Akisanti Ayubu yamusiragije ku buryo bukomeye kandi azi neza ko ari mwene Gusenga Innocent, kubera iyo mpamvu akaba akwiye kumuha indishyi ziteye mu buryo bukurikira:

- Indishyi mpozamarira zingana na 10.000.000 Frw kubera kumuhakana kandi azi ukuri, kumusebya akamwita umubeshyi kandi ariwe wakagombye kumurera, no kubera ko yigeze guhagarika akazi afunze bitewe n'izi manza;
- indishyi zingana na 6.000.000 Frw zo kumusiragiza mu nkiko, zirimo:
 - Frw yishyuye Avoka mu Rukiko rw'Ibanze;
 - Frw yishyuye Avoka mu Rukiko Rwisumbuye;
 - 500.000 Frw yatanze dosiye iri muri Police, na 500.000 Frw muri Parike;
 - Frw yatanze ku rwego rw'Urukiko rw'Ikirenga;
- amafaranga yatanze kugira ngo ikizamini cya ADN gishobore gukorwa angana na 493.020 Frw.
- [31] Akisanti Ayubu n'abamwunganira bavuga ko ibitaravuzwe igihe cy'inama ntegurarubanza no mu myanzuro bidakwiye gusuzumwa, kuko byaba ari bishya. Bavuga ko indishyi Tuyishimire Yves asaba z'ibyakorewe mu zindi nkiko no mu Bushinjacyaha nta shingiro zifite kuko zitaburanishwa muri uru Rukiko.

ii. Indishyi zisabwa na Akisanti Ayubu

- [32] Akisanti Ayubu asaba Urukiko kumugenera indishyi zo gukururwa mu manza ku maherere, ziteye mu buryo bukurikira:
 - 3.000.000 Frw yo kumukurura mu manza nta mpamvu;

- 2.500.000 Frw y'igihembo cy'Avoka mu nkiko eshatu uru rubanza rwanyuzemo;
- Amafaranga y'ikurikiranarubanza.

UKO URUKIKO RUBIBONA

Ku bijyanye n'indishyi zisabwa na Tuyishimire Yves

- [33] Ingingo ya 6, igika cya mbere, y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko ikiburanwa kigenwa n'ibisabwa na buri muburanyi, ibisabwa bikagaragarira mu myanzuro iregera Urukiko n'imyanzuro yo kwiregura, bigashimangirwa burundu mu nama ntegurarubanza mu manza iteganyijwemo.
- Ibiteganywa n'iyi ngingo bigamije gukumira [34] ababuranyi batunguza, mu gihe cy'iburanisha, abo baburana ndetse n'Urukiko ibintu batigeze bagaragaza mbere. Ibi biri no mu murongo umwe (même logique) n'ibiteganyijwe mu ngingo ya 75, igika cya mbere, y'Itegeko ryavuzwe haruguru; icyari kigambiriwe akaba ari ukubahiriza uburenganzira bwo kwiregura (droit de la défence). Iyo ngingo ya 75, igika cya mbere, igira iti "muri rusange nta nyandiko, imyanzuro y'urubanza cyangwa invandiko ikubiyemo ingingo ziburanishwa bishobora kohererezwa urukiko nyuma y'inama ntegurarubanza".
- [35] Dosiye y'urubanza igaragaza ko Tuyishimire Yves atigeze asaba indishyi, haba mu nkiko zabanje, haba mu myanzuro yo kwiregura yashyikirije uru Rukiko, haba no mu nama ntegurarubanza; akaba ahubwo yarazisabye mu iburanisha ryo ku wa 07/11/2019. Urukiko rurasanga ibyo yakoze binyuranyije

n'ibiteganywa n'ingingo ya 6, igika cya mbere, y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru.

Hashingiwe ku bisobanuro bimaze gutangwa, no ku [36] ngingo z'amategeko zavuzwe haruguru, Urukiko rurasanga indishyi mpozamarira n'indishyi mbonezamusaruro zigizwe n'amafaranga Tuyishimire Yves yakoresheje kubera dosiye yari mu Bugenzacyaha mu Bushinjacyaha, no zidashobora gusuzumwa. Urukiko rurasanga icyo yahabwa ari amafaranga y'ikurikiranarubanza n 'ay'igihembo cy'Avoka agenwe mu bushishozi bw'urukiko kuko ayo asaba ari menshi, kandi akaba nta bimenyetso yayatangiye. Urukiko rumugeneye 793.020 Frw y'ikurikiranarubanza akubiyemo 300.000 Frw yakoresheje mu ngendo na 493.020 Frw yishyuye ku kizamini cya ADN, hamwe na 1.500.000 Frw y'igihembo cy'Avoka mu nzego uko ari eshatu vaburanyemo, yose hamwe akaba 2.293.020 Frw

Ku bijyanye n'indishyi zisabwa na Akisanti Ayubu

[37] Urukiko rurasanga indishyi Akisanti Ayubu asaba atazihabwa kuko ntacyo yatsindiye mu rubanza.

III. CYEMEZO CY'URUKIKO

- [38] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Akisanti Ayubu gisaba gusubirishamo, ku mpamvu z'akarengane, urubanza N° RCA 00010/2017/TGI/NYGE rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge ku wa 06/07/2017, nta shingiro gifite;
- [39] Rwemeje ko imikirize y'urubanza N° RCA 00010/2017/TGI/NYGE rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge ku wa 06/07/2017, igumyeho;

- [40] Rwemeje ko Tuyishimire Yves yabyawe na Gusenga Innocent;
- [41] Rwemeje ko indishyi mpozamarira n'indishyi mbonezamusaruro zasabwe na Tuyishimire Yves zitasuzumwa;
- [42] Rutegetse Akisanti Ayubu guha Tuyishimire Yves 2.293.020 Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka.

URUBANZA RW'UMURIMO

NIWEMUGENI v KCB RWANDA LTD

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INJUST/RSOC 00001/2019/SC (Mukamulisa, P.J. Nyirinkwaya, Cyanzayire, Rukundakuvuga na Hitiyaremye, J.) 31 Mutarama 2020]

Amategeko agenga amasezerano – Amasezerano y'umurimo – Iseswa ry'amasezerano y'akazi y'igihe kitazwi – Umukozi usezerewe mu kazi nta nteguza, ahabwa amafaranga angana n'amafaranga y'umushahara atahana mu ntoki (net), hamaze kuvanwamo imisoro ku musaruro n'ay'ubwiteganyirize.

Amategeko agenga amasezerano — Gusesa amasezerano y'umurimo — Impamvu yumvikana — Imyitwarire y'umukozi — Imyitwarire y'umukozi, amakosa umukozi yakora mu rwego rw'akazi ashingiye ku myitwarire n'impamvu yumvikana ishobora gutuma amasezerano y'akazi aseswa.

Amategeko agenga amasezerano – Gusesa amasezerano y'umurimo – Inshingano yo gutanga ibimenyetso – Igihe havutse impaka, umukoresha washeshe amasezerano niwe utanga ibimenyetso bigaragaza ko umukozi yakoze ikosa.

Amategeko agenga amasezerano — Amakosa yo mu rwego rw'akazi — Kuba umukozi yagizwe umwere cyangwa atakurikiranywe mu rwego rw'inshinjabyaha, ntibibuza ko afatirwa ibihano mu rwego rw'akazi hashingiwe ku mpamvu z'uko ikirego cy'inshinjabyaha mu nkiko ntaho gihuriye n'ibihano byo mu rwego rw'akazi bikomoka ku ikosa

Incamake y'ikibazo: Niwemugeni yari umukozi wa KCB iza kumwirukana ivuga ko yakoresheje ikarita ye y'ubwishingizi bwo kwivuza ya UAP Insurance Rwanda Ltd, akavuza undi umuntu

utari no mubo yemerewe kuvuza, maze ayirega mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge avuga ko yamwirukanye mu buryo budakurikije amategeko, abisabira indishyi zitandukanye, urukiko rwemeza ko ikirego cye nta shingiro gifite kuko yirukanywe mu buryo bukurikije amategeko.

Niwemugeni yajuririye urwo rubanza mu Rukiko Rukuru, avuga ko yirukanwe nta bimenyetso bigaragaza ikosa ryashingiweho mu kumwirukana, nta rukiko rubifitiye ububasha rwamuhamije ikosa, ndetse ko nta n'integuza yahawe. Urukiko Rukuru rwemeje ko urubanza rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rudahindutse, ahubwo rutegeka Niwemugeni kwishyura KCB amafaranga y'ikurikiranarubanza n'ay'igihembo cy'avoka.

Niwemugeni yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire asaba ko imanza zaciwe n'inkiko zabanje zisubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Nyuma yo gusuzuma ikibazo cye, urubanza rwaburanishijwe n'Urukiko rw'Ikirenga.

Mw'iburanisha, urega avuga ko uregwa yamwirukanye mu buryo bunyuranije n'amategeko kubera ko nta nteguza yahawe, ko nta kosa yakoze, kandi ko nta rukiko rubifitiye ububasha rwemeje ko yakoze ikosa rikomeye.

Uregwa asobanura ko urega atirukanywe mu buryo bunyuranyije n'amategeko kubera ko yirukanywe hashingiwe ku mpamvu umuntu wese yagenzura, kuba atarashoboye kuvuguruza ibimenyetso byatanzwe, ko atagombaga gutegereza ko urukiko rubanza kwemeza ikosa, kuko ibyo bikorwa mu gihe umukozi yirukanywe kubera ikosa rikomeye, kandi urega akaba yarirukanywe hashingiwe ku mpamvu yumvikana.

Incamake y'icyemezo: Umukozi usezerewe mu kazi nta nteguza, ahabwa amafaranga angana n'umushahara atahana mu ntoki (net) hamaze kuvanwamo imisoro ku musaruro n'ay'ubwiteganyirize. Uyu murongo ukaba uhindura umurongo wari wafashwe mu manza zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga zirimo, Urubanza No RSOCAA 0003/15/CS, rwaciwe ku wa 05/05/2016, haburana Rugenera Marc na Soras Assurances Générales Ltd (SORAS AG) n'urubanza No RSOCAA 0001&0002/16/CS rwaciwe ku wa 14/10/2016, haburana Ntukamazina Jean Baptiste na Prime Insurance Ltd (PRIME), aho muri izo manza hari hemejwe ko amafaranga ahabwa umukozi igihe asezerewe ku kazi ari amafaranga mbumbe (brut).

- 2. Amakosa umukozi yakora mu rwego rw'akazi ashingiye ku myitwarire n'impamvu yumvikana ishobora gutuma amasezerano y'akazi aseswa.
- 3. Igihe havutse impaka, umukoresha washeshe amasezerano niwe utanga ibimenyetso bigaragaza ko umukozi yakoze ikosa.
- 4. Kuba umukozi yagizwe umwere cyangwa atakurikiranywe mu rwego rw'inshinjabyaha, ntibibuza ko afatirwa ibihano mu rwego rw'akazi hashingiwe ku mpamvu z'uko ikirego cy'inshinjabyaha mu nkiko ntaho gihuriye n'ibihano byo mu rwego rw'akazi bikomoka ku ikosa.

Ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane nta shingiro gifite.

Amategeko yashingiweho:

- Amasezerano y'Umuryango Mpuzamahanga w'Umurimo yerekeye iseswa ry'amasezerano y'akazi ya 1982 (Convention de l'OIT No 158 sur le licenciement)
- Itegeko Nº 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 29, 32.
- Itegeko Nº 16/2005 ryo ku wa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku musaruro (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo 4, 13.
- Itegeko Nº 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 78.
- Iteka rya Perezida Nº 65/01 ryo ku wa 04/03/2014 rigena uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta bakoze amakosa mu kazi

Imanza zifashishijwe:

Leta y'u Rwanda v. Nkongoli John, RADA 0012/07/CS, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 27/03/2009.

Inyandiko z'Abahanga:

- François GAUDU et Raymonde VATINET, Droit du travail, 5e édition, Dalloz, 2013, p. 213-214.
- Gilles AUZERO et Emmanuel DOCKES; Droit du travail, 30e édition, Dalloz, 2016, p. 610, 619.
- Georges DUPUIS, Marie-Josée GUEDON et Patrice Chrétien, Droit administratif, 10^e édition, Editions SIREY, 2007, page 381.
- N'Deye N'Doye, Le licenciement pour motif personnel en France et au Sénégal: [étude de droit comparé], Droit, Université de Strasbourg, HAL, 2012, p.59, 64.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

- [1] Niwemugeni Jeannette yari umukozi wa KCB Bank Rwanda Ltd, guhera ku wa 10/12/2013, akora ku mwanya wa Sales Manager mu Ishami rya Musanze. Nyuma y'igihe cy'amazi 6 y'igeragezwa, yahawe amasezerano y'igihe kitazwi. Yaje kwimurirwa ku cyicaro cy'iyo Banki i Kigali, ashyirwa ku mwanya wa Business Banker ahembwa umushahara ungana na 1.556.775 Frw buri kwezi.
- [2] Avuga ko yaje kwirukanwa ku wa 04/08/2016 azize ikosa bamuhimbiye, bavuga ko yakoresheje ikarita ye y'ubwishingizi bwo kwivuza ya UAP Insurance Rwanda Ltd, akavuza undi umuntu utari no mubo yemerewe kuvuza witwa Mukeshimana Mariam, muri Clinic Bien Naitre.
- [3] Niwemugeni Jeannette yashyikirije ikirego cye Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge arega KCB Bank Rwanda Ltd kuba yaramwirukanye mu buryo budakurikije amategeko, asaba indishyi zo kwirukanwa binyuranyije n'amategeko zingana na 9.340.650 Frw, imperekeza ingana na 1.556.775 Frw, na 980.336 Frw avuga ko yakaswe ku buryo butumvikana, amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy' Avoka.
- [4] Ku wa 13/02/2018, Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwaciye urubanza N° RSOC 00250/2017/TGI/NYGE rwemeza ko ikirego cya Niwemugeni Jeannette kidafite ishingiro, rwemeza ko yirukanywe ku kazi mu buryo bukurikije amategeko hashingiwe ku mpamvu ikomeye, rwemeza ko yahawe imperekeza akaba atahabwa indi, ko

adakwiye guhabwa 980.336 Frw y'integuza asaba, rumutegeka kwishyura KCB Bank Rwanda Ltd 500.000 Frw y'ikurikiranarubanza na 100.000 Frw y'igihembo cy'Avoka.

- [5] Niwemugeni Jeannette yajuririye urwo rubanza mu Rukiko Rukuru, atanga impamvu zikurikira:
 - a. kuba KCB Bank Rwanda Ltd itarigeze igaragaza ibimenyetso byerekana ko yakoze ikosa ryatumye bamwirukana, ndetse akaba atararihamijwe n'Urukiko rubifitiye ububasha;
 - b. kuba yarirukanywe adahawe integuza;
 - c. kuba umuntu KCB Bank Rwanda Ltd ivuga ko yavuje atarigeze agaragazwa.
- [6] Ku wa 28/06/2018, Urukiko Rukuru rwaciye urubanza N° RSOCA 00056/2018/HC/KIG, rwemeza ko urubanza N° RSOC 00250/2017/TGI/NYGE rwajuririwe rudahindutse mu ngingo zarwo zose, rutegeka Niwemugeni Jeannette guha KCB Bank Rwanda Ltd 100.000 Frw y'ikurikiranarubanza na 250.000 Frw y'igihembo cy'Avoka.
- [7] Niwemugeni Jeannette yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire asaba gusubirishamo urubanza N° RSOCA 00056/2018/HC/KIG ku mpamvu z'akarengane, nawe amaze gusuzuma ubusabe bwe yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga avuga ko urubanza rumaze kuvugwa rushobora kuba rwarabayemo akarengane, ko byasuzumwa hakemezwa niba rwasubirishwamo ku mpamvu z'akarengane.
- [8] Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga mu cyemezo cye N° 080/CJ/2018, yemeje ko urwo rubanza rwoherezwa mu bwanditsi

bw'Urukiko rw'Ikirenga rukandikwa mu bitabo byabugenewe kugira ngo ruzongere ruburanishwe.

- [9] Iburanisha ry'urubanza ryashyizwe ku wa 10/01/2020, ribera mu ruhame, Niwemugeni Jeannette yunganiwe na Me Bagaza Magnifique afatanyije na Me Maguru Amir Ahmed naho KCB Bank Rwanda Ltd iburanirwa na Me Bimenyimana Eric. Urukiko rwapfundikiye iburanisha, rumenyesha ababuranyi ko urubanza ruzasomwa ku wa 31/01/2020.
- [10] Impaka zagiwe n'ababuranyi mu iburanisha, zijyanye no kumenya niba Niwemugeni yarasezerewe ku kazi mu buryo bunyuranyije n'amategeko, akaba ari nacyo kibazo nyamukuru cyasuzumwe muri uru rubanza. Hasuzumwe kandi ibijyanye n'indishyi zasabwe.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

Kumenya niba KCB Bank Rwanda Ltd yarasezereye ku kazi Niwemugeni Jeannette mu buryo bunyuranyije n'amategeko.

- [11] Niwemugeni Jeannette avuga ko KCB Bank Rwanda Ltd yamwirukanye mu buryo bunyuranije n'amategeko kubera impamvu zikurikira:
- a. Kuba yari afite amasezerano y'akazi y'igihe kitazwi (contrat à durée indéterminée), ariko yajya kumwirukana ntimuhe integuza;
- b. Kuba yarirukanwe nta kosa ryaba iryoroheje cyangwa irikomeye akoze, kuko ibyo yarezwe bavuga ko yavuje

- umuntu utabifitiye uburenganzira ku ikarita y'ubwishingizi ya UAP Insurance Rwanda Ltd ataribyo;
- c. Kuba nta rukiko rubifitiye ububasha rwemeje ko yakoze ikosa rikomeye nk'uko byateganywaga n'ingingo ya 32 igika cya 3 y'Itegeko N° 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda ryakoreshwaga igihe yirukanwaga.
- [12] Abunganira Niwemugeni Jeannette mu mategeko bavuga ko mu kumwirukana, ibiteganywa n'amategeko bitubahirijwe, kuko inkiko zagiye zibanda gusa ku ngingo ya 32, igika cya mbere, y'Itegeko N° 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda, aho kureba igika cya kabiri cy'iyo ngingo kivuga uburyo amasezerano y'umurimo ashobora guseswa nta nteguza iyo hakozwe ikosa rikomeye.
- [13] Bavuga kandi ko iryo kosa ryagombaga kwemezwa n'urukiko rubifitiye ububasha mbere y'uko amasezerano aseswa hashingiwe ku gika cya 3 cy'ingingo yavuzwe haruguru, kandi ushaka kuyasesa agatanga integuza y'amasaha 48. Babisobanura bavuga ko hagomba kubanza kugaragazwa ikosa rikomeye, rikamenyeshwa umukozi mu masaha 48, nyuma yo kurimumenyesha umukoresha we akaregera Urukiko rubifitiye ububasha kugira ngo rwemeze iryo kosa, umukozi akabona kwirukanwa
- Bavuga kandi ko KCB Bank Rwanda Ltd yirukanye Niwemugeni 04/08/2016. Jeannette ku wa cy'inshinjabyaha kijyanye n'ikosa ryatumye imwirukana kigatangwa ku wa 01/12/2017 hashize umwaka urenga, ibi kimenyetso bikaba bivuze bamwirukanye nta ko kidashidikanywaho bafite cyemeza ko ikosa ashinjwa yarikoze koko

- [15] KCB Bank Rwanda Ltd ivuga ko Niwemugeni Jeannette atirukanywe mu buryo bunyuranyije n'amategeko kubera impamvu zikurikira:
 - a. Kuba yarirukanywe hashingiwe ku mpamvu umuntu wese yagenzura;
 - b. Kuba atarashoboye kuvuguruza ibyashingiweho mu gufata ibyemezo birimo inyandiko ya UAP Insurance Rwanda LTD yo ku wa 30/06/2016¹, ubuhamya bw'abamubonye ubwo yazaga kwa muganga avuga ko aje kuvuza umuntu utari mubo KCB Bank Rwanda LTD yishingiye;
 - c. Kuba muri dosiye nshinjabyaha harimo ubuhamya bw'abaganga bakiriye Niwemugeni Jeannette, bemeza ko yagerageje kuvuza umuntu utabyemerewe, nk'uko inyandikomvugo zabo zibishimangira. Abo bakaba ari Dr Murindwa Patrick, Diane Mudahogora Rwigirira, na Mukambungo Amerberg.
 - d. Inyandiko yo gushyingura dosiye by'agateganyo Niwemugeni Jeannette ashingiraho yerekana ko nta rukiko rwigeze rumuhamya icyaha, ntigomba

-

¹ Iyo nyandiko igira iti: "On 23rd 2016 evening she visited CLINIQUE BIEN NAITRE for medical attention. She used her fingerprint and allowed a bill for 19, 500 Rwf to be deducted from her benefits. In the process of approving the bill, the nurses at the hospital noted that the person who was actually examined and treated by Doctor is not her but somebody else. Hence she was using her card to give service to unauthorized beneficiary. On this noticing this anormaly the hospital questioned her and requested that she pays the bill in full. She paid the bill as requested and but also mentioned to them that she has done this several times before and therefore they shouldn't bother her".

gushingirwaho, hashingiwe ku ihame ry'uko ikurikirana ry'icyaha ridafite aho rihuriye no guhamwa n'ikosa ryo mu kazi, nk'uko byashimangiwe mu rubanza No RADA 0002/16/CS rwaciwe n'Urukiko Rw'Ikirenga ku wa 23/02/2018 (ku rupapuro rwa 5-6). Muri urwo rubanza, Urukiko rwasanze nta cyabuza ko Salimini Saidi akurikiranwa ngo anafatirwe ibihano mu rwego rw'akazi kabone n'ubwo atakurikiranwe mu rwego rw'imanza nshinjabyaha. Ibi ngo bishimangirwa n'umuhanga mu mategeko witwa Jean Rivero, mu gitabo yise "Droit Administratif", aho asobanura ko igikorwa kimwe gishobora gutuma umukozi akurikiranwaho icyarimwe ikosa mu rwego rw'akazi n'icyaha mu rwego rw'imanza nshinjabyaha, kandi ko icyemezo gifashwe mu rwego rw'imanza nshinjabyaha kitabangamira icyemezo gishobora gufatwa mu rwego rw'akazi, keretse ku birebana n'ibikorwa umucamanza uburanisha imanza nshinjabyaha yemeje ko byabaye cyangwa bitabaye mu buryo bwabaye ndakuka.

[16] Me Bimenyimana Eric uburanira KCB Bank Rwanda Ltd avuga ko itagombaga gutegereza ko urukiko rubanza kwemeza ikosa, kuko ibyo bikorwa mu gihe umukozi yirukanywe kubera ikosa rikomeye, Niwemugeni Jeannette akaba yarirukanywe hashingiwe ku mpamvu yumvikana, ariyo mpamvu yahawe integuza kandi nawe akaba adahakana ko yayibonye. Avuga ko ntacyari kubuza ko ikirego gitangwa mu Bugenzacyaha nyuma yo kumwirukana, kuko ku rwego Niwemugeni Jeannette yariho nta kindi cyemezo yari gufatirwa uretse kumwirukana, hanarebwe amakosa yari yakoze.

[17] Ku bijyanye n'ibimenyetso by'ikosa Niwemugeni Jeannette yirukaniwe, Me Bimenyimana Eric avuga ko kugira ngo bimenyekane, umuganga wari mu isuzuma (consultation) yahamagaye uwo kuri "réception", amubwira ko hari umudamu umaze gusuzumwa wambaye nk'umusiramu ugomba gukorerwa fagitire ngo yishyure, uwo kuri "réception"akavuga ko uje kwishyura atari umusilamu. Avuga ko Niwemugeni yabonye bimenyekanye, akishyura akoresheje igikumwe, n'uwo yari yaje kuvuza akishyura akoresheje "cash", akaba ariyo mpamvu habonetse ibyemezo byo kwishyuriraho bibiri.

UKO URUKIKO RUBIBONA

- [18] Ingingo ya 29 y'Itegeko Nº 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda, ryakoreshwaga igihe Niwemugeni Jeannette yasezererwaga ku kazi, igira iti: "amasezerano y'akazi y'igihe kitazwi ashobora guseswa igihe cyose iyo umwe mu bayagiranye abishatse ariko ku mpamvu zumvikana. Iryo seswa ribanzirizwa n'integuza itangwa n'urishaka».
- [19] Itegeko ntirisobanura impamvu zumvikana zishobora gutuma amasezerano y'akazi y'igihe kitazwi aseswa. Mu masezerano y'Umuryango Mpuzamahanga w'Umurimo (OIT) yerekeye iseswa ry'amasezerano y'akazi, basobanura impamvu yumvikana ishobora gutuma amasezerano y'akazi y'igihe kitazwi aseswa. N'ubwo aya masezerano atafatwa nk'itegeko mu Rwanda kuko rutarayashyiraho umukono, ibiyakubiyemo bishobora kwifashishwa. Ingingo ya 4 y'ayo masezerano, iteganya ko umukozi atagomba gusezererwa ku kazi mu gihe hatari impamvu yumvikana, ishingiye ku bushobozi cyangwa ku myitwarire, cyangwa ishingiye ku bikenewe mu mikorere

y'urwego akoramo². Muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), nabo basobanura mu itegeko ryabo rigenga umurimo ko impamvu yumvikana ishobora gutuma amasezerano y'akazi y'igihe kitazwi aseswa, ari impamvu ishingiye ku bushobozi bw'umukozi, ku myitwarire ye, cyangwa ishingiye ku bikenewe mu mikorere y'urwego akoramo³. Hifashishijwe ibi bisobanuro, birumvikana ko imyitwarire y'umukozi, by'umwihariko amakosa yakora mu rwego rw'akazi, ari imwe mu mpamvu zumvikana zishobora gutuma amasezerano y'akazi aseswa.

[20] Itegeko rigenga umurimo mu Rwanda ntiritanga urutonde rw'ubwoko bw'amakosa ashobora gutuma amasezerano y'akazi aseswa hakurikijwe uburemere bwayo, bitandukanye n'uko bimeze mu mategeko agenga umurimo mu bihugu bimwe na bimwe⁴, cyangwa mu mategeko agenga abakozi ba Leta mu Rwanda⁵. Ikigaragara, ni uko iseswa ry'amasezerano rigomba

-

² Article 4 de la Convention de l'OIT n ° 158 sur le licenciement, 1982 : « Un travailleur ne devra pas être licencié sans qu'il existe un motif valable de licenciement lié à l'aptitude ou à la conduite du travailleur ou fondé sur les nécessités du fonctionnement de l'entreprise, de l'établissement ou du service ».

³ Article 62 du Code du travail de la RDC: "Le contrat à durée indéterminée ne peut être résilié à l'initiative de l'employeur que pour motif valable lié à l'aptitude ou à la conduite du travailleur sur les lieux de travail dans l'exercice de ses fonctions ou fondé sur les nécessités du fonctionnement de l'entreprise, de l'établissement ou du service ».

⁴ Muri Senegal, batandukanya" *Faute légère, faute grave, faute lourde*", naho mu Bufaransa bagatandukanya: "*faute sérieuse, faute grave, faute lourde* »., cfr N'Deye N'Doye, Le licenciement pour motif personnel en France et au Sénégal: [étude de droit comparé], Droit, Université de Strasbourg, HAL, 2012, p.59, 64

⁵ Ingingo ya 76 y'Itegeko Nº 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta; n'Iteka rya Perezida Nº 65/01 ryo ku wa

kubanzirizwa n'integuza, cyangwa indishyi ziyisimbura igihe itubahirijwe, keretse iyo ikosa ryakozwe ari ikosa rikomeye (ingingo ya 29 n'iya 32 z'Itegeko Nº 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda).

- [21] Mu gihe habaye impaka ku bijyanye no kumenya niba harakozwe ikosa nk'impamvu yumvikana yatumye amasezerano aseswa, Itegeko No 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 ryavuzwe haruguru ntirisobanura ugomba kubitangira ibimenyetso, ariko hifashishijwe ibiteganyijwe mu mategeko y'ibindi bihugu ndetse n'amasezerano y'Umuryango Mpuzamahanga w'Umurimo yerekeye iseswa ry'amasezerano y'akazi yavuzwe haruguru, umukoresha niwe ugomba gutanga ibimenyetso⁶.
- [22] Ibisobanura bimaze gutangwa mu bika bibanza, byumvikanisha ko:
 - a. Amasezerano y'akazi y'igihe kitazwi ashobora guseswa iyo hari impamvu yumvikana;
 - b. Amakosa akozwe n'umukozi mu rwego rw'akazi ari imwe mu mpamvu zumvikana zishobora gutuma amasezerano y'akazi aseswa;
 - c. Iyo amasezerano asheshwe kubera amakosa, uyasheshe atanga integuza cyangwa indishyi zisimbura integuza;

04/03/2014 rigena uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta bakoze amakosa mu kazi.

Λ

⁶ Aux termes de l'article L 63 al.3 du nouveau code du travail Sénégalais : "
En cas de contestation, la preuve du motif légitime incombe à l'employeur ».
Aux termes de l'article 9-2-a de la Convention de l'OIT N° 158 sur le licenciement, 1982 : « La charge de prouver l'existence d'un motif valable de licenciement tel que défini à l'article 4 de la présente convention devra incomber à l'employeur".

- keretse iyo ikosa ryakozwe ari ikosa rikomeye nibwo nta nteguza itangwa;
- d. Igihe havutse impaka, umukoresha washeshe amasezerano niwe utanga ibimenyetso bigaragaza ko umukozi yakoze ikosa.
- [23] Mu miburanire ya Niwemugeni Jeannette n'abamwunganira, bashingira ku ngingo eshatu z'ingenzi bagaragaza ko yasezerewe ku kazi mu buryo budakurikije amategeko:
 - a. Kuba yarirukanwe nta kosa ryaba iryoroheje cyangwa irikomeye akoze;
 - b. Kuba Inkiko zibanza zitarubahirije ibiteganywa n'ingingo ya 32 y'Itegeko N° 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda;
 - c. Kuba nta rukiko rubifitiye ububasha rwemeje ko yakoze ikosa rikomeye, no kuba KCB Bank Rwanda Ltd itarategereje ko hafatwa umwanzuro ku kirego nshinjabyaha mbere yo kumusezerera.

Urukiko rurasuzuma izi ngingo, imwe ku yindi.

i. Ku bijyanye no kuvuga ko nta kosa Niwemugeni Jeannette yakoze ryatuma asezererwa ku kazi

[24] Mu ibaruwa yo ku wa 04/08/2016 KCB Bank Rwanda Ltd yandikiye Niwemugeni Jeannette isesa amasezerano y'akazi, yamumenyesheje ko impamvu amasezerano asheshwe ari uko yagize imyitwarire irimo uburiganya (fraudulent conduct), akoresha nabi ubwishingizi mu kwivuza, akishyurira umuntu utari mubo yemerewe kwishingira.

- [25] Ibimenyetso KCB Bank Rwanda Ltd yashyikirije Urukiko byemeza ko Niwemugeni Jeannette yakoze ikosa ryatumye asezererwa bigizwe n'ibi bikikurikira:
 - a. Ibaruwa yo ku wa 30/06/2016 UAP Insurance Rwanda Ltd yandikiye KCB Bank Rwanda Ltd iyimenyesha ikibazo cyabaye kuri «Clinique Bien Naitre», ko Niwemugeni Jeannette yakoresheje igikumwe cye akishyurira umuntu utari mu bishingiwe, amafaranga angana na 19.500 Frw;
 - b. Inyandiko zigaragaza ko fagitire yo kwivuza yishyuwe hakoreshejwe ubwishingizi, byamara kugaragara ko uwivuje atari mu bishingiwe, fagitire ikongera kwishyurwa hadakoreshejwe ubwishingizi;
 - c. Ubuhamya bw'abaganga n'abakozi b'ibitaro byitwa «Clinique Bien Naitre» bamubonye ubwo yajyaga kuvuza umuntu utari mu bishingiwe, barimo:
 - i. Dr Mulindwa Patrick wakiriye Niwemugeni Jeannette;
 - ii. Mudahogora Diane Rwigirira;
 - iii. Mukambungo Amerberg.

[26] Ibaruwa ya UAP Insurance Rwanda Ltd isobanura ko ku wa 23/06/2016, Niwemugeni Jeannette yagiye ku bitaro byitwa «Clinique Bien Naitre», agakoresha igikumwe cye yishyurira umuntu utari mu bishingiwe amafaranga angana na 19.500 Frw, abakozi b'Ibitaro bakabibona bakamusaba ko fagitire yishyurwa hadakoreshejwe ubwishingizi. Muri iyo baruwa, UAP Insurance Rwanda Ltd isaba KCB Bank Rwanda LTD kugira icyo ibikoraho, inayimenyesha ko yahise ihagarika ikarita Niwemugeni Jeannette yivurizagaho kugirango adakomeza

kuyikoresha nabi (we have since desactivated her medical card to prevent further abuse).

- Urukiko rurasanga ibivugwa muri iyi baruwa, bihujwe n'inyandiko zo kwishyuriraho zashyikirijwe Urukiko, bigaragara ko koko ku itariki ya 23/06/2016, Niwemugeni Jeannette Bien Naitre» hakoreshejwe vishvuve «Clinique bw'ikoranabuhanga, amafaranga 19.500 agomba gutangwa na UAP Insurance Rwanda LTD. Kuri iyo tariki nanone hishyuwe 19.500 Frw, hakoreshejwe fagitire isanzwe (yuzuzwa n'intoki), yishyuwe na Mukeshimana Mariam ari nawe uvugwa ko yavujwe na Niwemugeni Jeannette. Mukeshimana Mariam avuga ko atigeze yivuriza kuri «Clinique Bien Naitre», na Niwemugeni Jeannette akavuga ko ku itariki ya 23/06/2016 ariwe wivuje, ariko ibyo bikavuguruzwa na fagitire imaze kuvugwa yishyuriweho na Mukeshimana Mariam, hamwe n'imvugo z'abakozi b'ibitaro babakiriye akaba ari nabo bagaragaza ikibazo.
- [28] Uwitwa Mukambungo Amerberg, umuforomokazi kuri «Clinique Bien Naitre», abazwa n'Ubushinjacyaha yasobanuye ko Mariam yazanye na Jeannette byitwa ko uyu ariwe uje kwivuza, Mariam akaba ariwe usuzumwa. Avuga ko avuye kureba muganga, yahaye rendez-vous Jeannette azi ko ariwe wivuje, naho hivuje Mariam wagendaga yiyita Jeannette. Asobanura ko yahamagaye kuri «réception», akababwira ngo bafatire uwo muyisiramukazi ibizamini, bakamusubiza ko atariwe wivuje ahubwo hivuje Jeannette, bigatuma ahita ahamagara muganga amumenyesha ko umudamu yavuye atari nyiri ikarita; na rendez-vous igahita ipfa.
- [29] Uwitwa Mudahogora Dianne Rwigirira wari «caissière», abazwa n'Ubushinjacyaha yasobanuye ko Niwemugeni Jeannette yaje kwivuza ari kumwe n'undi muntu witwa Mukeshimana

Mariam, bamara kumukorera ibyangombwa agasiga ikarita ye, akajya kureba Muganga. Nyuma yo kwivuza, ngo Niwemugeni Jeannette yagarutse gufata ikarita ye. Hagati aho Mukambungo Amerberg ngo yarahamagaye abasaba gufatira uwo muyisilamu ibizamini, ashaka kuvuga Mukeshimana Mariam, bamubwira ko atariwe wivuje ahubwo hivuje Niwemugeni Jeannette. Yasobanuye ko kubera ko bari hafi, bahise bababaza uwivuje, Jeannette ababwira ko yavuje Mariam ku ikarita ye kuko ari ibintu bibaho bakora n'ahandi. Mudahogora Dianne Rwigirira yabwiye kandi Ubushinjacyaha ko babasabye kwiyishyurira, bagahita banabimenyesha UAP Insurance Rwanda Ltd kubera ko Jeannette yari yamaze gukora fingerprint, kugira ngo itazishyura ayo mafaranga.

[30] Ibivugwa n'aba batangabuhamya, bihujwe n'ibaruwa UAP Insurance Rwanda Ltd yandikiye KCB Bank Rwanda Ltd imaze kugezwaho ikibazo cyabaye kuri «Clinique Bien Naitre», bikanahuzwa n'inyandiko zigaragaza ko ku itariki 23/06/2016 Niwemugeni Jeannette yishyuye akoresheje ubwishingizi bwa UAP Insurance Rwanda Ltd 19.500 Frw, uwo mubare w'amafaranga ukanishyurwa kuri iyo tariki hakoreshejwe fagitire isanzwe na mukeshimana Mariam, bigaragaza ko Niwemugeni Jeannette yakoze ikosa ryo kuvuza umuntu utabyemerewe akoresheje ubwishingizi buhabwa abakozi ba KCB Bank Rwanda Ltd. Urukiko rurasanga iryo kosa Niwemugeni Jeannette yakoze ryo kuvuza umuntu utari mubo yemerewe kuvuza, akoresheje ubwishingizi bwa UAP Insurance Rwanda Ltd, ari impamvu yumvikana yatumye amasezerano y'akazi yari afitanye na KCB Bank Rwanda Lt aseswa.

ii. Ku bijyanye no kuvuga ko Inkiko zibanza zitubahirije ibiteganywa n'ingingo ya 32 y'Itegeko N° 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda

Ingingo ya 32 y'Itegeko No 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda, yakoreshwaga igihe Niwemugeni Jeannette yasezererwaga, iteganya ibi bikurikira: «Iseswa ryose ry'amasezerano y'akazi y'igihe kitazwi, nta nteguza cyangwa se igihe cy'integuza kitarubahirijwe cyose, bituma uyasheshe aha undi indishyi y'amafaranga angana n'umushahara n'andi mashimwe yagombaga kubona mu gihe cy'integuza kitubahirijwe. Icyakora amasezerano y'akazi ashobora guseswa nta nteguza iyo habaye ikosa rikomeye ry'umwe mu bayagiranye. Icyo gihe umwe mu basezeranye abimenyesha undi mu masaha mirongo ine n'umunani (48). Ikosa rikomeye ryemezwa n'urukiko rubifitiye ububasha».

- [31] Muri iyi ngingo, humvikanamo ibitekerezo 4 by'ingenzi:
 - a. Icya mbere ni uko ikoreshwa iyo nta gihe cy'integuza (kivugwa mu ngingo ya 29 y'Itegeko N° 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 yavuzwe haruguru) cyatanzwe, cyangwa igihe cy'integuza kitubahirijwe cyose;
 - b. Icya kabiri ni uko, muri icyo gihe amasezerano asheshwe nta nteguza cyangwa igihe cy'integuza kitubahirijwe cyose, uyasheje abitangira indishyi zihwanye n'amafaranga y'umushahara n'andi mashimwe umukozi yagombaga kubona mu gihe cy'integuza;
 - c. Icya gatatu ni uko, igihe amasezerano asheshwe kubera amakosa akomeye, nta nteguza itangwa, hakaba nta n'indishyi zisimbura integuza zateganyijwe, ahubwo

- uyasheshe akaba asabwa kubimenyesha undi mu gihe kitarenze amasaha 48;
- d. Icya kane ni uko Urukiko rubifitiye ububasha rwemeza ko ikosa ryakozwe ari ikosa rikomeye (ibi bikaba biza gusesengurwa hasuzumwa ingingo ya gatatu y'imiburanire).
- Ibaruwa KCB Bank Rwanda Lt yandikiye Niwemugeni [32] wa 04/08/2016, imumenyesha ko isheshe Jeannette ku amasezerano y'akazi bari bafitanye, inamumenyesha ko bigomba guhita bishyirwa mu bikorwa (with immediate effect), bivuga ko nta gihe cy'integuza cyatanzwe. Nk'uko byagaragajwe haruguru, iyo nta nteguza yatanzwe, hatangwa indishyi n'amafaranga y'umushahara n'andi mashimwe umukozi yagombaga kubona mu gihe cy'integuza. Ibi bikaba atari w'Itegeko rigenga umurimo umwihariko Rwanda, mu hakurikijwe ibivugwa n'abahanga mu mategeko François Gaudu na Raymonde Vatinet, kimwe na Gilles Auzero na Emmanuel Dockes⁷

⁷ Le préavis est en principe une période de travail, le salarié devant rester à la disposition de l'employeur. L'employeur peut cependant dispenser le salarié de l'exécution du préavis, en lui versant alors l'équivalent du salaire sous forme d'une indemnité de préavis ; François GAUDU et Raymonde VATINET, Droit du travail, 5° édition, Dalloz, 2013, p. 213-214.

[&]quot;Le délai—congé ou préavis n'existe en principe que dans les cas où la rupture du contrat de travail résulte de la volonté unilatérale d'une des parties au contrat : licenciement, L'employeur a droit de dispenser unilatéralement le salarié d'exécuter son travail pendant le délai-congé à condition de lui verser toutes les sommes que celui-ci aurait perçues s'il avait fourni sa prestation de travail jusqu'à l'expiration du préavis"; Gilles AUZERO et Emmanuel DOCKES; Droit du travail, 30° édition, Dalloz, 2016, p. 610, 619.

- [33] Mu ibaruwa yo ku wa 04/08/2016 isezerera Niwemugeni Jeannette ku kazi, KCB Bank Rwanda Ltd yamumenyesheje ibyo afiteho uburenganzira, birimo amafaranga y'ukwezi kumwe k'umushahara mu mwanya w'integuza (one month salary in lieu of notice). Mu ibaruwa nanone KCB Bank Rwanda Lt yandikiye Niwemugeni Jeannette ku wa 12/08/2016 agasinyira ko ayibonye. imugaragariza ibyo vemerewe guhabwa, hagaragaramo amafaranga y'integuza angana n'umushahara w'ukwezi kumwe (1.556.775 Frw). Niwemugeni Jeannette yemeye mu gihe cy'iburanisha ko ayo mafaranga yayabonye, ikibazo afite kikaba ari amafaranga yakaswe angana na 980.336 Frw, KCB Bank Rwanda Lt yo ikaba yarasobanuye ko ari amafaranga y'umusoro.
- [34] Itegeko Nº 16/2005 ryo ku wa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku musaruro, ryakoreshwaga igihe Niwemugeni Jeannette yasezererwaga ku kazi, risobanura inkomoko y'umusaruro usoreshwa. Ingingo ya 4 y'iryo Tegeko, iteganya mu gace kayo ka 1º, ko mu musaruro usoreshwa harimo umusaruro uva mu mirimo yakorewe mu Rwanda, harimo n'ukomoka ku kazi. Ingingo ya 13 y'iryo Tegeko, isobanura ibigize umusaruro ukomoka ku kazi, mu gace kayo ka 5º hakavugwamo "imperekeza ihabwa umukozi igihe yirukanywe ku kazi cyangwa akazi ke karangiye cyangwa amasezerano y'akazi asheshwe/payments for redundancy or loss or termination"). Izi ngingo zigaragaza ko mu bigomba gusoreshwa harimo ibigenerwa umukozi igihe amasezerano y'akazi asheshwe, muri ibyo hakaba harimo n'amafaranga asimbura integuza igihe itatanzwe.
- [35] Urukiko rurasanga ibimaze kuvugwa mu gika kibanza, bigaragaza ko amafaranga umukozi ahabwa igihe asezerewe mu

kazi, atari amafaranga mbumbe (brut) nk'uko Niwemugeni Jeannette n'abamwunganira babivuga, ahubwo ari amafaranga atahana mu ntoki (net) hamaze kuvanwamo imisoro ku musaruro. Ni nako bigenda ku bijyanye n'amafaranga y'ubwiteganyirize n'ubwo yo ataburanyweho. Ibi byagiye binagarukwaho na bamwe mu bahanga mu mategeko⁸. Uyu murongo urahindura umurongo wari wafashwe mu manza zaciwe mbere n'uru Rukiko, zirimo:

- a. Urubanza N^O RSOCAA 0003/15/CS rwaciwe ku wa 05/05/2016, haburana Rugenera Marc na Soras Assurances Générales Ltd (SORAS AG) ;
- b. Urubanza N^o RSOCAA 0001&0002/16/CS rwaciwe ku wa 14/10/2016, haburana Ntukamazina Jean Baptiste na Prime Insurance Ltd (PRIME). Muri izo manza hari hemejwe ko amafaranga ahabwa umukozi igihe asezerewe ku kazi ari amafaranga mbumbe (brut), ariko nta bisobanuro bishingiye ku mategeko byatanzwe.

_

⁸ " Bien que le salarié ne fournisse pas de prestation de travail, il a droit à une rémunération et à des avantages identiques à ceux qu'il aurait obtenus s'il avait travaillé jusqu'à l'expiration du préavis.L'indemnité compensatrice de préavis est assimilée juridiquement à un salaire ; elle est soumise au régime juridique du salaire aussi bien au regard des garanties de salaire qu'au regard des cotisations sociales"; Gilles AUZERO et Emmanuel DOCKES, Ibidem, p. 620.

[&]quot;Le montant de l'indemnité compensatrice de préavis est égal au montant du salaire qu'aurait perçu le salarié s'il avait pu travailler pendant la durée de son préavis Cette indemnité est versée à la date de rupture du contrat de travail et est considérée comme un salaire. A ce titre, elle est soumise à l'impôt sur le revenu et aux cotisations sociales"; Article publié par jurifiable.com, https://www.jurifiable.com/consel-juridique/droit-du-travail/indemnité-compensatrice-de-préavis, consulté le 27/01/2020

- [36] Ku bijyanye n'ibyaburanishijwe n'abunganira Niwemugeni Jeannette, bavuga ko Inkiko zibanze ku gika cya mbere cy'ingingo ya 32 kivuga ibijyanye n'integuza, kandi zaragombaga gushingira ku gika cya 2 n'icya 3 bivuga ikosa rikomeye, Urukiko rurasanga KCB Bank Rwanda Ltd itarafashe ikosa ryatumye isezerera ku kazi Niwemugeni Jeannette nk'ikosa rikomeye, igahitamo kumuha ibisimbura bikaba bitumvikana abunganira cy'integuza; impamvu Niwemugeni Jeannette bashaka ko hakoreshwa igika cy'ingingo ya 32 kirebana n'igihe umukozi yirukaniwe ikosa rikomeye.
- [37] Hashingiwe ku bisobanuro byatanzwe, Urukiko rurasanga ingingo ya 32 y'Itegeko No 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda yarubahirijwe.
 - iii. Ku bijyanye no kuvuga ko nta rukiko rubifitiye ububasha rwemeje ko Niwemugeni Jeannette yakoze ikosa rikomeye, kandi ko KCB Bank Rwanda Ltd itategereje ko hafatwa umwanzuro ku kirego nshinjabyaha mbere yo kumusezerera

Ku bijyanye no kuvuga ko nta rukiko rubifitiye ububasha rwemeje ko Niwemugeni Jeannette yakoze ikosa rikomeye mbere y'uko asezererwa ku kazi

Igika cya 3 cy'ingingo ya 32 y'Itegeko Nº 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda, giteganya ko ikosa rikomeye ryemezwa n'urukiko rubifitiye ububasha. N'ubwo ikosa rikomeye rivugwa muri iyi ngingo atariryo KCB Bank Rwanda Ltd yashingiyeho yirukana Niwemugeni Jeannette byasobanuwe, Urukiko nk'uko rurasanga ari ngombwa gusobanura uko ikwiye kumvikana. Kubera Umushingamategeko atakoze urutonde rw'imyitwarire cyangwa ibikorwa bikwiye gufatwa nk'ikosa rikomeye ryatuma umukozi

asezererwa ku kazi nta nteguza, yasanze ari ngombwa gusobanura uwemeza ko hakozwe ikosa rikomeye mu gihe umukozi wasezerewe atabyemeranyaho n'umukoresha. Bikaba byumvikana rero ko ubwo bubasha bwahawe Urukiko rubifitiye ububasha, rwaregewe igihe havutse impaka.

bitashoboka [39] Urukiko rurasanga ko igitekerezo cy'umushingamategeko cyaba ko urukiko rubanza kwemeza ko hakozwe ikosa rikomeye mbere y'uko umukoresha arishingiraho asezerera umukozi, ngo abe yarateganyije mu gika kibanza ko ikosa rikomeye rituma amasezerano aseswa nta nteguza, kandi rikamenyeshwa umukozi mu masaha 48 (kuva umukoresha arimenye). Impamvu nta nteguza itangwa, ni uko ikosa rikomeye ari ikosa rituma umukoresha adashobora gukomeza gukoresha umukozi⁹. Ntibyabaye ngombwa ko mu gika cya gatatu cy'ingingo ya 32 hongerwamo ko ikosa rikomeye ryemezwa n'urukiko rubifitiye ububasha igihe havutse impaka, nk'uko bigaragara mu mategeko ya bimwe mu bihugu nk'ubufaransa 10, kuko uburyo ingingo yanditse yumvikana neza.

⁹ Article 11 de la Convention de l'OIT N° 158 sur le licenciement, 1982: " Un travailleur qui va faire l'objet d'une mesure de licenciement aura droit à un préavis d'une durée raisonnable ou à une indemnité en tenant lieu, à moins qu'il ne se soit rendu coupable d'une faute grave, c'est-à-dire une faute de nature telle que l'on ne peut raisonnablement exiger de l'employeur qu'il continue à occuper ce travailleur pendant la période de préavis".

[&]quot;La faute grave est toute faute qui rend impossible le maintien du salarié dans l'entreprise durant le préavis "; Cass. Soc., 16 juin 1998, Dr. Soc.1998, p.949 (NB: La faute grave est assimilable à la faute lourde dans certaines législations dont la nôtre)

¹⁰ Ingingo ya L1235-1 y'itegeko rigenga umurimo: "En cas de litige,le juge, à qui il appartient d'apprécier la régularité de la procédure suivie et le caractère réel et sérieux des motifs invoqués par l'employeur, forme sa conviction au vu des éléments fournis par les parties après avoir ordonné, au besoin, toutes les mesures d'instruction qu'il estime utiles»; legifrance .gov.fr

[40] Hashingiwe ku bisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rurasanga ikosa ritaragombaga kubanza kwemezwa n'Urukiko mbere y'uko Niwemugeni Jeannette asezererwa ku kazi.

Ku bijyanye no kuvuga ko KCB Bank Rwanda Ltd yagombaga gutegereza ko hafatwa umwanzuro ku kirego nshinjabyaha mbere yo gusezerera Niwemugeni Jeannette.

- [41] Nta ngingo iteganyijwe mu Itegeko N° 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda, itanga ibisobanuro kuri iki kibazo nk'uko bimeze mu Itegeko N° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta. Urukiko rukaba rusanga nta cyabuza ko ibiteganyijwe muri iri Tegeko byifashishwa no ku bakozi bagengwa n'Itegeko ry'umurimo, mu gihe ntacyo ryo ryateganyije.
- [42] Ingingo ya 78 y'Itegeko Nº 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rimaze kuvugwa, igira iti: «igihano cy'umukozi wa Leta mu rwego rw'akazi ntikibangamira uburyozwe bw'icyaha n'igihano giteganywa n'amategeko ahana, ku buryo ikosa ry'umukozi wa Leta rishobora gukurikiranwa mu kazi no mu nkiko». Ibivugwa muri iyi ngingo byagiye binashimangirwa n'ibyemezo by'inkiko, haba ku bireba abakozi bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta, haba no ku bireba abakozi bagengwa n'amasezerano.
- [43] Mu rubanza N° RADA 0012/07/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 27/03/2009, haburana Leta y'u Rwanda na Nkongoli John, hemejwe ko «kuba Nkongoli John yaragizwe umwere bitavuga ko atashoboraga gufatirwa ibihano mu rwego rw'akazi hashingiwe ku mpamvu z'uko ikirego cy'inshinjabyaha mu nkiko ntaho gihuriye n'ibihano byo mu rwego rw'akazi bikomoka ku ikosa kandi ko bitagomba kuvangwa». Urukiko

rwabyemeje rwifashishije ibitekerezo by'abahanga mu mategeko barimo Georges DUPUIS, Marie Josée Guedon na Patrice Chretien¹¹. Urukiko, rwifashishije nanone ibitekerezo by'aba bahanga¹², rugaragaza ko habaho irengayobora igihe umucamanza wo mu rwego rw'imanza z'inshinjabyaha yafashe icyemezo gihamya ko ibikorwa bikurikiranywe ku mukozi byabayeho cyangwa bitabayeho nta gushidikanya. Ibi bigarukwaho n'umuhanga mu mategeko Emilie MAIGNAN, ahereye ku byemezo byafashwe n'inkiko¹³.

[44] Mu rubanza N° 2622 rwo ku wa 13/12/2017 rwaciwe n'Urukiko Rusesa imanza rwo mu Bufaransa, hemejwe ko

_

^{11 &}quot;Une faute professionnelle d'un fonctionnaire peut entraîner, à la fois, une répression disciplinaire et une répression pénale. Dans les deux cas, il s'agit d'édicter une sanction en réponse à une faute. Il existe toutefois une réelle indépendance des deux procédures. L'autonomie de la répression disciplinaire tient à son lien avec l'exercice d'une fonction: la faute est fonctionnelle et la peine l'est aussi, alors que la répression pénale concerne tous les individus pour des faits qui ne sont pas liés à une fonction, et que la sanction pénale ne vise pas le coupable dans sa fonction mais dans sa liberté ou sa propriété. Pratiquement, la décision de l'autorité disciplinaire ne lie jamais le juge pénal: de nombreux agissements sont des fautes disciplinaires sans être, pour autant, des délits"; Georges DUPUIS, Marie-Josée GUEDON et Patrice Chrétien, Droit administratif, 10e édition, Editions SIREY, 2007, page 381.

¹² « De même, l'autorité disciplinaire n'est pas liée par la décision du juge pénal, sauf lorsque ce dernier s'est prononcé sur l'existence ou l'inexistence de certains faits : ses constatations matérielles s'imposent à l'autorité administrative"; Georges DUPUIS, Marie-Josée GUEDON et Patrice Chrétien, ibidem.

^{13 &}quot; ... Ce n'est en effet que lorsque la relaxe repose sur l'inexistence de la matérialité des faits que le juge disciplinaire sera soumis à l'autorité de la chose jugée; " Emilie MAIGNAN (Master II Droit des affaires), article publié dans la RJOI numéro 16, p.61, consulté le 27/01/2020. L'Auteur cite l'arrêt de la Cour de cassation française, chambre Sociale, 12/7/1989, D.1990.132

ibihano byo mu rwego rw'akazi bitandukanye n'ibihano byo mu rwego rw'inshinjabyaha, ku buryo umukoresha ashobora guhanira, mu rwego rw'akazi, amakosa umukozi yarezwe no mu rwego rw'inshinjabyaha, bitabangamiye ihame ry'uko umuntu ari umwere mu gihe atarahamywa icyaha n'urukiko¹⁴.

- [45] Ibisobanuro bimaze gutangwa byumvikanisha ko:
 - a. Kuba umukozi yagizwe umwere cyangwa atakurikiranywe mu rwego rw'inshinjabyaha, bitabuza ko afatirwa ibihano mu rwego rw'akazi hashingiwe ku mpamvu z'uko ikirego cy'inshinjabyaha mu nkiko ntaho gihuriye n'ibihano byo mu rwego rw'akazi bikomoka ku ikosa;
 - b. Habaho irengayobora igihe umucamanza wo mu rwego rw'imanza z'inshinjabyaha yafashe icyemezo gihamya ko ibikorwa bikurikiranywe ku mukozi byabayeho cyangwa bitabayeho nta gushidikanya.
- [46] Muri uru rubanza, bigaragara ko hari ikirego KCB Bank Rwanda Ltd yatanze mu rwego rw'inshinjabyaha irega Niwemugeni Jeannette na Mukeshimana Mariam, dosiye ikaza gushyingurwa n'Ubushinjacyaha ku mpamvu z'uko nta bimenyetso simusiga bishinja abaregwa. Nk'uko byasobanuwe mu bika bibanza, kuba umukozi atakurikiranywe mu rwego rw'inshinjabyaha, ntibibuza umukoresha kumufatira ibihano mu rwego rw'akazi mu gihe we abona hari ibimenyetso ko yakoze

14 "La procédure disciplinaire est indépendante de la procédure pénale, de sorte que l'exercice par l'employeur de son pouvoir disciplinaire ne

sorte que l'exercice par l'employeur de son pouvoir disciplinaire ne méconnait pas le principe de la présomption d'innocence lorsque l'employeur prononce une sanction pour des faits identiques à ceux visés par la procédure pénal " e;

ikosa. Bivuga rero ko, kuba Ubushinjacyaha bwarashyinguye dosiye Niwemugeni Jeannette yari yarezwemo, bitabuzaga KCB Bank Rwanda Ltd kumuhanira ikosa yari ifitiye ibimenyetso ko ryakozwe. Irengayobora ryavuzwe mu gika kibanza ntirishobora gukoreshwa muri uru rubanza, kuko nta mucamanza wafashe icyemezo ntakuka ko ibikorwa Niwemugeni Jeannette yari akurikiranyweho muri dosiye y'inshinjabyaha bitabayeho.

[47] Hashingiwe rero ku bisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rurasanga KCB Bank Rwanda Ltd itaragombaga gutegereza ko hafatwa umwanzuro ku kirego nshinjabyaha mbere yo gusezerera Niwemugeni Jeannette

Umwanzuro rusange

[48] Hashingiwe ku bisobanuro byose byatanzwe, no kw' Itegeko No 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda, ryakoreshwaga igihe Niwemugeni Jeannette yasezererwaga ku kazi, Urukiko rurasanga KCB Bank Rwanda Ltd yarasezereye ku kazi Niwemugeni Jeannette mu buryo bukurikije amategeko.

Gusuzuma indishyi zasabwe na KCB Bank Rwanda Ltd mu kirego kigamije kwiregura

- [49] KCB Bank Rwanda Ltd isaba ko Niwemugeni Jeannette ategekwa kuyiha 1.000.000 Frw y'igihembo cy'Avoka.
- [50] Ababuranira Niwemugeni Jeannette bavuga ko indishyi KCB Bank Rwanda Ltd isaba nta shingiro zifite, kuko iyo itaza kumwirukanira ubusa, nta manza ziba zarageze mu nkiko.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[51] Urukiko rurasanga amafaranga y'igihembo cy'Avoka KCB Bank Rwanda Ltd isaba yayahabwa, ariko igahabwa agenwe n'Urukiko mu bushishozi bwarwo kuko ayo isaba ari menshi kandi ikaba itarayatangiye igisobanuro, ikaba igenewe 500.000 Frw kuri uru rwego.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [52] Rwemeje ko ikirego cya Niwemugeni Jeannette gisubirishamo, ku mpamvu z'akarengane, urubanza N° RSOCA 00056/2018/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 28/06/2018, nta shingiro gifite;
- [53] Rwemeje ko ikirego cya KCB Bank Rwanda Ltd kigamije kwiregura gifite ishingiro;
- [54] Rwemeje ko imikirize y'urubanza N° RSOCA 00056/2018/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 28/06/2018, idahindutse;
- [55] Rutegetse Niwemugeni Jeannette guha KCB Bank Rwanda Ltd 500.000 Frw y'igihembo cy'Avoka.

URUBANZA RW'UBUCURUZI

STRONG CONSTRUCTIONS LTD v. RADIANT INSURANCE COMPANY LTD

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INJUST/RCOM 00002/2019/SC (Rugege, P.J., Kayitesi, Hitiyaremye, Cyanzayire na Rukundakuvuga, J.) 15 Ugushyingo 2019]

Amategeko agenga amasezerano — Ubwishingire magirirane (Caution solidaire) — Iyo uwafashe umwenda ananiwe kwishyura, uwatanze umwenda afite burenganzira bwo gusaba umwishingizi kwishyura umwenda hatabanje gushakishwa ubwishyu mu mutungo w'uwishingiwe — Umwishingizi utubahirije inshingano zikubiye mu masezerano y'ubwishingizi bikaza gutera igihombo uwishingiwe, umwishingizi agomba kubitangira indishyi.

Incamake y'ikibazo: Strong Constructions Ltd yagiranye amasezerano y'ubwishingizi na Radiant Insurance Company Ltd yo kwishingira kuzishyura amafaranga y'inguzanyo yatse muri Bank of Kigali kugira ngo ibashe kurangiza isoko yari yatsindiye mu bitaro bya Gisirikare bya Kanombe. Muri ubwo bwishingizi, Radiant Insurance Company Ltd yari yishingiye kwishyura ari uko bigaragaye ko nta mafaranga ahagije Strong yishyuwe aturutse ku isoko ryari ryishingiwe.

Strong Constructions Ltd ntiyubahirije igihe cyo kwishyura bituma Banki ya Kigali isaba Radiant Insurance Company Ltd kwishyura umwenda yari yishingiye. Radiant Insurance Company Ltd mbere yo kwishyura, yabanje gusaba Banki ya Kigali kuyiha amakuru kuri konti ya Strong Construction Ltd,

maze imaze kubona ko konti yayo yanyujijweho amafaranga menshi kandi ko yanze kwishyura bituma Strong Construction Ltd iregera urukiko rw'Ubucuruzi.

Urukiko rwasuzumye urubanza maze rwemeza ko ikirego cya Strong Construction Ltd nta shingiro gifite ngo kuko ariyo yari kwishyura umwenda yafashe.

Strong Construction yajuririye Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, maze rwemeza ko ikirego cyayo gifite ishingiro kuko Radiant Insurance Company Ltd itubahirije amasezerano y'ubwishingire bitewe n'uko iterekanye ibimenyetso bigaragaraza ko Strong Construction Ltd yishyuwe amafaranga aturutse ku isoko yari yishingiye, maze Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutegeka Radiant Insurance Company Ltd gusubiza Strong Construction Ltd indishyi yishyuye Banki ya Kigali kubera kutishyurira igihe ndetse no gusubiza amafaranga yari yafatiriwe na Banki ya Kigali.

Ibi byatumye Radiant Insurance Company Ltd ijuririra Urukiko rw'Ikirenga, maze rwemeza ko ikirego cyayo gifite ishingiro kuko Strong Construction Ltd itigeze ibura ubwishyu bitewe n'uko kuri konti yayo hanyuzeho amafaranga ahagije yakwishyura umwenda yahawe na Banki ya Kigali.

Nyuma yaho, Strong Constructions Ltd yandikiye Ibiro by'Umuvunyi isaba ko urubanza rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Nyuma yo gusesengura urubanza, Umuvunyi yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urwo rubanza rusubirwamo. Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

Mu iburanisha, Strong Constructions Ltd ivuga ko Urukiko rw'Ikirenga rwirengagije ko ubwishingire bwa Radiant Insurance Company Ltd ari ubwishingire magirirane "Caution Solidaire", kuko yemeye ko izahita yishyura uwo mwenda ikibisabwa, rwirengagiza ndetse ibimenyetso byerekana ko Strong itashoboye kwishyura inguzanyo kubera ko nyir'isoko atashoboye kubona amafaranga, bigatuma inanirwa kuyishyura ku gihe.

Ku kibazo cyo kunanirwa kubona amafaranga «finance», Radiant Insurance Company Ltd yaburanye ivuga ko Strong Constructions Ltd ariyo yafashe umwenda, bityo ko yo yagombaga kwishyura ari uko yananiwe kwishyura, ariko ko yari ifite amafaranga yo kwishyura nk'uko *historique* ya konti ya banki yabyerekanye.

Ku kibazo cy'uko yemeye kuba ubwishingire bwe ari magirirane "Caution solidaire" no kwishyura umwenda uwo mwenda ikibiyisaba, ivuga ko atari ko bimeze, kubera ko amasezerano yagaragazaga ibigomba kubanza kuzuzwa mbere yo kwishyura, harimo no kubanza kwerekana ko amafaranga yanyujijwe kuri konte ya Strong Constructions Ltd atari ahagije kugira ngo yishyure iyo nguzanyo.

Incamake y'icyemezo: 1. Mu masezerano y'ubwishingire magirirane (Caution solidaire), iyo uwafashe umwenda ananiwe kwishyura, uwatanze umwenda afite burenganzira bwo gusaba umwishingizi kwishyura umwenda hatabanje gushakishwa ubwishyu mu mutungo w'uwishingiwe.

2. Umwishingizi utubahirije inshingano zikubiye mu masezerano y'ubwishingizi magirirane bikaza gutera igihombo uwishingiwe, umwishingizi agomba kubitangira indishyi.

Ikirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane gifite ishingiro;

Urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rurahindutse Amagarama aherereye k'uregwa.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Nº 45/2011 ryo kuwa 25/11/2011 rigenga amasezerano, ingingo ya 64 na 137.

Nta manza zifashishijwe.

Inyandiko z'abahanga:

Denis Philippe, Delphine Dehasse, Code Civil, 5 ème edition, Bruylant, 2007, page 287.

Jérôme François, Droit civil, les sûretés personnelles, Tome VIII, Economica, Paris, 2004, page 33.

Martin Imbleau, William A. Schabas, Introduction au droit rwandais, Les éditions Ivon Blais Inc, 1999, page 83.

Pierre Voirin, Gilles Goubeaux, Droit civil, Personnes-Famille-Incapacité-Biens-Obligations-Sûretés, Tome 1, 30^{ème} édition, LGDJ, Paris, page 635.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

- [1] Strong Constructions Ltd yahawe na Banki ya Kigali inguzanyo ku wa 14/04/2014, ingana na 272,000,000 Frw yo kubaka VIP WING mu Bitaro bya Gisirikare bya Kanombe. Strong Constructions Ltd yahise igirana amasezerano tariki ya 15/04/2014, na Radiant Insurance Company Ltd viswe "Contrat de Cautionnement N° RD 0010CRI1403488" yo kwishingira iyo nguzanyo. Kuri iyo tariki na none, mu nyandiko yiswe "Acte de Cautionnement N° RD 0010CRI1401759/02645". Company Ltd yemeye kwishyurira Insurance Constructions Ltd ivo nguzanyo, mu gihe bizagaragara ko nta mafaranga ahagije yishyuwe aturutse kuri iryo soko yanyujijwe kuri konti vavo N° 010-0323102-28 iri muri Banki ya Kigali kuburyo avamo ubwishyu.
- [2] Strong Constructions Ltd ntiyishyuye umwenda yafashe muri Banki ya Kigali ku gihe cyari giteganyijwe, maze ku wa 13/04/2015 Banki ya Kigali yandikira Radiant Insurance Company Ltd iyimenyesha ko Strong Constructions Ltd itubahirije inshingano zayo zo kwishyura inguzanyo yahawe ingana na 272,000,000 Frw, isaba Radiant Insurance Company Ltd kwishyura ayo mafaranga hashingiwe ku masezerano y'ubwishingire (contrat de cautionnement) yagiranye na Strong Construction Ltd
- [3] Radiant Insurance Company Ltd imaze kubona ubwo busabe, yasabye Banki ya Kigali amakuru ku nguzanyo yahawe Strong Constructions Ltd igamije kureba niba nta mafaranga yishyuwe aturutse ku isoko yari yishingiye ryo kubaka VIP

WING mu Bitaro bya Kanombe, maze ishingiye kuri « historique » ya konti ya Strong Constructions Company Ltd iri muri iyo Banki , isanga haranyujijweho 354.681.513 Frw akomoka kuri iryo soko yiswe « avance de démarrage », yishyuwe mu byiciro bibiri, 300.000.000 Frw yishyuwe ku wa 21/11/2013 na 54.681.513 Frw yishyuwe tariki ya 16/06/2014.

- [4] Imaze kubona ko iyo Konti ya Strong Constructions Ltd yanyujijweho amafaranga, Radiant Insurance Company Ltd yanze kwishyura Banki ya Kigali. Strong Constructions Ltd yahise iregera Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge ivuga ko Radiant Insurance Company Ltd itubahirije amasezerano y'ubwishingire bagiranye yo ku wa 15/04/2014.
- [5] Mu rubanza N^o RCOM 00011/2016/TC/NYGE rwaciwe ku wa 05/05/2016, Urukiko rwasanze ibyo Strong Constructions Ltd ivuga ko Radiant Insurance Company Ltd itubahirije amasezerano nta shingiro bifite, kuko ari yo mbere na mbere yagombaga kwishyura umwenda yari yarafashe, kandi ikaba itagaragaza ko yabuze ubwishyu cyangwa indi mpamvu yatumye itishyura, runayitegeka kwishyura Radiant Insurance Company indishyi z'igihembo cy'Avoka n'iz'ikurikiranarubanza zingana na 1.000.000 Frw.
- [6] Strong Constructions Ltd yajuririye Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, mu rubanza N^O RCOMA 00312/2016/CHC/HCC rwaciwe ku wa 14/10/2016, urwo Rukiko rwemeza ko ubujurire bwayo bufite ishingiro, kuko Radiant Insurance Company Ltd idafite ibimenyetso bifatika bigaragaza ko Strong Constructions Ltd yishyuwe amafaranga y'isoko yishingiye ryo kubaka VIP WING mu Bitaro bya Kanombe, ariko ntiyishyure Banki ya Kigali umwenda wayo, bityo rwemeza ko Radiant Insurance

Company Ltd itubahirije inshingano zayo zikubiye mu masezerano y'ubwishingire. Rwayitegetse kandi gusubiza Strong Constructions Ltd indishyi yishyuye Banki ya Kigali kubera kutishyurira igihe zingana na 84.271.004 Frw, kuyisubiza amafaranga yayo 83.103.377 Frw yafatiriwe na Banki ya Kigali, gutanga 126.000 Frw y'amagarama yatanze ku rwego rwa mbere n'urwa kabiri, no kuyiha 3.000.000 Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka kuri izo nzego.

- [7] Radiant Insurance Company Ltd yajuririye Urukiko rw'Ikirenga, mu rubanza N^O RCOMAA 00065/2016/SC-RCOMAA 0071/16/CS rwaciwe ku wa 21/06/2017, urwo Rukiko rwemeza ko ubujurire bwa Radiant Insurance Company Ltd bufite ishingiro, ko itagomba kwishyurira Strong Constructions Ltd, kuko itigeze ibura ubwishyu kubera ko byagaragaye ko kuri konti yayo hanyuzeho amafaranga ahagije yakwishyura umwenda yahawe na Banki ya Kigali ariko ntibikore, ruyitegeka guha Radiant Insurance Company Ltd 1.000.000FRW y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka, ndetse no kuyisubiza amafaranga y'amagarama yatanze mu rubanza angana na 100 000 Frw
- [8] Ku wa 11/09/2017 Strong Constructions Ltd yandikiye Urwego rw'Umuvunyi Mukuru isaba ko urubanza RCOMAA 00065/2016/SC-RCOMAA 0071/16/CS rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane. Nyuma y'isesengura ry'akarengane kavugwa na Strong Constructions Ltd, Umuvunyi Mukuru yasanze Radiant Insurance Company Ltd itarubahirije amasezerano y'ubwishingire yagiranye na Strong Construction Ltd, yandikira Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urubanza rusubirwamo.

- [9] Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga nawe, nyuma y'isesengura ry'urubanza, mu cyemezo cye cyo ku wa 27/06/2019, yemeje ko ikirego cyoherezwa mu Bwanditsi bw'Urukiko kikandikwa mu bitabo byabugenewe, kugira ngo urubanza ruzongere ruburanishwe.
- [10] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 8/10/2019, Strong Constructions Ltd ihagarariwe na Me Idahemuka Tharcisse, naho Radiant Insurance Company Ltd iburanirwa na Me Kazungu Jean Bosco, Me RUZINDANA Ignace na Me Twiringiyemungu Joseph, rurapfundikirwa, isomwa ryarwo rishyirwa ku wa 15/11/2019.
- Mu myanzuro yayo ndetse inaburana mu Rukiko, Strong Constructions Ltd ishingira akarengane kayo ku kuba mu rubanza RCOMAA 00065/2016/CS-RCOMAA 0071/16/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 21/06/2017, uru Rukiko rwaremeje ko itabuze ubushobozi bwo kwishyura umwenda yahawe na Banki ya Kigali, rwirengagije ibimenyetso bigaragarira buri wese byerekana ko itari ishoboye kwishyura. Kimwe muri ibyo bimenyetso akaba ari uko uwo bagiranye amasezerano yo kubaka VIP WING mu Bitaro bya Gisirikare bya Kanombe, ariwe MINADEF/ RMH, yabuze "financement", bityo imirimo ntiyakorwa uko yari yateguwe bituma nayo idashobora gukora imirimo ku gihe no kwishyurwa ku gihe, ariyo mpamvu Radiant Insurance Company Ltd, nk'umwishingizi wayo yagombaga kuvishvurira. Kuba Radiant Insurance Company Ltd itarishyuriye Strong Construction Ltd, ikaba itarubahiriie amasezerano y'ubwishingire bagiranye, ariyo mpamvu igomba kwirengera indishyi z'igihombo byayiteje.
- [12] Radiant Insurance Company Ltd yo yireguye ivuga ko kuri Konti ya Strong Constructions Ltd hanyuzeho amafaranga

ahagije yakwishyura umwenda yahawe na Banki ya Kigali ariko ntiyishyura, bityo ko itari kuyishyurira itabuze ubushobozi. Ikibazo kiri mu rubanza akaba ari ukumenya niba Radiant Insurance Company Ltd itarubahirije inshingano zayo zikubiye mu masezerano y'ubwishingire yagiranye na Strong Contructions Ltd, byagaragara ko itazubahirije hagasuzumwa niba indishyi z'igihombo Strong Constructions Ltd ivuga ikwiye kuzihabwa.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

- a. Kumenya niba Radiant Insurance Company Ltd itarubahirije amasezerano y'ubwishingire (Acte de cautionnement) yagiranye na Strong Constructions Ltd.
- [13] Me Idahemuka Tharcisse uburanira Strong Constructions Ltd avuga ko akarengane yagiriwe mu rubanza RCOMAA 00065/2016/SC-RCOMAA0071/16/CS kagaragara mu buryo bukurikira :
 - Kuba muri urwo rubanza Urukiko rw'Ikirenga rwaremeje ko Radiant Insurance Company Ltd itagombaga kuyishyurira umwenda wa 272,000,000 Frw yahawe na Banki ya Kigali yishingiye, kuko itari yarabuze ubushobozi bwo kwishyura kubera ko kuri konti yayo hanyujijweho amafaranga ahagije yakwishyura uwo mwenda, rwirengagije ibimenyetso bigaragarira buri wese byemeza ko itari ishoboye kuwishyura, birimo kuba MINADEF/ RMH yarabuze "financement" bikayiviramo kutishyurirwa ku gihe, binatuma imirimo idakorwa uko yari yateguwe.

Kuba Urukiko rw'Ikirenga rwarirengagije ko ingingo ya mbere y'amasezerano (Contrat de cautionnement No RD0010CRI1403488) bagiranye na Radiant Insurance Company Ltd yateganyaga ko yiyemeje kuba "Caution Solidaire", no kwishyura nta yandi mananiza (assumer la garantie irrévocable du payement), naho mu nyandiko yiswe "Acte de cautionnement No RD0010CRI1401759/02645" mu gika cyayo cya 5, ikiyemeza kwishyura Banki ya Kigali ikibisabwa bwa mbere mu nyandiko.

- Kuba Urukiko rwarirengagije inkomoko y'ubwishyu bw'inguzanyo ya 272,000,000 Frw, rukemeza ko kuri Strong Constructions Ltd hanvuzeho va amafaranga ahagije kandi igika cya 5 cy'amasezerano (Acte de Cautionnement) cyarateganyaga ko ubwishyu buzaturuka ku mafaranga azishyurwa kuri fagitire z'isoko rvishingiwe rvo kubaka VIP WING mu Bitaro bya Kanombe, no kuba iyo nguzanyo yaritiranyijwe na "avance de démarrage" kandi yari ifite amasezerano yihariye yiswe "Advance payment guarantee No RD001RC0A1305281" vo ku wa 04/10/2013. yaranayihawe mbere y'uko amasezerano aburanwa abaho, kuko yabayeho tariki ya 15/04/2014, "avance" varatanzwe tariki va 30/10/2013.
- [14] Me Idahemuka Tharcisse avuga ko akarengane kandi gashingiye ku kuba Urukiko rwarirengagije ingingo z'amategeko zikurikira:
 - Ingingo ya 170 CPCCSA yabuzaga umucamanza kurenga imbibi z'icyajuririwe, kuko rwasuzumye amafaranga yose yanyuze kuri Konti ya Strong Construction Ltd

harimo nayo yishyuwe ku yandi masoko, rwirengagije ko icyagibwagaho impaka ari ubwishyu bwa Kanombe Military Hospital bujyanye n'isoko ryo kubaka VIP WING, kandi rwirengagiza ko urubanza rw'ubucuruzi cyangwa rw'imbonezamubano ruba ari urw'ababuranyi ubwabo.

- Ingingo ya 110 y'Itegeko No 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso n'itangwa ryabyo mu manza, iteganya ko kwiyemerera mu rubanza ari amagambo umuburanyi cyangwa umuhagarariye avugira mu rukiko agira ibyo yemera kandi ko ayo magambo atsindisha uyavuze, bityo ko kuba mu masezerano Radiant Insurance Company Ltd yariyemereye kuba « Caution solidaire » igatanga na « garantie irrévocable » yo kwishyura, bitari kwirengagizwa n'Urukiko.
- [15] Me Kazungu Jean Bosco, Me Ruzindana Ignace na Me Twiringiyemungu Joseph baburanira Radiant Insurance Company Ltd basubiza ku ngingo zitangwa na Strong Constructions Ltd mu buryo bukurikira:
 - Constructions Ltd ariyo yafashe inguzanyo muri Banki ya Kigali, akaba ariyo yari "Débuteur Principal", ko Radiant Insurance Company Ltd yagombaga kwishyura ari uko Strong Constructions Ltd yananiwe kwishyura, ariko ko itabuze ubushobozi bwo kwishyura, kuko Banki ya Kigali yagaragaje ko kuri konti yayo hanyuzeho amafaranga arenze kure umwenda yishingiye, kandi ko Banki ya Kigali yiyishyuye umwenda wayo kubera ko Strong Constructions Ltd yari ifite ubwishyu.

- Ku bijyanye no kuba Radiant Insurance Company Ltd yari yaremeye kuba "Caution solidaire" no kwishyura ikibisabwa nta yandi mananiza abayeho, bavuga ko ibyo atari byo, kuko muri ayo masezerano hagaragaramo ibigomba kubanza kubahirizwa mbere y'uko yishyura, harimo kubanza kugaragaza ko konti ya Strong Constructions Ltd iri muri ivo banki vanyuzeho amafaranga adashobora kwishyura inguzanyo yatanzwe. Basobanura ko ibikubiye muri "acte de cautionnement" Strong Constructions Ltd ishingiraho bitayireba, kuko ayo masezerano yakozwe hagati ya Banki ya Kigali na Radiant Insurance Company Ltd, bityo nta wundi muburanyi wayashingiraho arega hashingiwe ku ihame ry'uko amasezerano agira ingaruka ku bayagiranye, akaba rero atareba Strong Construction Ltd, kuko atari bénéficiaire wayo.
- Ku kuba Radiant Insurance Company Ltd yarirengagije inkomoko y'ubwishyu, bavuga ko amafaranga Strong Contructions Ltd yishyuwe, yaba "avance de demarrage", yaba n'andi mafaranga y'ubwishyu yahawe nyuma, yose yagombaga kuvamo ubwishyu, ariyo mpamvu Banki ya Kigali yiyishyuye ku mafaranga yasanze kuri konti ya Strong Construction Ltd.
- [16] Bavuga ko mu ibaruwa ya Banki ya Kigali yo ku wa 14/04/2014 yemerera Strong Construction Ltd umwenda hagaragaramo ibintu byatanzweho ingwate, ari naho Banki ya Kigali yashingiye yiyishyura umwenda wayo. Izo ngwate akaba ari:
 - Hypothèque inscrite de 599.000.000 Frw en 1er rang sur la parcelle No 2276 à Gisozi-Gasabo,

- Assurance incendie couvrant l'immeuble donné en garantie avec avenant transfert d'intérêts en notre faveur et dont l'échéance est fixée au 17/06/2014,
- Caution des associés de 807.800.000Frw na Domiciliation des paiements des divers contrats.
- [17] Bavuga ko hashingiwe kuri izo ngwate cyane cyane kuri "domiciliation des paiements des divers contrats", bigaragara ko Banki ya Kigali yagombaga kwiyishyura ku mafaranga avuye kuri fagitire zishyuwe, yaba adahagije, igasaba Radiant Insurance Company Ltd kwishyura abura hagendewe kuri "Acte de cautionnement", cyangwa igashingira ku biteganywa mu masezerano y'umwenda ikiyishyura ku mafaranga yose anyuze kuri konti hatitawe ku nkomoko yayo, ari nabyo yakoze, bityo ko mu gihe ibikoze ikiyishyura nta nshingano zindi Radiant Insurance Company Ltd yari kuba ifite.
- [18] Ku bijyanye n'ingingo z'amategeko Strong Constructions Ltd ivuga ko zitubahirijwe ababuranira Radiant Insurance Company Ltd basubiza mu buryo bukurikira:
 - Ku ngingo ya 170 CPCCSA iteganya ko umucamanza aca urubanza gusa ku cyajuririwe, bavuga ko mu gika cya 20 cy'urubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, bigaragara ko Urukiko rwasuzumye ubujurire bwa Radiant Insurance Company Ltd rusanga kuri Konti ya Strong Constructions Ltd haranyuzeho amafaranga ahagije yavamo ubwishyu, bityo rukaba rutararenze imbibi z'icyajuririwe kuko yagombaga kwishyura ari uko bigaragaye ko kuri konti ya Strong Constructions Ltd nta mafaranga ahagije yanyuzeho yavamo ubwishyu. Bongeraho ko n'ihame ry'uko mu

manza mbonezamubano n'ubucuruzi urubanza ari urw'ababuranyi, uhagarariye Strong Constructions Ltd avuga, naryo ritakiba mu mategeko, uhubwo ko hakurikijwe amategeko mashya, urubanza rwabaye urw'ababuranyi n'Urukiko; batanga urugero rw'inama ntegurarubanza ikorwa n'Urukiko, n'urw'uko Urukiko rubyibwirije rushobora kujya aho ikiburanwa kiri.

- Ku ngingo ya 110 y'Itegeko N^O 15/2004 yo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, aho Strong Constructions Ltd ivuga ko Radiant Insurance Company Ltd yemeye umwenda, bavuga ko itigeze yemera umwenda, kuko hashingiwe ku ngingo ya 5 n'iya 8 y'amasezerano y'ubwishingire (contrat de cautionnement), Strong Constructions Ltd ariyo yahawe umwenda ikaba ari nayo yagombaga kuwishyura, waramuka wishyuwe na Radiant Insurance Company Ltd ikazayisubiza ibyo yayishyuriye, kandi ko kuba Banki ya Kigali yarishyuwe basanga urubanza ruburanwa nta shingiro (fondement) rufite.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[19] Strong Constructions Ltd igaragaza ko yananiwe kwishyura inguzanyo ya 272.000.000 Frw yahawe na Banki ya Kigali kubera kubura ubwishyu ibitewe nuko umushinga wo kubaka VIP WING mu Bitaro bya Kanombe waburiwe "financement", hari n'ibimenyetso bibigaragaza, ariko Radiant Insurance Company Ltd yanga kuyishyurira nkuko yabyemeye mu masezerano y'ubwishingire bagiranye yo ku wa 15/04/2014 (Contrat de Cautionnement no RD0010CRI1403488).

[20] Ku bijyanye no kubura ubwishyu kubera kubura "financement", ibimenyetso biri muri dosiye kandi bigarukwaho n'impande zombi, bigaragaza ko amasezerano yo kubaka VIP WING mu Bitaro bya Kanombe yakozwe hagati ya Strong Constructions Ltd na Rwanda Military Hospital in partnership with Ministry of Health, atashyizwe mu bikorwa mu gihe cyagenwe kubera kubura "financement" ibyo bikaba byaragize ingaruka ku kwishyurirwa imirimo Strong Constructions Ltd yabaga yarangije gukora, akaba ari nabyo byabaye intandaro yo kutubahiriza amasezerano yagiranye na Banki ya Kigali yo kwishyura inguzanyo yayihaye ingana na 272.000.000 Frw.

[21] Muri ibyo bimenyetso harimo ibi bikurikira:

- "Extrait de compte" yatanzwe na Banki ya Kigali igaragaza ko fagitire ya mbere ifite n^o 04/01/023/2013/T/NCB/RHM/MOH yishyuza amafaranga 143.864.240 Frw yatanzwe na Strong Construction Ltd tariki ya 23/05/2014 ndetse na fagitire ya kabiri ifite n^o 05/02/023/2013/T/NCB/RMH/MOH yishyuza 60.751.920 Frw, yatanzwe tariki ya 07/07/2014 zitishyuwe na Kanombe Military Hospital;
- "Extrait de compte" yatanzwe na Banki ya Kigali igaragaza ko kuva amasezerano y'ubwishingire yashyizweho umukono tariki ya 15/04/2014, Ibitaro bya Kanombe byari bimaze kwishyura amafaranga angana na 54.681.513 Frw yishyuwe tariki ya 16/06/2014, 51.484.678 Frw yishyuwe tariki ya 20/03/2015, na 136.123.194 Frw yishyuwe tariki ya 10/12/2015. Usibye 54.681.513 Frw yishyuwe tariki ya 16/06/2014, bigaragara ko andi mafaranga yose yishyuwe igihe

giteganyijwe mu masezerano y'isoko ryo kubaka VIP WING cyararenze, kuko ingingo ya 5 y'ayo masezerano yateganyaga ko imirimo izakorwa mu gihe cy'amezi 15, ayo mezi akaba yaragombaga kurangira tariki ya 15/01/2015, uhereye igihe yashyiriweho umukono n'impande zombi tariki ya 15/10/2013;

- Ibaruwa yo ku wa 16/10/2014 Strong Constructions Ltd yandikiye Umuyobozi w'Ibitaro rya Kanombe yibutsa kwishyura fagitire izo zombi (ifite no 04/01/023/2013/T/NCB/RHM/MOH yishyuza amafaranga angana 143.864.240 Frw na fagitire no 05/02/023/2013/T/NCB/RMH/MOH vishvuza 60.751.920 Frw). Iyo baruwa ikaba igaragaza ko kugeza kuri iyo tariki ya 16/10/2014 yandikiweho, nta fagitire n'imwe ya Strong Constructions Ltd yari yishyuwe;
- Ibaruwa ebyiri, iyo ku wa 20/01/2016 n'iyo ku wa 30/03/2016, zanditswe n'Ubuyobozi bwa Military Hospital busaba Minisitiri w'Ubuzima gukomeza gutera inkunga umushinga wo kubaka VIP WING mu Bitaro bya Kanombe. Birumvikana ko ibyo bitaro byandika izo baruwa byari bifite ikibazo cya "financement" nk'uko bivugwa na Strong Constructions Ltd;
- Ibaruwa yo ku wa 19/02/2015 yanditswe n'Umuyobozi wa Military Hospital asubiza iyanditswe na Strong Constructions Ltd ku wa 18/02/2015 yasabaga kongererwa igihe cyo kurangiza imirimo.
- Muri dosiye nta baruwa n'imwe yigeze yandikwa na Military Hospital igaragaza ko Strong Constructions Ltd ariyo yaba yaradindije imirimo.

- [22] Amasezerano impande zombi zishingiraho muri uru rubanza ari mu byiciro bibiri: amasezerano y'ubwishingire bagiranye yo ku wa 15/04/2014 (Contrat de Cautionnement no RD0010CRI1403488) Radiant Insurance Company Ltd yiyemeza kuzishyurira Strong Constructions Ltd mu gihe izaba yabuze ubwishyu , ndetse n'amasezerano yo ku wa 15/04/2014 yiswe "Acte de Cautionnement RD0010CRI1401759/02645" yakozwe na Radiant Insurance Company Ltd yemerera Banki ya Kigali kuzishyura umwenda wa Strong Constructions Ltd igihe izaba itashoboye kuwishyura.
- [23] Ku byerekeye ibyo Radiant Insurance Company Ltd ivuga ko Strong Constructions Ltd itakwitwaza amasezerano ya "Acte de Cautionnement RD0010CRI1401759/02645" yakozwe na Radiant Insurance Company Ltd yonyine, kubera ko atayireba, Urukiko rurasanga avo masezerano ubwayo atari kubaho mu gihe nta masezerano y'ibanze y'inguzanyo ari hagati ya Banki ya Kigali na Strong Construtions Ltd, ari nayo amasezerano y'ubwishingire (Contrat de Cautionnement) ashingiyeho. Aya masezerano "Acte de cautionnement" ubwayo ntiyihagije, kuba varabaveho masezerano y'ibanze ashingive ku Constructions Ltd ifitemo inyungu, Radiant Insurance Company Ltd ntaho yahera iyuga ko Strong Constructions Ltd itayafitemo inyungu cyangwa atayireba, kuko byose bishingiye ku nguzanyo yahawe na Banki ya Kigali. Naho ibyo ivuga ko Banki ya Kigali ariyo yagombaga kurega kuko ariyo irebwa bwa mbere na "Acte de Cautionnement", Urukiko rurasanga kuba itarareze cyangwa yarareze ikaza kureka ikirego, nk'uko bivugwa n'abahagarariye Radiant Insurance Company Ltd, ibyo bitavanaho uburenganzira bwa Strong Constructions Ltd bwo kuregera inkiko mu gihe ibona ko amasezerano yagiranye na Radiant Insurance Company Ltd atubahirijwe.

[24] Ku bijyanye n'amasezerano y'ubwishingire muri rusange, Abahanga mu mategeko bavuga ko umuntu wese wemeye kwishingira undi aba yemeye kumusimbura mu nshingano ze afitiye abandi mu gihe we adashoboye kuzubahiriza [...celui qui se rend caution d'une obligation, se soumet envers le créancier à satisfaire à cette obligation, si le débiteur n'y satisfait pas lui même...]¹.

Abahanga mategeko batandukanya mu ubwishingire busanzwe (cautionnement simple) n'ubwishingire magirirane (cautionnement solidaire) kandi bakavuga ko ingaruka zabwo zitandukanye. Bemeza ko mu bwishingire busanzwe. Umwishingizi aba afite uburenganzira bwo kubanza gukurikirana ubwishyu mu mutungo w'uwafashe umwenda, byagaragara ko atabishoboye akaba aribwo amwishyurira [...le cautionnement est simple, lorsque la caution dispose d'un bénéfice de discussion. Elle peut contraindre, à certaines conditions, le créancier à discuter d'abord les biens du débiteur, c'est-à-dire à établir son insolvabilité...]. Naho ku bwishingire magirirane bakavuga ko nta burenganzira Umwishingizi aba afite bwo kubanza gusaba ko ubwishyu bubanza gushakwa mu mutungo w'uwishingiwe ... [la caution solidaire, en effet, ne dispose pas de bénéfice de discussion,...la caution est exposée au paiement de la dette principale lorsque, celle-ci, est exigible...]².

[26] Urukiko rurasanga mu ngingo ya mbere y'amasezerano Radiant Insurance Company Ltd yagiranye na Stong Constructions Ltd (contrat de cautionnement no

¹ Denis Philippe, Delphine Dehasse, Code Civil, 5 ème edition, Bruylant, 2007, page 287.

² Jérôme François, Droit civil, les sûretés personnelles, Tome VIII, Economica, Paris, 2004, page 33[51]

RD0010CRI1403488 yo ku wa 15/04/2014), Radiant Insurance Company Ltd yaremeye ku buryo bweruye kuba Umwishingizi magirirane (Caution solidaire) wa Strong Constructions Ltd , muri aya magambo [....déclare se porter caution solidaire de Strong Construction Ltd envers Bank of Kigali Ltd, et assumer la garantie irrévocable du paiement d'un montant de 272.000.000 Frw (deux cent soixante-douze millions de Francs Rwandais) représentant la garantie de bonne exécution du contrat ci-haut cité ..]. Hakurikijwe iyi ngingo n'ibisobanuro by'Abahanga, Urukiko rurasanga kugirango umwenda wa Banki ya Kigali wishyurwe, hataragombaga kubanza gushakirwa ubwishyu mu mutungo bwite wa Strong Construction Ltd.

Urukiko rurasanga kandi muri "Acte de cautionnement" [27] yakozwe na Radiant Insurance Company Ltd yonyine, n'ubwo ari amasezerano ruhanderumwe (contrat unilatéral)3, yarihaye inshingano zitaziguye zo kwishyurira Strong Constructions Ltd umwenda yahawe na Banki ya Kigali, ibi bikaba byari bigamije kuyongerera icyizere n'amahirwe byo kwishyura mu gihe Strong Constructions Ltd izaba yananiwe kwishyura, kubera ko yemereye Banki ya Kigali ko mu gihe izaba itagishoboye kuyishyura, izahita yishyura uwo mwenda ikibiyisaba. Ibi ni nabyo byemezwa n'Abahanga mu mategeko bavuga ko kwiyemeza kwishyura bwa mbere ukibisabwa, ari uburyo bworohereza uberewemo umwenda kwishyurwa bitamugoye kuko asa n'uba afite abagomba kumwishyura babiri, kandi ko uwemeye muri ubwo buryo aba yihaye inshingano zitaziguye k'uberewemo umwenda [..., la garantie à première demande renforce la situation du créancier en lui donnant deux débiteurs au lieu d'un seul. Tandis que le cautionnement est une obligation

_

³ Martin Imbleau, William A. Schabas, Introduction au droit rwandais, Les éditions Ivon Blais Inc, 1999, page 83.

accessoire, la garantie à première demande est une obligation autonome, le garant s'engageant, non pas pour autrui, mais à l'occasion des relations contractuelles d'autrui, (...) il promet non pas d'exécuter l'obligation du débiteur principal défaillant, mais de verser sur simple réclamation du créancier une somme déterminée...]⁴.

Ku biyanye n'inkomoko y'ubwishyu, amasezerano yiswe "Acte de Cautionnement" agaragaza ko inkomoko y'ubwishyu ari amafaranga akomoka ku isoko ryo kubaka VIP WING ya Kanombe Military Hospital, ahavuga ko Radiant Insurance Company Ltd izishyura Banki ya Kigali nyuma yo kugaragaza ko amafaranga ya fagitiri yishyuwe yageze kuri konti ya Strong Constructions Ltd iri muri Banki ya Kigali kuri iryo soko ryavuzwe, adahagije mu kwishyura umwenda. Aya masezerano abivuga muri aya magambo : « Et nous nous engageons à rembourser BANK OF KIGALI, dès réception de sa demande écrite, montrant que le Contractant (Strong Construction Ltd) ne se conforme pas aux stipulations du contrat signé entre lui et Bank of Kigali, la somme ci- dessus stipulée (272.000.000 FRW) après avoir prouvé que le(s) paiement (s) au compte 040-0323102-28 ouvert à la BANK OF KIGALI au nom de Strong Construction Ltd, pour le marché ci-haut mentionné, n'a pas été suffisant pour le remboursement du crédit contracté ».

[29] Ibyerekeye inkomoko y'ubwishyu ubisanga no mu ibaruwa yo ku wa 14/05/2015 Banki ya Kigali yanditse isubiza iyo Radiant Insurance Company Ltd yanditse isaba amakuru kuri konti ya Strong Constructions Ltd, aho Banki ya Kigali yari yarayimenyesheje ko kuri konti ya Strong Constructions Ltd

⁴ Pierre Voirin, Gilles Goubeaux, Droit civil, Personnes-Famille-Incapacité-Biens-Obligations-Sûretés, Tome 1, 30^{ème} édition, LGDJ, Paris, page 635.

hanyuzeho amafaranga, ariko ko adakomoka ku isoko yishingiye; no mu ibaruwa yo ku wa 13/09/2018 yandikiye Umuvunyi Mukuru isobanura ko ubwishyu bw'inguzanyo yahawe Strong Constructions Ltd bwagombaga kuva gusa ku bwishyu bw'isoko ryo kubaka VIP WING mu Bitaro bya Kanombe.

Urukiko rurasanga ibyo ababuranira Radiant Insurance [30] Company Ltd bavuga ko hagombaga kurebwa izindi ngwate yatanze ifata inguzanyo bitahabwa agaciro kubera ko hashingiwe kuri "Acte de Cautionnement RD0010CRI1401759/02645" cyane cyane mu gika cyayo cya 5, Radiant Insurance Company Ltd yagombaga kwishyurira Strong Constructions Ltd ikibisabwa na Banki ya Kigali hatabanje kurebwa inzindi ngwate, kandi n'Abahanga mu by'amategeko bakaba bavuga ko iyo ari amasezerano y'ubwishingire magirirane (caution solidaire) ari nayo Radiant Insurance Company yakoreye Strong Constructions Ltd, nta burenganzira Umwishingizi aba afite bwo kubanza gusaba ko ubwishyu bubanza gushakwa mu mutungo w'uwishingiwe ... [la caution solidaire, en effet, ne dispose pas de bénéfice de discussion,...la caution est exposée au paiement de la dette principale lorsque, celle-ci, est exigible...]⁵.

[31] Urukiko rurasanga kandi ukurikije imiterere y'ubwishingizi ubwayo "garantie de bonne exécution", mu gihe ikibazo cyateye ukutishyura ari umushinga utarakozwe uko biteganijwe kubera ukubura "financement" impamvu idaturutse kuri Strong Constructions Ltd, ndetse akaba ari n'impamvu itabujijwe mu ngingo ya 4 y'amasezerano y'ubwishingizi N° RD0010CRI1403488, abahagarariye Radiant Insurance Company Ltd ntaho bahera bavuga ko hagombaga guherwa ku zindi ngwate.

⁵ Jérôme François, Droit civil, Ibidem, page 33

- [32] Ku bijyanye no kuba harabayeho kwitiranya inguzanyo ya" avance de démarrage" n'inguzanyo ya 272.000.000 Frw zahawe Strong Constructions Ltd, Urukiko rurasanga muri dosiye hagaragaramo amasezerano y'ubwishingire abiri yakozwe na Radiant Insurance Company ku bw'inyungu za Strong Constructions Ltd, ariyo: Amasezerano yo ku wa 04/10/2013 viswe "Advance Payement Security/Advance payment guarantee RD001RCOA1305281"; n'Amasezerano yo viswe "Contrat cautionnement 15/04/2014 de No RD0010CRI1403488". N'ubwo ayo masezerano yombi arebana no kubaka VIP WING mu Bitaro bya Kanombe, Urukiko rurasanga atandukanye mu miterere yayo, ku gihe yakorewe, ku cyo yari agamije, no ku ngano y'amafaranga yishingiwe, bivuze ko inguzanyo ashingiyeho zigomba gutandukanywa, bityo ibyo abahagarariye Radiant Insurance Company Ltd bavuga ko yagombaga kubanza kuvamo ubwishyu bikaba bitahabwa ishingiro.
- Urukiko rurasanga kandi, nk'uko bigaragara mu gika cya [33] "Acte Cautionnement gatanu cya de RD0010CRI1401759/02645", kimwe mu byo Radiant Insurance Company Ltd yagombaga gushingiraho mbere yo kwishyurira Strong Constructions Ltd ari uko bigaragaye ko kuri konti yayo yafunguwe muri Banki ya Kigali, nta mafaranga ahagije yayinyujijweho yakwishyura inguzanyo ya 272.000.000 Frw aturutse ku bwishyu bw'isoko yishingiye. Rukaba rusanga nta bundi buryo Radiant Insurance Company Ltd yari kumenya niba Strong Constructions Ltd yarishyuwe amafaranga ahagije yavamo ubwishyu aturutse ku isoko yishingiye ryo kubaka VIP WING mu Bitaro bya Kanombe, hadasuzumwe amafaranga yose yanyujijwe kuri konti yayo, kuba Urukiko rwarabisuzumye rukaba nta makosa rwakoze ryo kurenga imbibi z'icyajuririwe.

- Urukiko rurasanga rero kuba Radiant Insurance Company Ltd mu masezerano y'ubwishingire yo ku wa 15/04/2014 (Contrat de Cautionnement no RD0010CRI1403488), varemeve kuba umwishingizi magirirane "Caution Solidaire" ku mwenda yari ifitiye Banki ya Kigali , ndetse no mu masezerano (Acte de Cautionnement RD0010CRI1401759/02645) ikemerera Banki ya Kigali ko mu gihe Strong Constructions Ltd itagishoboye kuvishvura, izahita vishvura uwo mwenda ikibivisaba, Radiant kuyishyurira Company Ltd yaragombaga Insurance nk'umwishingizi wayo, cyane cyane ko mu ibaruwa yayo yo ku wa 4/05/2015 yabwiye Strong Constructions Ltd ko niramuka iyishyuriye amafaranga yose azahita asubizwa Radiant Insurance Company Ltd.
- [35] Urukiko rurasanga kandi, kuba mu rubanza RCOMAA 00065/2016/SC-RCOMAA 0071/16/CS haremejwe ko Radiant Insurance Company Ltd itishyurira Strong Constructions Ltd, kubera ko ifite ubwishyu kuko Historique ya Banki yagaragazaga ko hanyuzeho amafaranga menshi arenze kure ay'umwenda, harabayeho ikosa ryo kwitiranya inkomoko y'ubwishyu, kuko amafaranga yandi Strong Constructions Ltd yishyuwe aturutse ku yandi masoko atarebwaga n'ubwo bwishyu, kuko buri soko riba rifite uko ricungwa kubera ko bidakozwe gutyo, imirimo ikadindira cyangwa se ntikorwe, byateza ikindi gihombo.
- [36] Urukiko rurasanga na none kuba mu rubanza RCOMAA 00065/2016/SC-RCOMAA 0071/16/CS rusabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, Urukiko rwaremeje ko umwenda wishyurwa ku mafaranga ayariyo yose yanyuze kuri konti ya Strong Constructions Ltd, habaye gushakira ubwishyu ku mutungo bwite wayo, aho kubushakira ku mafaranga akomoka ku isoko ryo kubaka VIP Wing mu Bitaro bya Kanombe

iyo amasezerano y'ubwishingire ari magirirane, iri rikaba ari ikosa ryateye Strong Constructions Ltd akarengane.

[37] Urukiko rw'Ikirenga rushingiye ku bisobanuro byatanzwe no ku ngingo ya 64 y' Itegeko n°45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano iteganya ko amasezerano akozwe ku buryo bukurikije amategeko aba itegeko ku bayagiranye, rurasanga kuba Radiant Insurance Company Ltd yaranze kwishyurira Strong Constructions Ltd itarubahirije amasezerano y'ubwishingire bagiranye tariki ya 15/04/2014, Urubanza No RCOMAA 00065/2016/CS-RCOMAAA0071/16/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa rugaragaramo akarengane, rugomba 21/06/2017 rukaba guhinduka.

b. Kumenya niba indishyi zisabwa na Strong Construction Ltd zifite ishingiro

- [38] Me IDAHEMUKA avuga ko Strong Constructions Ltd ari mu manza zabanje ndetse no muri uru rubanza itaregera ubwishyu bw'umwenda kuko Banki ya Kigali yishyuwe; ahubwo iregera inyungu n'ibihano by'ubukererwe bingana na 84.271.004 Frw yaciwe biturutse ku kwishyura ikererewe, nyuma y'uko Radiant Insurance Company Ltd yanze kwishyura, ndetse no gusubizwa amafaranga yayo yafatiriwe agizwe na 52.598.296 Frw aturutse ku masezerano y'isoko rya "mechanization RADA" na 30.505.081 Frw yafatiriwe yishyuwe na OT, yose hamwe angana 83.103.337 Frw, iryo fatira rikaba ryaratumye itubahiriza andi masezerano yari ifite ku yandi masoko.
- [39] Avuga ko amasezerano Strong Constructions Ltd yagiranye na Kanombe Military Hospital yagiye yongerwa ariko bidaturutse kuri yo, ahubwo ari ikibazo cyaturutse ku rwego rwa

Leta rwabuze "financement", kandi ko amasezerano hagati yayo na Radiant Insurance Company Ltd, n'amasezerano hagati ya Banki ya Kigali na Radiant Insurance Company Ltd yo atigeze ahinduka. Avuga ko ayo masezerano yose yari afite igihe cy'umwaka, kandi ko muri uwo mwaka w'ubwishingire Banki ya Kigali itigeze yishyurwa, ariyo mpamvu Strong Constructions Ltd yaciwe ibihano by'ubukererwe.

- [40] Ku bijyanye n'inyungu n'ibihano by'ubukererwe Strong Constructions Ltd iregera, Me Kazungu Jean Bosco, Me Twiringiyemungu Joseph na Me RUZINDANA Ignace bahagarariye Radiant Insurance Company Ltd, bavuga ko izo nyungu n'ibihano by'ubukererwe bitareba Radiant Insurance Company Ltd, kuko iyo Banki ya Kigali isanga itarubahirije amasezerano y'ubwishingire bagiranye (Acte de cautionnement) ariyo yari kurega, kuko hashingiwe ku ihame ry'uko amasezerano agira ingaruka ku bayagiranye, nta wundi muntu washoboraga kuyitwaza ngo arege usibye yo, kandi ko Banki ya Kigali yareze Radiant Insurance Company Ltd mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, ariko imaze kubona Strong Constructions Ltd yishyuye ireka icyo kirego.
- [41] Bavuga ko basanga uwagombaga kuregwa inyungu n'ibihano by'ubukererwe ari Banki ya Kigali kuko yemeye ko amafaranga abyara inyungu z'ubukererwe kandi yari ifite ubwishyu, kandi ko kugeza ubu Banki ya Kigali nta kibazo ifite kubera ko yishyuwe, ko na Strong Constructions Ltd nta kibazo yagombye kugira kuko yivanyeho inshingano yishyura. Basoza bavuga ko amasezerano hagati ya Strong Constructions Ltd na Kanombe Military Hospital yahindutse, kandi ko impinduka zabaye muri ayo masezerano Radiant Insurance Company Ltd itazimenyeshejwe, ndetse ko itagombaga kuzishingira.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[42] Ingingo ya 137 y' Itegeko n°45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano iteganya ko uruhande rwarenganyijwe rufite uburenganzira bwo kubona indishyi zitanzwe n'urundi ruhande rutubahirije ibisabwa mu masezerano, keretse iyo ikirego kigamije kubona indishyi cyahagaritswe cyangwa cyavuyeho.

[43] Urukiko rurasanga ibyo abahagarariye Radiant Insurance Company Ltd bavuga ko Strong Constructions Ltd itashingira ku masezerano yakozwe hagati ya Radiant Insurance Company Ltd na Banki ya Kigali ngo iregere indishyi bitahabwa agaciro, kuko uretse n'uko ayo masezerano "Acte de Cautionnement noRD0010CRI1401759/02645" ari amasezerano ruhanderumwe (unilatéral), yashyizweho umukono na Radiant Insurance Company Ltd yonyine yiyemeza kuzishyura Banki ya Kigali umwenda wa Strong Constructions Ltd mu izina ryayo, 6 ayo masezerano yabayeho ashingiye ku masezerano yandi yakozwe hagati ya Strong Constructions Ltd na Radiant Insurance Company Ltd , kandi akorwa mu nyungu zayo nk'uko byasobanuwe haruguru.

_

^{6 ...«} Et nous nous engageons à rembourser BANK OF KIGALI, dès réception de sa demande écrite, montrant que le Contractant (Strong Construction Ltd) ne se conforme pas aux stipulations du contrat signé entre lui et BANK OF KIGALI, la somme ci-dessus stipulée (272.000.000 FRW) après avoir prouvé que le(s) paiement au compte 040-0323102-28 ouvert à la BANK OF KIGALI au nom de Strong Construction Ltd, pour le marché ci-haut mentionné, n'a pas été suffisant pour le remboursement du crédit contracté ».

- [44] Urukiko rurasanga kandi niba Strong Constructions Ltd yarishyuye inyungu z'ubukererwe itagombaga kwishyura iyo Radiant Insurance Company Ltd yubahiriza amasezerano bagiranye, ikaba arizo isaba gusubizwa, ntaho Radiant Insurance Company Ltd yahera ivuga ko idafite uburenganzira bwo kuziregera.
- Urukiko rurasanga kuba Radiant Insurance Company Ltd [45] itarubarije inshingano zavo zikubiye mu masezerano y'ubwishingizi yagiranye na Strong Constructions Ltd nk'uko byagaragajwe mu bika bibanza, hari igihombo byayiteye harimo kuba hari inyungu z'ubukererwe zingana na 84.271.004 Frw yaciwe, kuzishyura bikaba byaratumye itubahiriza inshingano zayo zikubiye mu yandi masezerano yari ifitanye n'abandi bantu, nk'uko bisobanurwa na Me Idahemuka Tharcisse uyihagarariye, bityo Radiant Insurance Company Ltd ikaba igomba kubitangira indishyi.
- [46] Urukiko rurasanga rero, rushingiye ku ngingo ya 137 y'Itegeko n°45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 ryavuzwe haruguru, Radiant Insurance Company Ltd igomba guha Strong Constructions Ltd amafaranga y'indishyi ahwanye n'inyungu z'ubukererwe yaciwe na Banki ya Kigali angana na 84.271.004 Frw
- [47] Ku bijyanye n'amafaranga 83.103.337Frw Strong Constructions Ltd ivuga ko yafatiriwe na Banki ya Kigali, ikaba isaba kuyasubizwa na Radiant Insurance Company Ltd, kubera ko iryo fatira ryatumye itubahiriza andi masezerano yari ifite ku yandi masoko, Urukiko rurasanga itayasubizwa, kuko itashoboye kugaragariza Urukiko ko atari mu yagabanyije umwenda yari ifitiye iyo Banki.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [48] Rwemeye kwakira ikirego cyo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza No RCOMAA 00065/2016/CS-RCOMAAA0071/16/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 21/06/2017, rugisuzumye rusanga gifite ishingiro;
- [49] Rwemeje ko Radiant Insurance Company Ltd itubahije amasezerano y'ubwishingire yagiranye na Strong Constructions Ltd ku wa 15/04/2014;
- [50] Rwemeje ko urubanza N° RCOMAA 00065/2016/CS-RCOMAA0071/16/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 21/06/2017 ruhindutse;
- [51] Rutegetse Radiant Insurance Company Ltd guha Strong Constructions Ltd 84.271.004 Frw y'indishyi ahwanye n'inyungu z'ubukererwe yaciwe na Banki ya Kigali;
- [52] Rutegetse Radiant Insurance Company Ltd guha Strong Constructions Ltd amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka angana na 3.000.000 Frw na 126.000 Frw y'ingwate y'amagarama yari yagenewe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi.

IMANZA NSHINJACYAHA

UBUSHINJACYAHA v. GATABAZI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RPA 0263/12/CS (Hatangimbabazi, P.J., Gakwaya na Karimunda) 20 Gicurasi 2016]

Amategeko agenga ibimenyetso — Ibimenyetso mu manza nshinjabyaha — Icyaha cy'ubwicanyi — Mu manza z'ubwicanyi, gutera urupfu "to cause the death" bisobanuye kurutera ku gihe n'ahantu nyakwigendera yapfiriye — Ntawugomba guhamwa n'icyaha hashingiwe ku gukeka gusa ko ariwe wari ufite inyungu mu rupfu ariko nta kimenyetso kimuhamya ko ariwe wishe — Uregwa ntabwo yahamwa n'icyaha hashingiye gusa ku kuba byari gushoboka ko agikora, ahubwo icyo gihe, uko gukekeranya kuramurengera akagirwa umwere.

Incamake y'ikibazo: Ubushinjacyaha bwareze Gatabazi n'undi mu Rukiko Rukuru bakurikiranyweho icyaha cyo guhotora Mukakabera, umugore wa Gatabazi. Mu kuburana kwabo abaregwa baburanye bahakana icyaha. Urwo Rukiko rwasanze Gatabazi ahamwa n'icyaha rumuhanisha igifungo cya burundu, naho mugenzi we, rusanga hari ugushidikanya maze rwemeza ko ari umwere.

Gatabazi Félicien ntiyishimiye icyo cyemezo ajuririra mu Rukiko rw'Ikirenga.avuga ko yahamijwe icyaha cyo kwica umugore we urukiko rushingiye ku kuba yarasabye umugore we gutaha kare ava mu kabari, nyamara icyo atari ikimenyetso cy'uko yamwishe ahubwo ari ikigaragaza ko yagiraga ngo atagira icyo aba, kandi ko ibyo bene Se bamushinja ko yabasabye kugenzura ubusambanyi bw'umugore we n'uwo baregwanaga n'uko yashyinguye nyakwigendera hutihuti yanga ko apimwa

hakamenyekana icya mwishe ari ibinyoma, asoza avuga ko nta sano riri hagati y'urupfu rw'umugorewe na we.

Ubushinjacyaha buvuga ko nyakwigendera yishwe n'umugabo we wamufuhiye ubwo uwo bareganaga yamusomeje ku nzoga kandi ko adahakana ko yafuhiye umugore we kuko yabiganirije bakuru be bamushinja ko yabasabye kumucungira umugore we ngo barebe ko adasambana n'uwo mugabo naho iby'uko muganga atagaragaje icyamwishe nta gitangaza kirimo mu gihe umurambo wapimwe nyuma y'iminsi itandatu ushyinguwe. Busoza buvuga ko nubwo ntawamubonnye amwica ariko kuba nyakwidendera yarasomejwe ku nzoga n'umugabo uwajuriye yakekaga ko amusambanya, bugacya yapfuye bihagije kumukeka kuko ariwe wari ufite inyungu muri urwo rupfu.

Incamake y'icyemezo: 1. Ntawugomba guhamwa n'icyaha hashingiwe ku gukeka gusa ko ariwe wari ufite inyungu mu rupfu mu gihe nta kimenyetso kimuhamya ko ariwe wishe.

- 2. Mu manza z'ubwicyanyi, gutera urupfu "to cause the death" bisobanuye kurutera ku gihe n'ahantu nyakwigendera yapfiriye. Nubwo uwajuriye yagaragaje imyitwarire igayitse nyuma y'urupfu rwa nyakwigendera yukwanga kumenya amakuru y'uwamutelefonye bwa nyuma cyangwa akavuga ko nta mafaranga afite yo gupimisha umurambo mbere y'uko ushyingurwa, si ikimenyetso kimuhamya icyaha kuko itagaragaza ko afite uruhare mu rupfu rwa nyakwigendera.
- 3. Uregwa tabwo yahamwa n'icyaha hashingiye gusa ku kuba byari gushoboka ko agikora, ahubwo icyo gihe, uko gukekeranya kuramurengera akagirwa umwere, bityo Uwajuriye ntabwo yahamwa n'icyaha hashingiwe gusa ku kuba yarashoboraga kugikora.

Uwajuriye n'umwere ku cyaha cy'ubuhotozi yari akurikiranweho.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo 119 Itegeko N° 30/2013 ryo ku wa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 165

Inyandiko z'abahanga:

CR Snyman, Criminal Law, Durban, Lexis-Nexis, 2002, P. 75. Nyabirungu mwene Songa, Traité de droit pénal Congolais, Kinshasa, Editions Universitaires, 2007, P. 321.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

- [1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Rusizi, Gatabazi Félicien na Kanyarukiga Jean-Pierre baregwa kuba mu mugoroba wo ku wa 26/05/2011 barahotoye Mukakabera Donata umugore wa Gatabazi Félicien basangiraga mu kabari ariko akabatanga gutaha, akaboneka mu gitondo cyo ku wa 26/05/2011 yishwe, umutwe we ucuramye mu mugezi wa Kadasomwa. Gatabazi Félicien na Kanyarukiga Jean-Pierre baburanye bahakana icyaha.
- [2] Mu rubanza no RP 0015/12/HC/RSZK rwaciwe ku wa 31/05/2012, Urukiko rwasanze hari ibimenyetso bihamya GatabazI Félicien icyaha akurikiranweho, rwemeza ko ari we

wiyiciye umugore amuziza kumukekaho ubusambanyi, rumuhanisha igifungo cya burundu, rumutegeka no kwishyura amagarama y'urubanza. Naho kuri Kanyarukiga Jean-Pierre, Urukiko rwasanze hari ugushidikanya ku bimenyetso Ubushinjacyaha bushingiraho, rwemeza ko ari umwere.

- [3] Gatabazi Félicien ntiyishimiye icyo cyemezo ajuririra mu Rukiko rw'Ikirenga.
- [4] Iburanisha mu ruhame ryashizwe ku wa 07/03/2016, uwo munsi Gatabazi Félicien yitaba yunganiwe na Me Hakizimana martin na me Rwigema Vincent naho ubushinjacyaha buhagarariwe na Munyaneza Nkwaya Eric, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu. Abunganira Gatabazi Félicien bamenyesheje Urukiko ko batabonye umwanya wo gusoma dosiye no kuganira n'uwo bunganira basaba ko urubanza rwimurwa kugirango babone igihe cyo kwitegura. Iburanisha ryimuriwe ku wa 18/04/2016.
- [5] Uwo munsi ugeze, iburanisha ryabereye mu ruhame, Gatabazi Félicien yunganiwe na Me Hakizimana Martin naho Ubushinjacyaha buhagarariwe na Munyaneza Nkwaya Eric, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu.

II. IKIBAZO KIGIZE URU RUBANZA N'ISESENGURWA RYACYO

Kumenya niba hari ibimenyetso bihamya Gatabazi Félicien icyaha akurikiranweho.

[6] Gatabazi Félicien avuga ko yajurijwe n'uko Urukiko Rukuru rwamuhamije icyaha ku mpamvu z'akarengane, ko

ntacyo yapfaga n'umugore we kuburyo yamuhotora kandi ko iyo aba yarabikoze yari kubyemera, akabisabira imbabazi. Asobanura ko we yabaga ku kabari, nyakwigendera apfa we yagiye kurangura inzoga kuko ariyo gahunda yari yararanye, bamuhuruje asanga Mukakabera Donata yaguye mu mugezi acuramye, inzoga zamuciye mu kanwa no mu mazuru, bigaragaza ko yishwe n'inzoga kuko muganga yamusuzumye akemeza ko nta kintu bamukubise. Asobanura ko bamushyinguye umuryango we uhari, babiherewe uburenganzira n'Ubuyobozi ndetse hari n'icyemezo cyatanzwe na Polisi, ariko ko icyo cyemezo cyaje guhira muri Gereza ya Muhanga.

- Avuga kandi ko ibyo bene Se bitwa Riberakurora na [7] Bavugirije bamushinja ko yabasabye kugenzura ubusambanyi bw'umugore we na Kanyarukiga Jean-Pierre, yabacecekesheje bagive kumubwira amakuru y'umuntu telefonye wa nyakwigendera bwa nyuma cyangwa se ko yashinguye nyakwigendera hutihuti yanga ko apimwa hakamenyekana icya mwishe ari ibinyoma bahimbye bagamije kumuheza mu munyororo kugirango bigarurire amasambu basanzwe bapfa. Asoza asaba uru Rukiko kumurenganura akagirwa umwere kuko yahamijwe icyaha atakoze.
- [8] Me Hakizimana Martin avuga ko Urukiko rwahamije Gatabazi Félicien kwica umugore we rushingiye ku kuba yarasabye umugore we gutaha kare ava mu kabari, nyamara icyo atari ikimenyetso cy'uko yamwishe ahubwo ari ikigaragaza ko yagiraga ngo atagira icyo aba, rwongera gushingira ku kuba bwarakeye akajya kurangura inzoga kandi umugore we yapfuye, rwirengagiza ko akabari katabaga mu rugo aricyo cyatumaga ataha rimwe na rimwe, uwo munsi azinduka mu rukerera ajya kurangura atazi ko umugore we yapfuye kuko iyo aba afite icyo

yishinja yari kuba hafi ndetse agatabara mu ba mbere kugirango asibanganye ibimenyetso, ahandi rushingira ku kuba yarashyinguye nyakwigendera atamupimishije ngo hamenyekane icyamwishe nyamara byaratangiwe uburengenzira n'Ubuyobozi bw'Inzego z'Ibanze hamwe na Polisi yari yabimuhereye icyemezo cyahiriye muri Gereza ya Muhanga, ibyo bikaba bitari gukorwa iyo haba hari ugukeka ko urupfu rukomoka ku cyaha.

- Me Hakizimana Martin avuga kandi ko Urukiko rwongeve gushingira ku kuba Riberakurora na Bavugirije baravuze ko bashatse kubwira Gatabazi Félicien uwatelefonye umugore we bwa nyuma akabacecekesha no kuba ariwe wabatelefonye muri iryo joro umugore we apfamo, nyamara ayo ari amagambo adafite ikindi kimenyetso kiyashimangira cyane cyane ko nta mpamvu yari gutuma abacecekesha mu gihe Ubuyobozi na Polisi bari aho, byose bigaragaza ko Gatabazi Félicien yahamijwe icyaha hashingiwe ku kinyoma cya Kanvarukiga Jean-Pierre ubundi utaragombaga kubazwa muri uru rubanza kuko nawe yakekwagaho icyaha ariko naho abarijwe ntiyasobanura aho yagejeje nyakwigendera kandi ari we baherukanaga bwa nyuma, no ku kagambane ka bene Se bashaka kumuhuguza isambu ye ari nacyo cyatumye bataburura umurambo ngo upimwe kandi warashinguwe bahari ariko naho upimiwe muganga kwerekana icvishe nta shobore nyakwigendera.
- [10] Asoza avuga ko nta sano riri hagati y'urupfu rwa Mukakabera Donata na Gatabazi Félicien kandi ko iyo uyu aba yarakoze icyaha ntacyari kumubuza kucyemera kuko imyaka irindwi amaze muri gereza yari gutuma amenya ububi bwacyo, ariko ko yanze kwigerekaho amaraso atamennye, akaba asaba uru

Rukiko kwemeza ko nta bimenyetso bihamya Gatabazi Félicien icyaha akurikiranweho akagirwa umwere.

- [11] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko Mukakabera Donata yishwe n'umugabo we Gatabazi Félicien wamufuhiye Kanyarukiga Jean Pierre amusomeje ku nzoga. Asobanura ko Gatabazi Félicien adahakana ko yafuhiye umugore we kuko yabiganirije bakuru be bamushinja ko yabasabye kumucungira umugore we ngo barebe ko adasambana na Kanyarukiga Jean-Pierre kandi ko kugeza ubu nta kimenyetso atanga cy'ibyo apfa nabo, bigaragaza ko nubwo Kanyarukiga Jean-Pierre ari we ntandaro y'urupfu rwa nyakwigendera atari we wamwishe, ndetse n'ibyo gatabazi Félicien aburanisha ko yahawe uburengenzira bwo gushingura nyakwigendera huti huti ariko icyemezo kigahira muri Gereza ya Muhanga nta shingiro bifite kuko ari indirimo imenyerewe mu bagororwa iyo babuze ibimenyetso by'ibyo bavuga naho iby'uko muganga atagaragaje icyishe Mukakabera Donata, ko nta gitangaza kirimo mu gihe umurambo wapimwe nyuma y'iminsi itandatu ushinguwe.
- [12] Asoza avuga ko nubwo ntawabonye Gatabazi Félicien yica Mukakabera Donata, kuba yarasomejwe ku nzoga n'umugabo gatabazi Félicien yakekaga ko amusambanya, bugacya yapfuye bihagije kumukeka kuko ariwe wari ufite inyungu muri urwo rupfu, icyo kimenyetso gisesenguwe hamwe n'imvugo z'abatangabuhamya bikaba byari bihagije ndetse nubu bihagije kugira ngo Gatabazi Félicien ahamwe n'icyaha akurikiranweho, bityo akaba asaba ko imikirize y'urubanza rwajuririwe igumaho.

UKO URUKIKO RUBIBONA

- [13] Ingingo ya 119 y'Itegeko Nº 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo iteganya ko "Mu manza nshinjabyaha, ibimenyetso bishingira ku mpamvu zose z'ibyabaye n'ibyemejwe n'amategeko, ababuranyi bapfa kuba barahawe uburyo bwo kuhaba ngo banyomozanye. Urukiko ruhamya ku buryo butavuguruzwa ko ibimenyetso byose birega cyangwa biregura ari byo kandi ko bishobora kwemerwa."
- [14] Ingingo ya 165 y'Itegeko N° 30/2013 ryo ku wa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya ko "Gushidikanya birengera ushinjwa. Iyo urubanza rwakurikiranywe mu buryo bwose, ntihagire ibimenyetso nyakuri biboneka byemeza nta shiti abacamanza ko ushinjwa yakoze icyaha koko, bagomba kwemeza ko atsinze."
- [15] Dosiye y'urubanza igaragaza ko Gatabazi Félicien yavugiye mu Bugenzacyaha no mu Bushinjacyaha ko Mukakabera Donata atari yasinze cyane ubwo yatahanaga na Kanyarukiga Jean-Pierre, ko mu gitondo abana bagiye kuvoma aribo bamusanze mu mazi, igikanu cyatabwe mu cyondo, amaguru ari hejuru, Se wabo bana witwa Busenyi Jean-Pierre ahita amuhamagara kuri telefone, ahageze ahasanga abapolisi, anahita ahamagara bene wabo wa nyakwigendera, nyuma yo kumushingura aza kumenya ko yakomeje guhamagarana na Kanyarukiga Jean-Pierre kuri telefoni mbere y'uko apfa. Asobanura ko icyatumye amushingura atabanje kumupimisha ari uko nta mafaranga yari afite, ariko ko musaza we witwa Gahima yari ahari ndetse anasinya ku nyandiko yo kumushingura ibitswe na Polisi y'Umurenge (cotes 22-25 na 67-70). Uwitwa Busenyi Jean-Pierre we yavuze ko ari mu barohoye umurambo wa

nyakwigendera, bamubwirwa nuko abana bari aho bamubonye bakarira bavuga ko ari nyina ariko ko atazi abamwishe (cotes 52).

- Dosiye y'urubanza igaragaza kandi ko Kanyarukiga Jean-[16] Pierre yavugiye mu Bugenzacyaha no mu Bushinjacyaha ko yari mu kabari kwa Gatabazi Félicien, uyu atongana n'umugore we amubaza icyo agikora mu kabari hamwe n'abagabo, abibonye atyo kandi umugore ariwe wamusomyaga aritahira, umugore aza amukurikiye, barajyana, uwo mugore aza kumusaba kumufasha gushaka umwuzukuru we wari wabuze, ariko ko bageze imbere Mukakabera Donata abanza guca kwa Riberakurora, undi aramanuka, abonye atinze kandi bafitanye gahunda yo gushaka umwuzukuru aramutelefona, abonye ataje arigendera, mu gitondo yumva inkuru ko Mukakabera Donata yapfuye ariko ko atazi uwamukurikiye ngo amwice uretse ko yumvise amakuru y'uko Gatabazi Félicien yari yasabye Riberakurora na bayugirije kubagenda inyuma ngo barebe ko badasambana, kandi ko Riberakurora atamushira amakenga kubera ko yigeze gutaburura urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi yibamo ibiringiti (cotes 12-15, 62 na 63).
- [17] Naho Riberakurora Théodor yabwiye Umugenzacyaha ko Mukakabera Donata yari asanzwe abana n'umugabo we neza, ko uwo munsi apfa yanyuze iwe, Kanyarukiga Jean-Pierre akomeza kumuhamagara amubwira ko amutinza, ku nshuro ya gatatu amubwira ko agiye, aribumusange ku mugezi, uwo mugezi akaba ariwo basanzemo Mukakabera Donata, umutwe winjiye mu isayo, bamukuramo ariko mbere yo kumushingura babikorera inyandiko, abwiye Gatabazi Félicien ko hari uwahamagaraga umugore we mbere y'uko apfa, amusaba guceceka kugirango babone uko bamushingura (cotes 26-32).

- [18] Dosiye y'urubanza igaragaza kandi ko Bavugirije Vedaste yavugiye mu Bugenzacyaha ko Gatabazi Félicien yamusabye kumucungira umugore kuko yari yasinze, undi akamusubiza ko atacunga umugore badasangiye, bukeye yumva inkuru y'uko Mukakabera Donata yapfuye (cotes 34-38). Naho Ngarukiye Damien na Ntawugayumugabo Phénias bari ku irondo bavuga ko Kanyarukiga Jean-Pierre yabanyuzeho ari kumwe n'umugore batamenye, kandi ko bari bataragera kwa Riberakurora, ariko ko muri iryo joro batigeze babona Gatabazi Félicien (cotes 46 na 49).
- Mujawamaliya Donatila, umuvandimwe wa Mukakabera [19] Donata, yavugiye mu Bugenzacyaha ko akeka ko ari Kanyarukiga Jean-Pierre na Gatabazi Félicien bishe Mukakabera Donata kubera ko Riberakurora yamubwiye ko mbere y'uko apfa Kanyarukiga JeanPierre yamuhamagaye kuri telefone, ubwa mbere amusaba kumusanga k'uwitwa Fidèle, ubwa kabiri amusaba kumusanga kuri Kadasobwa, umugezi bamusanzemo yapfuye, Gatabazi Félicien we akaba yarasanze umugore we vaguye ku gasozi aho kugirango amupimishe amenye icya mwishe akajijisha Polisi ko ari impanuka bigatuma ashyingurwa batamenye icyo yazize, ariko ko bashyingura musaza we witwa Munyandamutsa n'abandi bo mu muryango bari bahari kandi ko yumvise ko mbere yo gushyingura hakozwe inyandiko nubwo ntayo yabonye (cotes 8-9). Naho Ntawiragira Théogène we yavugiye mu Bugenzacyaha ko Gatabazi Félicien atari abanye neza n'umugore we kuko yigeze kumuvuna akaboko, ariko ko vamenye ko imiryango yanditse ngo nyakwigendera ashingurwe ariko atamenye impamvu yashyinguwe adapimwe n'icyatumye Gatabazi Félicien yarabanje kujya kurangura inzoga kandi yagize ibyago (cotes 4142).

- [20] Urukiko rurasanga, nk'uko bigaragara mu bika bya 11 na 12 by'urubanza rujuririrwa, Gatabazi Félicien yarahamijwe icyaha hashingiwe ku kuba yarasabye Mukakabera Donata kuva mu kabari kare, no gusaba Bavugirije Vedaste na Riberakurora Théodore kumurebera ko umugore we adasambana na Kanyarukiga Jean-Pierre, byagera mu gitondo bagasanga yapfuye, bituma Urukiko rwanzura ko ari we wamwishe kuko yari yamufuhiye, byumvikanisha ko ariwe wari ufite unyungu mu rupfu rwe, nyamara abatangabuhamya bose babajijwe harimo n'abari ku irondo ijoro Mukakabera Donata apfamo ndetse na Kanyarukiga Jean-Pierre watahanye na nyakwigendera kandi bari bafitanye gahunda yo kujya gushaka umwuzukuru we wari wazimiye, nta numwe uvuga ko yabonye Gatabazi Félicien akurikira Mukakabera Donata na Kanyarukiga Jean-Pierre cyangwa se ngo avuge ko na nyuma y'uko bagiye bamubonye aca mu nzira banyuzemo bataha, bigaragaza ko kuri iyi ngingo Gatabazi Félicien yahamijwe icyaha hashingiwe ku gukeka gusa ko ari we wari ufite inyungu mu rupfu ariko nta kimenyetso cy'uko ariwe wamwishe.
- [21] Urukiko rurasanga kandi mu gihe nta kindi kimenyetso gihamya Gatabazi Félicien urupfu rwa Mukakabera Donata, imyitwarire ye yabaye nyuma y'urupfu rwa nyakwigendera y'uko yanze kumenya amakuru y'uwamutelefonye bwa nyuma cyangwa yavuze ko nta mafaranga afite yo gupimisha umurambo mbere y'uko ushyingurwa, sibyo byafatwa nk'ikimenyetso gihamya Gatabazi Félicien icyaha akurikiranweho kuko iyo myitwarire, kabone nubwo igayitse, itagaragaza ko afite uruhare mu rupfu rwa nyakwigendera. Uyu murongo kandi uhura n'ibyemezwa n'umuhanga mu mategeko Snyman uvuga ko

gutera urupfu bisobanuye kurutera ku gihe n'ahantu nyakwigendera yapfiriye. ¹

[22] Urukiko rurasanga kandi abatangabuhamya babajijwe bemeza ko umurambo wavanywe mu mazi na Polisi, imvugo zabo zikaba zishimangirwa n'inyandiko yitwa "P.V. de descente" yakozwe na OPJ Nzaramba Remy, ikemezwa n'Umukuru w'Umudugudu wa Kazizi, witwa Ahishakiye Célestin ndetse n'abaturage bitwa Mbarubukeye Théogène na Nyabyenda Boniface (cote 58), kandi abagize umuryango wa nyakwigendera barimo basaza be bitwa Gahima na Munyandamutsa bakaba baremeranyijwe n'umuryango wa Gatabazi Félicien ko Mukakabera Donata ashingurwa ndetse babanza kubikorera inyandiko bashikirije Abayobozi b'Umurenge, ashingurwa abaturage n'Abayobozi b'Inzego z'ibanze barimo Kanyarukiga Jean-Pierre, ushinzwe umutekano mu Mudugudu wa Kazizi, bahari, byumvikanisha ko iyo haba hari ugukeka ko Makakabera Donata yishwe, izo nzego zose, basaza be ndetse n'abaturage bari aho ntibari kwemera ko Mukakabera Donata ashingurwa hamenyakane icyamwishe, bityo adapimwe ngo Ubushinjacyaha buburanisha ko Gatabazi Félicien yashinguye gusibanganya nyakwigendera hutihuti ntawubizi agamije ibimenyetso bimuhamya icyaha bikaba nta shingiro bifite.

[23] Urukiko rurasanga hashingiwe ku byasobanuwe no kumategeko yibukijwe hejuru, nta kimenyetso Urukiko rwagaragarijwe gihamya Gatabazi Félicien urupfu rwa Mukakabera Donata, bityo amakosa yakozwe n'Urukiko Rukuru,

¹ « ... in cases of murder or culpable homicide it must be remembered that « to cause the death » actually means to cause the death at the time when, and the place where, Y died. » CR Snyman, *Criminal Law*, Durban, Lexis-Nexis, 2002, P. 75.

Urugereko rwa Rusizi rukorera i Karongi rwo guhamya Gatabazi Félicien icyaha rushingiye gusa ku kuba yarashoboraga kugikora, akaba akwiye gukosorwa, Gatabazi Félicien akagirwa umwere. Ibi kandi bihura n'ibyemezwa n'abahanga mu mategeko ko Urukiko rudakwiye guhamya uregwa icyaha rushingiye gusa ku kuba byari gushoboka ko agikora, ahubwo icyo gihe, uko gukekeranya gukwiye kumurengera akagirwa umwere,² nabyo bishimangira ko Gatabazi Félicien akwiye kugirwa umwere ku cyaha akurikiranweho cyo kwica Mukakabera Donata.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [24] Rwemeje ko ubujurire bwa Gatabazi Félicien bufite ishingiro;
- [25] Rwemeje ko Gatabazi Félicien ari umwere ku cyaha cyo guhotora Mukakabera Donata yari akurikiranweho;
- [26] Rwemeje ko imikirize y'urubanza Nº RP 0015/11/HC/RSZK rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rusizi rukorera i Karongi ruhindutse kuri byose;
- [27] Rutegetse ko amagarama y'urubanza aherera ku Isanduku ya Leta.

² "Le juge ne saurait se contenter d'un lien probable ou possible. Il s'abstient de déduire la causalité de la simple succession des faits, et le moindre doute devra béneficier au prévenu. Le lien de causalité manque si la possibilité d'autres causes n'est pas exclue. » Nyabirungu mwene Songa, Traité de droit pénal Congolais, Kinshasa, Editions Universitaires, 2007, P. 321.

RWANDA LAW REPORTS

ENGLISH VERSION



Re. GLIHD

[Rwanda SUPREME COURT – RS/INCONST/SPEC 00002/2019/SC – (Rugege, P.J., Nyirinkwaya, Cyanzayire, Rukundakuvuga and Hitiyaremye, J.) October 4, 2019]

Constitution — Property right — Property right for those cohabitating as concubines — The rationale for sharing the property between those who have been cohabitating as concubines is because they acquired and owned it together — Those cohabitating as concubines when they separate, they share among themselves immovable and movable property they acquired together.

Court practice and procedures – The doctrine of precedent (stare decisis) – The Supreme Court as the highest court with its unique nature which makes it have jurisdiction on all types of cases that are heard by all courts so that it can set precedents for other courts to follow – The doctrine of precedent (stare decisis) requires each court to follow the precedent it set or set by a superior court when making a ruling on a case with similar facts.

Facts: GLIHD, petitioned the Supreme Court seeking to declare paragraph 2 of article 39 of Law N° 59/2008 of 10/09/2008 2008 on prevention and punishment of gender-based violence be inconsistent with articles 15,16 and 34 of the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 as amended in 2015.

In its submission, GLIHD explains that paragraph 2 of article 39 of the law mentioned above provides that it sharing of the properties of those who have been cohabiting as a husband and wife takes place only if one of them is going to get married to

another person; thus those who are cohabiting are not treated equally because there is no other ground or reason which was provided. It also argues that in case one of them want to have his or her share can't get it without first proving that the reason for their separation is to get married to another person, thus he/she cannot enjoy that property he/she acquired with the other partner they separated with.

The State Attorney argues that the claims of the are groundless because when paragraph 2 of Article 39 of the aforementioned law is repealed those who have been cohabiting as a husband and wife would be completely deprived of the right to property they acquired and that the clause itself would be meanless because all 4 paragraphs are complementary. She further stated that instead, it would be better if paragraph 2 of that article is amended, so that the sharing of the property takes place in case one of the partners is getting married, or if there is another reason why they should stop living together.

The Faculty of Law of the University of Rwanda, which intervened as Amicus Curiae states that paragraph 2 of the article mentioned above is not unconstitutional because there is no category which this law prevented from having their right on the property even the precedents set by the Supreme Court protects those who have been cohabitating as a husband and wife equally when they separate regardless of the reason for their separation.

